# IKINYARWANDA

## IGITABO CY'UMWARIMU

### UMWAKA WA KANE

### GAHUNDA Y'ABAFASHA B'ABAFOROMO

*© 2021 Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze,*

*Iki gitabo ni umutungo wa Leta y' u Rwanda*

*Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo bufitwe n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB)*

## IBIMENYETSO N'IMPINE BYAKORESHEJWE

| | |
|---|---|
| **NCDC** | National Curriculum Development Center |
| **REB** | Rwanda Education Board |
| **CTLRD** | Curriculum Teaching and Learning Resources Department |
| **USSD** | Unstructured Supplimentary Service Data |
| **MTN** | Mobile Telephone Network |
| **SMS** | Short Message Service |
| **RFI** | Radio France Internationale |
| **WWW** | World Wide Web |
| **Gov.** | Government |
| **Rw** | Rwanda |
| **Ltd** | Limited |
| **FRW** | Franc Rwandais |
| **VISA** | Virtual Instrument System Architecture |
| **nt.** | Inteko |
| **GR** | Ingombajwi y'indagi |
| **D** | Indomo |
| **J** | Inyajwi |
| **C** | Igicumbi |
| **Co** | Igicumbi kirimo inyajwi o |
| **Ce** | Igicumbi kirimo inyajwi e |
| **Z** | Umuzi |
| **Zo** | Umuzi urimo inyajwi o |
| **Ze** | Umuzi urimo inyajwi e |
| **RT** | Indanganteko |
| **RS** | Indangasano |
| **Rkzn** | Indangakinyazina |
| + | Ukwiyunga kw'inyajwi cyangwa ingombajwi. |
| →: | Ihinduka, bibyara |
| **Ø:** | Iburizwamo, ibura ry'akaremajambo gateganyijwe muri uwo mwanya. |

# IJAMBO RY'IBANZE

Barimu, barezi,

Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze runejejwe no kubagezaho igitabo k'Ikinyarwanda cy'umwarimu, umwaka wa kane, kigenewe Gahunda y'abafasha b'abaforomo.

Iki gitabo kizabafasha mu myigishirize ishingiye ku bushobozi bw'umunyeshuri mu kunoza imyigishirize y'ibiteganyijwe mu nteganyanyigisho y'Ikinyarwanda y'abafasha b'abaforomo.

Intego u Rwanda rufite mu burezi ni ugukora ku buryo umunyeshuri agera ku rwego rushimishije rujyanye n'ikiciro arimo. Ibyo bigamije gutegurira abanyeshuri kugira ubushobozi buzabafasha mu mirimo iboneka mu muryango nyarwanda no gukomeza amashuri yabo muri za kaminuza n'ibigo by'amashuri makuru bitandukanye.

Mu rwego rwo kuzamura ireme ry'uburezi, Guverinoma y'u Rwanda ishyira imbaraga mu gutegura imfashanyigisho zijyanye n'integanyanyigisho kugira ngo bifashe abanyeshuri mu myigire yabo. Hari impamvu nyinshi zituma abanyeshuri biga, ibyo bize bikabaha ubushobozi bwo gukora. Muri zo twavuga ibyigwa biteguye neza, abarimu beza, uburyo bw'imyigishirize, uburyo isuzuma rikorwa ndetse n'imfashanyigisho zateguwe.

Muri iki gitabo, twitaye cyane ku myitozo ifasha abanyeshuri mu myigire yabo. Iyo myitozo bayubakiraho batanga ibitekerezo ndetse banivumburira udushya, binyuze mu bikorwa bifatika bikorwa na buri wese ku giti ke cyangwa bari mu matsinda. Iyo myitozo ibafasha kandi kwimakaza indangagaciro zizatuma haboneka ubudasa kuri bo ubwabo ndetse no ku Gihugu muri rusange. Bafashijwe n'abarimu abanyeshuri bazunguka ubushobozi bushya bazifashisha mu buzima bwabo buri imbere.

Mu nteganyanyigisho ishingiye ku bushobozi, imyigire yubakiye ku munyeshuri, aho ategurirwa ibikorwa bimwinjiza mu isomo, bikamufasha kwiyungura ubumenyi, kongera ubushobozi ndetse no kwimakaza indangagaciro zikwiye. Ibi bitandukanye n'imyigire ya kera yari ishingiye ku bumenyi gusa, aho umwarimu yafatwaga nk'uzi byose. Ikindi kandi, ubu buryo buzafasha abanyeshuri gukora ibikorwa bitandukanye, batekereza ku byo bakora kandi banakoresha ubumenyi basanganywe muri iyo myigire.

Ni muri urwo rwego, mu mikoreshereze y'iki gitabo, mukwiye kwita kuri ibi bikurikira:

– Gutegura isomo n'imfashanyigisho ziboneye.
– Gushyira abanyeshuri mu matsinda mwita ku bushobozi bwa buri wese, ntimukore amatsinda y'abahanga gusa, ay'abakobwa gusa cyangwa ay'abahungu gusa.

- Guha abanyeshuri uruhare mu myigire yabo bajya impaka mu matsinda, bakorera imyitozo mu matsinda cyangwa buri wese ku giti ke kandi bakora ubushakashatsi.
- Gutegurira abanyeshuri uburyo buzamura ubushobozi bwabo mukoresheje imyitozo ituma batekereza byimbitse, bakemura ibibazo, bakora ubushakashatsi, bahanga udusha kandi babasha gusabana, gukorera hamwe no kubana n'abandi.
- Gufasha no koroshya uburyo bw' imyigire muha agaciro imyitozo abanyeshuri bakorera mu ishuri.
- Kuyobora abanyeshuri mu guhuza ibyo bakoze.
- Gushyigikira imyitozo yakorewe mu ishuri na buri munyeshuri ku giti ke, mu matsinda mato ndetse no mu matsinda magari no gukoresha isuzuma rishingiye ku bushobozi hakoreshejwe uburyo buboneye bwo gusuzuma.

Mu kuborohereza kwigisha amasomo yanyu, ibigize iki gitabo cy'umwarimu birasobanuye kugira ngo mugikoreshe ku buryo bworoshye. Iki gitabo kigizwe n'ibice bitatu:

- Igice cya mbere gisobanura imiterere y'igitabo n'uburyo bukoreshwa mu kwigisha.
- Igice cya kabiri kigizwe n'ingero z'imiteguro y'amasomo atandukanye.
- Igice cya gatatu kerekana uko buri somo riri mu gitabo cy'umunyeshuri ryigishwa.

Nubwo iki gitabo cy'umwarimu gifite ibisubizo by'imyitozo yose n'ibikorwa byose biri mu gitabo cy'umunyeshuri, ni ngombwa kubanza gusubiza buri kibazo na buri mwitozo mbere yo kumva no kugira icyo muvuga ku bisubizo abanyeshuri bamurikira abandi.

Twizeye ko iki gitabo kizafasha umwarimu kwigisha neza Ikinyarwanda hamwe n'umuco kibumbatiye. Kizamufasha kandi gukundisha abanyeshuri umuco wo gusoma no guhanga bigana ubuvanganzo bize kugira ngo bakurane inyota yo gutahura ibyiza by'Ikinyarwanda, kugisesengurana ubushishozi no kugikundisha abandi.

**Dr. MBARUSHIMANA Nelson**

**Umuyobozi Mukuru wa REB**

# GUSHIMIRA

Ndashimira byimazeyo buri wese wagize uruhare mu itegurwa ry'iki gitabo. Ntabwo iki gitabo k'Ikinyarwanda cyashoboraga gutegurwa uko bikwiye iyo hatabaho ubufatanye n'abafatanyabikorwa banyuranye.

Ndashimira mbere na mbere Ubunyamabanga Nshingwabikorwa Bushinzwe Abakozi bo mu Rwego rw'Ubuzima (HRHS) bwatangije kandi bagakurikiranira hafi umurimo wo kwandika iki gitabo.

Ndashimira abantu bose bitanze batizigamye kugira ngo umushinga wo kwandika iki gitabo urangire. Abo ni abakozi b'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa Bushinzwe Abakozi bo mu Rwego rw'Ubuzima (HRHS), abakozi b'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB), abakozi ba za Kaminuza, ab'ibitaro n'ab'ibigo by'amashuri yisumbuye binyuranye.

Ndashimira by'umwihariko ubuyobozi bwa za kaminuza, ibw'ibitaro n'ubw'ibigo by'amashuri yisumbuye binyuranye bwemereye abakozi babwo kuza kwandika iki gitabo.

Ndashimira kandi abafatanyabikorwa batandukanye, by'umwihariko Minisiteri y'Ubuzima, Minisiteri y'Uburezi ku bujyanama batahwemye kuduha, hamwe na Clinton Health Initiative (CHAI) kubera inkunga yabo batanze mu rwego rw'imari.

Habaye hari ubundi bwunganizi ku byanozwa muri iki gitabo twabwakira kugira ngo buzifashishwe mu ivugururwa ryacyo.

**MURUNGI Joan**

**Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho/REB**

# ISHAKIRO

**IBIMENYETSO N'IMPINE BYAKORESHEJWE** . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . **iii**

**IJAMBO RY'IBANZE** . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . **iv**

**GUSHIMIRA** . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . **vi**

**IGICE CYA I: INTANGIRIRO RUSANGE** . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . **1**

1. Imiterere y'igitabo ............................................................................................ 1
2. Imbonezamasomo ............................................................................................ 2

**IGICE CYA II: INGERO Z'IMITEGURO Y'AMASOMO NTANGARUGERO** . . . . . **9**

II.1. Isomo ryo gusoma, kumva no gusesengura umwandiko.......................... 9
II.2. Isomo ry'ubuvanganzo............................................................................ 16
II.3. Isomo ry'Ikibonezamvugo ....................................................................... 22

**UMUTWE WA 1: KUBUNGABUNGA UBUZIMA** . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . **27**

I.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe. . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . 27
I.2 Ibyo umunyeshuri asanzwe azi ..................................................................... 27
I.3 Ingingo nsanganyamasomo .......................................................................... 27
I.4 Igikorwa cy'umwinjizo .................................................................................. 27
I.5 Amasomo ari mu mutwe wa mbere n'igihe yagenewe ............................. 28

**UMUTWE WA 2: UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE** . . . . . . . . . . . . . . . . . . **49**

II.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe............................................................. 49
II.2 Ibyo umunyeshuri asanzwe azi .................................................................... 49
II.3 Ingingo nsanganyamasomo ......................................................................... 49
II.4 Igikorwa cy'umwinjizo ................................................................................. 49
II.5. Amasomo ari mu mutwe wa kabiri n'igihe yagenewe ............................ 50

**UMUTWE WA 3: UBUREZI N'UBURERE** . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . **70**

III.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe............................................................ 70
III.2 Ibyo umunyeshuri asanzwe azi ................................................................... 70
III.3 Ingingo nsanganyamasomo ........................................................................ 70
III.4 Igikorwa cy'umwinjizo ................................................................................ 71
III.5. Amasomo ari mu mutwe wa gatatu n'igihe yagenewe ........................... 72
III. 5.1 Isomo rya mbere: Gusoma, kumva no gusengura umwandiko " Kabayiza mu ihuriro " ............................................................................................ 73

**UMUTWE WA 4: UMUCO NYARWANDA . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . 105**

IV.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe........................................................ 105

IV.2.Ibyo umunyeshuri asanzwe azi ............................................................ 105

IV.3 Ingingo nsanganyamasomo ................................................................. 105

IV.4 Igikorwa cy'umwinjizo ........................................................................ 105

IV.5. Amasomo ari mu mutwe wa gatanu n'igihe yagenewe ........................ 106

**UMUTWE WA 5: KUBAHIRIZA UBURENGANZIRA BWA MUNTU . . . . . . . . 127**

V.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe......................................................... 127

V.2.Ibyo umunyeshuri asanzwe azi ............................................................. 127

V.3 Ingingo nsanganyamasomo .................................................................. 127

V.4 Igikorwa cy'umwinjizo ......................................................................... 127

V.5 Amasomo ari mu mutwe wa gatanu n'igihe yagenewe ........................... 128

**UMUTWE WA 6: IKORANABUHANGA N'ITUMANAHO. . . . . . . . . . . . . . . . . 141**

VI.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . 141

VI.2.Ibyo umunyeshuri asanzwe azi ............................................................ 141

VI.3 Ingingo nsanganyamasomo ................................................................. 141

VI.4 Igikorwa cy'umwinjizo ........................................................................ 141

VI.5. Amasomo ari mu mutwe wa gatanu n'igihe yagenewe ........................ 142

**UMUTWE WA 7: KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE. . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . 160**

VII.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe....................................................... 160

VII.2.Ibyo umunyeshuri asanzwe azi ........................................................... 160

VII.3 Ingingo nsanganyamasomo ................................................................ 160

VII.4 Igikorwa cy'umwinjizo ....................................................................... 160

VII.5. Amasomo ari mu mutwe wa gatanu n'igihe yagenewe ....................... 161

**IBITABO N'INYANDIKO BYIFASHISHIJWE . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . 173**

# IGICE CYA I: INTANGIRIRO RUSANGE

## 1. Imiterere y'igitabo

Iki gitabo kigenewe umwarimu wigisha mu mwaka wa kane mu mashuri y'abasha b'abaforomo. Iki gitabo ni imwe mu mfashanyigisho zigomba kumworohereza kwigisha amasomo atandukanye y'Ikinyarwanda. Iki gitabo kijyanye n'igitabo cy'umunyeshuri. Ni yo mpamvu umwarimu atagikoresha ukwacyo; ahubwo cyuzuzanya n'icy'umunyeshuri cyanditswe gihereye ku nteganyanyigisho y'Ikinyarwanda ishingiye ku bushobozi y'abafasha b'abaforomo.

Iki gitabo kigabanyijemo ibice bitatu: Igice cya mbere kigizwe n'intangiriro rusange, igice cya kabiri kigizwe n'imiteguro y'amasomo atandukanye, igice cya gatatu kigizwe n'imbonezamasomo z'amasomo ari muri buri mutwe.

Iki gitabo kigizwe n'imitwe irindwi. Buri mutwe ufite insanganyamatsiko wubakiyeho. Insanganyamatsiko zubakiye ku myandiko inyuranye. Izo nsanganyamatsiko ni izijyanye no kubungabunga ubuzima, uburinganire n'ubwuzuzanye, uburezi n'uburere, umuco nyarwanda, kubahiriza uburenganzira bwa muntu, ikoranabuhanga n'itumanaho no kubungabunga ibidukikije. Muri buri mutwe harimo kandi ubumenyi bw'ururimi umunyeshuri akeneye mu gukoresha ururimi yubaka interuro ziboneye, avuga cyangwa yandika.

Buri mutwe ugiye ugabanyijemo amasomo anyuranye. Buri somo rigenerwa imitota mirongo inani (80). Buri mutwe usozwa n'isuzuma rizafasha umwarimu gusuzuma ubushobozi bw'abanyeshuri kugira ngo arebe ko ari ngombwa guhita atangira undi mutwe cyangwa se ko agomba gusubira mu masomo atarumvikanye neza.

Muri iki gitabo harimo imyitozo myinshi n'ibisubizo byayo. Nyuma ya buri somo hateganyijwe imyitozo ndetse na nyuma ya buri suzuma hateganyijwe imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi. Iyo myitozo ikurikirwa n'imyitozo y'inyongera. Icyakora imyitozo iri mu gitabo si kamara umwarimu yayiheraho agashaka indi akurikije ikigero abanyeshuri bagezeho n'aho ishuri rye riherereye.

Muri iki gitabo kandi hateganyijwe amasomo ntangarugero afasha umwarimu gutegura no gutanga amasomo ye uko bikwiye. Harimo kandi n'ubumenyi bw'inyongera ku mitwe imwe n'imwe bitewe n'aho bukenewe.

Iki gitabo kirimo imbonezamasomo ihishurira umwarimu uburyo bwo kwigisha amasomo anyuranye ku buryo abanyeshuri babasha kugera ku bushobozi busabwa muri ayo masomo. Mu kwigisha rero, umwarimu asabwa gusuzuma ko intego yihaye zagezweho nyuma ya buri somo ndetse ko n'ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe muri buri mutwe bwagezweho.

Muri buri mutwe habonekamo isomo cyangwa amasomo yo gusoma, kumva no gusesengura umwandiko, isomo ry'ubuvanganzo cyangwa isomo ry'ikibonezamvugo

cyangwa isomo ry'ubumenyi bw'ururimi.

Mu mitwe imwe n'imwe habonekamo kandi isomo ryo kuvugira imbere y'abandi ibyo umunyeshuri yateguye ku giti ke cyangwa ibyo abanyeshuri bateguriye mu matsinda.

# 2. Imbonezamasomo

## 2.1. Imyigishirize ishingiye ku bushobozi

Guhera mu mwaka wa 2015 mu mashuri y'inshuke, abanza n'ayisumbuye u Rwanda rwasezereye imyigire n'imyigishirize yari ishingiye ahanini ku bumenyi, rwinjira mu myigire n'imyigishirize ishingiye ku bushobozi bukomatanya ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukesha. Bityo imyigire n'imyigishirize yahaga umwarimu umwanya munini isimburwa n'imyigire n'imyigishirize iha abanyeshuri uruhare runini. Ni imyigire iha umunyeshuri ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukesha bimufasha gushyira mu bikorwa ibyo yize no gutanga ibisubizo by'ibibazo ahura na byo mu buzima bwe n'ubw'abandi.

Mu myigire ishingiye ku bushobozi, abanyeshuri ni bo bahabwa uruhare runini mu myigire yabo. Umwarimu ahera ku byo abanyeshuri basanzwe bazi kandi bafitiye ubushobozi, akabafasha kuvumbura ibindi bungurana ibitekerezo mu matsinda yabo. Iyo abanyeshuri bakorera mu matsinda, umwarimu agenda abayobora atanga ubufasha ku babukeneye. Iyo barangije kungurana ibitekerezo mu matsinda, bamurika ibyo bagezeho, nyuma bagafatanya n'umwarimu kunonosora iby'ingenzi basigarana. Abanyeshuri ntibagomba gufatwa nk'aho nta cyo bazi. Umwarimu ntagomba kumva ko ari we ufite ubumenyi agomba kubapakiramo.  3

**Ubushobozi nsanganyamasomo**

Iki gitabo cy'umwarimu cy'umwaka wa kabiri giteguye ku buryo hagaragaramo ubushobozi nsanganyamasomo bukurikira: ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo, guhanga udushya, ubushakashatsi, gusabana mu Kinyarwanda, ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi, kwiga no guhora yiyungura ubumenyi.

Ibibazo bimwe na bimwe byo kumva no gusesengura umwandiko biba bisaba umunyeshuri gutekereza byimbitse. Bimufasha gukemura ibibazo ahuye na byo yifashishije ibyo yize. Mu bisubizo by'ibyo bibazo ni ho ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo bugaragarira. Ahandi ubwo bushobozi bugaragarira ni mu myanzuro y'ibibazo byo kujya impaka no kungurana ibitekerezo. Ni mu gihe kandi kuko biba ari ibibazo bituma abanyeshuri batekereza cyane uburyo bakemura ibibazo bashobora guhura na byo mu buzima bwabo bwa buri munsi.

Muri iki gitabo kandi hakubiyemo imyitozo yo guhanga iha abanyeshuri urubuga rwo guhanga imyandiko y'ingeri z'ubuvanganzo zinyuranye.

Iyi myitozo ni yo ituma abanyeshuri bimakaza umuco wo guhanga udushya.

Mu myitozo y'inyunguramagambo abanyeshuri basabwa gukoresha inkoranyamagambo bashaka ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe, ni ho ubushakashatsi bugaragarira. Iki gitabo kandi giteguye ku buryo umwarimu asaba abanyeshuri kwitabira amasomero bagahabwa ibibazo bakwifashisha kugira ngo basesengure ikibonezamvugo cyangwa ingeri y'ubuvanganzo runaka.

Abanyeshuri basabana kandi mu Kinyarwanda bajya impaka cyangwa bungurana ibitekerezo na bagenzi babo. Umwarimu agomba kubatoza kuvugira mu ruhame no kujora ibitekerezo bya bagenzi babo mu bwubahane.

Hakubiyemo kandi imyitozo isaba abanyeshuri gukorera mu matsinda anyuranye. Iyi myitozo ituma abanyeshuri bagira ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi.

Mu gihe umunyeshuri yiga, ahabwa kandi imikoro inyuranye akorera ahandi hatari ku ishuri nko mu rugo cyangwa mu isomero. Iyi myitozo ni yo imufasha kwiga no guhora yiyungura ubumenyi.

Iyo umwarimu yigisha agomba kwita ku myitozo ikubiyemo ubu bushobozi nsanganyamasomo kugira ngo intego zabwo zigerweho.

**Ingingo nsanganyamasomo**

Ingingo nsanganyamasomo zibanzweho muri iki gitabo ni umunani. Izo ngingo nsanganyamasomo ni umuco w'amahoro, umuco wo kuzigama, umuco w'ubuziranenge, ibidukikije, jenoside, ubuzima bw'imyororokere, uburezi budaheza, uburinganire n'ubwuzuzanye. Izi ngingo nsanganyamasomo zigaragarira mu mashusho, mu myandiko, mu bikorwa by'umunyeshuri no mu myitozo itandukanye kandi zigenda zigaragara mu mitwe itandukanye y'iki gitabo.4

## 2.2. Ingingo nsanganyamasomo

Ingingo nsanganyamasomo zibanzweho muri iki gitabo ni umunani. Izo ngingo nsanganyamasomo ni umuco w'amahoro, umuco wo kuzigama, umuco w'ubuziranenge, ibidukikije, jenoside, ubuzima bw'imyororokere, uburezi budaheza, uburinganire n'ubwuzuzanye. Izi ngingo nsanganyamasomo zigaragarira mu mashusho, mu myandiko, mu bikorwa by'umunyeshuri no mu myitozo itandukanye kandi zigenda zigaragara mu mitwe itandukanye y'iki gitabo.

## 2.3. Kwita ku buryo bunyuranye bw'imyigire y'abanyeshuri

Mu myigire n'imyigishirize ishingiye ku bushobozi bw'uwiga, umwarimu agomba kuzirikana ko abanyeshuri yigisha barimo ingeri zitandukanye. Mu ishuri abanyeshuri ntibanganya ubushobozi mu myigire yabo kandi n'uburyo bakoresha mu myigire yabo buratandukanye.

Buri wese agira uburyo bwihariye bwo kwiga bumworohera kandi bumubangukira. Bamwe biga neza iyo bahawe ibisobanuro birambuye intambwe ku ntambwe, mu magambo cyangwa mu nyandiko abandi bakiga neza babonye ibisobanuro rusange cyangwa inshamake.

Hari abiga neza ari uko bakoze ubushakashatsi bakivumburira, abandi bakiga neza bahereye ku mashusho, ibimenyetso no kureba uko ibintu bikorwa, mu gihe abandi biga neza ari uko bahuje ibintu bakabona amasano bifitanye. Hari abakunda guhanga udushya aho gusubira mu bintu bimwe naho abandi bakiga neza iyo bajya impaka banasobanurirana n'abandi.

Umwarimu rero agomba kugira uburyo bwo kwigisha butandukanye bufasha abo banyeshuri bose mu myigire yabo ariko yita buri gihe ku ihame ry'uko umunyeshuri ari we pfundo ry'imyigire n'imyigishirize. Ibi kandi abikora ahereye ku miterere ya buri somo, intego yaryo, imfashanyigisho zikoreshwa n'igihe rimara, uburyo bwihariye buri munyeshuri akoresha mu myigire ye, ubushobozi bwe n'uko asobanukirwa ibyo yiga.

## 2.4. Kwita ku bafite ibibazo byihariye

Mu ishuri, umwarimu asabwa kwita ku bafite ibibazo byihariye kugira ngo bashobore kujyana n'abandi. Umwarimu akora ku buryo yandika ku kibaho imyitozo ikorwa kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva bayisome. Iyo umwarimu asoma, arangurura ijwi kugira ngo afashe abatumva neza ndetse n'abafite ubumuga bwo kutabona. Abatumva neza umwarimu abicaza hafi, akabasaba kumureba avuga, agakoresha ibishushanyo aho bishoboka hose, agakoresha ibimenyetso n'amarenga uko abishoboye.

Abatabona neza abicaza akurikije imiterere y'ubumuga bwo kutabona bafite byaba ari imbonahafi cyangwa imbonakure. Bityo abafite imbonahafi abicaza hafi naho abafite imbonakure akabicaza ahitaruye. Abafite ubumuga bw'ingingo z'umubiri, umwarimu abashakira umwanya bicaramo ubafasha mu myigire yabo.

Abafite ubumuga bwo mu mutwe umwarimu atangira abafasha mu byo bakora ariko gahorogahoro akagenda agabanya ubufasha abagenera. Umwarimu arabareka bagakorana n'abandi banyeshuri kandi akabatera umwete mu byo bagenda bageraho n'imbaraga bakoresha.

Abagenda buhoro mu myigire yabo bagomba gushyirwa mu matsinda y'ababyumva kurusha abandi kugira ngo babazamure, kandi umwarimu akabibandaho ababaza n'iyo baba batateye urutoki kugira ngo basubize. Bahabwa kandi imyitozo yihariye ituma bazamura ubushobozi bwabo.

## 2.5. Uburyo isuzuma rikorwa

Umwarimu agomba kugenzura imyigire n'imyigishirize akusanya amakuru ajyanye n'uburyo buri munyeshuri yiga ndetse no gufata umwanzuro ku byo umunyeshuri yagezeho hashingiwe ku bipimo byagenwe mbere yo gukora isuzuma. Isuzuma rero ni igice k'ingenzi mu myigire n'imyigishirize. Muri iki gitabo cy'umwarimu, amasuzuma na yo yateguwe ashingiye ku bushobozi. Hakubiyemo ibibazo binyuranye bijyanye n'ubuzima bwa buri munsi bituma umunyeshuri ashyira mu bikorwa ibyo yize.

Amasuzuma ari muri iki gitabo ari ukubiri: imyitozo y'isuzuma umwarimu agomba guha abanyeshuri nyuma y'isomo asuzuma ko intego z'isomo zagezweho. Hari kandi n'imyitozo y'isuzuma risoza umutwe ituma umwarimu afata umwanzuro wo gutangira undi mutwe. Kuri buri suzuma hategurwa kandi imyitozo nzamurabushobozi ikorwa n'abanyeshuri bagaragaje ubushobozi buke mu isuzuma ryakozwe, hakaba n'indi myitozo nyagurabushobozi igenerwa abanyeshuri bagaragaje ubushobozi bwo kumva ibyo bize kurusha abandi ku buryo budasanzwe. Ibyo bifasha buri munyeshuri gukomeza gutera intambwe ashingiye ku bushobozi amaze kugeraho.

Nyuma yo gukora isuzuma, umwarimu agabanya abanyeshuri mu byiciro bibiri. Abatashoboye gutsinda isuzuma ryatanzwe akabaha imyitozo nzamurabushobozi ibafasha gushyira mu bikorwa ibyo bize. Mu gihe barimo kuyikora, abagaragaje ubushobozi bwo kumva ibyo biga kurusha abandi bo baba bakora imyitozo nyagurabushobozi.

Isuzuma ritegurwa hashingiwe ku ntego zihariye z'isomo cyangwa ku bigenderwaho mu isuzuma rya buri mutwe. Isuzuma riteguye ku buryo risaba umunyeshuri gushyira mu bikorwa ibyo yize. Cyakora hagenda hagaragaramo n'ibibazo bike bimusaba kugaragaza ubumenyi bw'ibyo yize. Mu itegurwa ry'iri suzuma ibibazo bikurikirana hashingiwe ku nzego z'intego z'imyigire n'imyigishirize zagenwe n'umuhanga mu iyigandero Bulumu (Bloom). Ni ukuvuga ko ibibazo biri ku ntera zo hejuru ku rwego rw'intego ari byo bihabwa umwanya ugaragara muri iki gitabo kurusha ibibazo bishingiye ku ntera zo hasi zijyanye n'ubumenyi.

## 2.6. Imyigishirize y'amasomo

### 2.6.1. Imbonezamasomo yo kwigisha gusoma, kumva no gusesengura umwandiko

Muri iki gice hakubiyemo amasomo ajyanye no gusoma, gusobanura amagambo, kumva no gusesengura umwandiko.

1. **Intangiriro**

Mu ntangiriro, umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo by'ivumburamatsiko biganisha ku mwandiko bagiye gusoma.

Ibyo bibazo bishobora gushingira ku mashusho ari mu gitabo cyangwa ku buzima busanzwe. Ibibazo bishingiye ku mashusho abanyeshuri babisubiza babanje kwitegereza amashusho yo ku mwandiko bagiye gusoma.

**2. Uko isomo ryigishwa**

**a) Gusoma bucece**

Iyo basoma umwandiko babanza kuwusoma bucece nyuma bakaza kuwusoma baranguruye. Gusoma bucece bikorwa buri gihe iyo abanyeshuri bagiye gusoma bwa mbere umwandiko mushya. Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece akagenda agenzura uko bikorwa. Umwarimu abatoza gusoma bucece badahwihwisa.

Mu gihe basoma bucece umwarimu abasaba kugenda bandika amagambo batumva neza kugira ngo baze kuyasobanura nyuma. Ubu buryo bwo gusoma ni ingenzi ku munyeshuri kuko bumutegura kuza gusoma neza aranguruye adategwa. Iyo barangije gusoma bucece umwarimu ababaza ibibazo basubiza bavuga. Ni ibibazo byoroheje bidasaba kwinjira mu mwandiko cyane.

**b) Gusoma baranguruye**

Iyo abanyeshuri barangije gusoma umwandiko bucece, umwarimu abasomera by'intangarugero agaragaza isesekaza. Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma batajijinganya. Abanyeshuri basoma basimburana kugeza umwandiko urangiye. Umwarimu agomba kugenda akosora abanyeshuri aho basoma nabi anagenzura ubukesha bwabo mu kwitabira gusoma.

Iyo basoma baranguruye, umwarimu akora ku buryo yita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Buri wese amufasha bitewe n'ikibazo afite. Nk'iyo mu ishuri harimo umunyeshuri ufite ikibazo cyo kutumva neza, umwarimu asaba umunyeshuri ugiye gusoma kurangurura ijwi ku buryo na we yumva.

**c) Gusobanura amagambo no gusubiza ibibazo ku mwandiko**

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda. Iyo bakora amatsinda bakora ku buryo agenda anyuranya. Babiribabiri, batatubatatu cyangwa banebane. Si byiza gukora amatsinda arengeje abanyeshuri batanu. Amatsinda kandi agomba kuba arimo ibitsina byombi aho bishoboka kandi avanga abanyeshuri bumva vuba kurusha abandi n'abagenda buhoro mu myigire yabo. Abagize buri tsinda bitoramo umuyobozi w'itsinda ugenda yandika ibyo bumvikanyeho akaza kubimurika igihe kigeze.

Iyo bamaze gukora amatsinda, umwarimu abasaba gusobanura amagambo badasobanukiwe babonye igihe basoma hanyuma bagasubiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko biri mu bitabo byabo. Iyo ibibazo byatanzwe ari byinshi, umwarimu arabibagabanya; amatsinda amwe agakora bimwe andi agakora ibindi.

Umwarimu abaha igihe cyo kubikora.

Iyo igihe yabahaye kirangiye, umunyeshuri umwe muri buri tsinda wagiye yandika ibyo bumvikanyeho ajya kubigaragaza imbere ya bagenzi be kandi abanyeshuri bakajya basimburana muri icyo gikorwa. Mu gihe cyo kumurika ibyavuye mu matsinda, amatsinda yose agenda asimburana mu kugaragaza bimwe mu byo bagezeho, ibyo barangije kumvikanaho, abandi bakirinda kubisubiramo.

Bitewe n'igihe umwarimu afite, itsinda rimwe rimurika ibijyanye n'inyunguramagambo irindi rikamurika ibibazo byabajijwe ku mwandiko. Ibisubizo bya buri tsinda bigakorerwa ubugororangingo. Iyo ibibazo byatanzwe atari byinshi buri tsinda ribisubiza byose ariko hakamurika itsinda rimwe ayandi agakora ubugororangingo, bikandikwa.

**3. Umwitozo**

Iyo bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo. Bashobora kuwukorera mu matsinda cyangwa buri wese ku giti ke. Kuri buri mwitozo, ikibazo cya nyuma ni ikibazo gisaba abanyeshuri gutanga ibitekerezo cyangwa kujya impaka. Icyo kibazo gishobora no gukomeza nyuma y'isomo kigakorwa nk'umukoro.

## 2.6.2. Imbonezamasomo yo kwigisha isomo ry'ubuvanganzo

**1. Intangiriro**

Mu ntangiriro umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibukiranya isomo baheruka kwiga bikamufasha gushimangira ibyizwe mbere. Mu ntangiriro kandi umwarimu ashobora gukosora umukoro niba hari uwo yahaye abanyeshuri.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu yongera gusaba abanyeshuri kongera gusoma bitegereza imiterere y'umwandiko w'ubuvanganzo. Akabasaba gutahura inshoza n'uturango byawo.

Umwarimu ahereye ku bisubizo by'abanyeshuri ababwira ubuvanganzo bagiye kwiga ubwo ari bwo. Ahereye ku biri mu gikorwa cy'umwinjizo, umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora ubushakashatsi ku bibazo byatanzwe ku nteruro cyangwa ku gika bivugwa mu mwinjizo. Kugira ngo ubushakashatsi bwabo bugende neza, umwarimu arangira abanyeshuri ibitabo bakwifashisha mu nzu y'isomero ndetse akanabaha ibindi bibazo bibayobora mu bushakashatsi bwabo kugira ngo bashobore gukora ubushakashatsi bwimbitse. Umwarimu abaha igihe cyo kubikora, cyarangira akabasaba kumurika ibyavuye mu bushakashatsi bwabo.

**3. Umwitozo**

Iyo bamaze kumurika ibyavuye mu bushakashatsi, umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo. Bashobora kuwukorera mu matsinda cyangwa buri wese ku giti ke.

**4. Umukoro**

Inyuma y'umwitozo ku isomo ry'ubuvanganzo hakurikiraho umukoro abanyeshuri bashobora gukora batashye cyangwa bakawukorera mu isomero mu masaha atari ay'isomo. Uwo mukoro ubafasha gushyira mu bikorwa ibyo bize mu ihange ry'ubuvanganzo.

## 2.6.3. Imbonezamasomo yo kwigisha isomo ry'ikibonezamvugo

**1. Intangiriro**

Mu ntangiriro, umwarimu ashobora kubanza kugenzura uko abanyeshuri bakoze umukoro mu gihe uhari. Iyo ibyo birangiye, abaza abanyeshuri isomo baheruka kwiga. Umwarimu ashobora kandi gusaba abanyeshuri gusoma bitegereza interuro cyangwa igika byavuye mu mwandiko baheruka kwiga birimo amagambo yanditse aciyeho akarongo cyangwa atsindagiye yafasha gutahura ikibonezamvugo bagiye kwiga. Umwarimu ashobora kubaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku kibonezamvugo kigiye kwigwa.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Iyi ntera itangirana n'igikorwa cy'umwinjizo. Umwarimu asaba abanyeshuri gukora ibisabwa ku gikorwa cy'umwinjizo kiri mu bitabo byabo bari mu matsinda. Muri aya matsinda, abanyeshuri bakora ubushakashatsi ku bibazo byatanzwe ku nteruro cyangwa ku gika bivugwa mu mwinjizo. Kugira ngo ubushakashatsi bwabo bugende neza, umwarimu arangira abanyeshuri ibitabo bakwifashisha mu nzu y'isomero ndetse akanabaha ibindi bibazo bibayobora mu bushakashatsi bwabo kugira ngo bashobore gukora ubushakashatsi bwimbitse.

Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu areba niba amatsinda yose yakoze neza umurimo bahawe hanyuma agatoranya amatsinda make rimwe rikamurikira abandi ibyo ryakoze ku gice runaka, irindi ku kindi, bityobityo. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**3. Umwitozo**

Iyo bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo. Bashobora kuwukorera mu matsinda cyangwa buri wese ku giti ke.

**Ikitonderwa**

Hari ubundi bumenyi bw'ururimi butavuzwe muri ibyo bice bufite imbonezamasomo yihariye. Muri bwo twavuga guhanga no guhina umwandiko, kuririmba no gukina bigana n'ibindi.

Iyo ari uguhanga, umwarimu asaba abanyeshuri gusoma ikibazo kijyanye no guhanga kiri mu bitabo byabo kikandikwa ku kibaho no mu makayi yabo. Iki kibazo akibaha nk'umukoro. Umukoro ushobora gukorerwa mu matsinda cyangwa gukorwa n'umunyeshuri ku giti ke. Umwarimu abaha igihe cyo kubikora, cyarangira bagakosorera hamwe igihangano mu matsinda, buri tsinda rikagaragaza uko ribona igihangano ryasomye. Umwarimu agenda akosora agaragariza buri tsinda cyangwa buri wese ibitagenda neza mu gihangano yakoze.

Iyo ari ugukina bigana, umwarimu abanza gusobanurira abanyeshuri imiterere ya bamwe mu bakina nkuru basabwa kwigana, akabasaba gukina babigana. Umwarimu agenda abakosora kugeza igihe bagereye ku byo basabwa kwerekana imbere ya bagenzi babo.

# IGICE CYA II: INGERO Z'IMITEGURO Y'AMASOMO NTANGARUGERO

## II.1. Isomo ryo gusoma, kumva no gusesengura umwandiko

Izina ry'ishuri: ...................................Amazina y'umwarimu: ...................................

| Igihe-mbwe cya | Itariki | Inyigisho | Umwaka wa | Umutwe wa | Isomo rya | Igihe isomo rimara | Umubare w'aba-nyeshuri |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| kabiri | 15/2/2022 | Ikinya-rwanda | kane | kane | 1muri 4 | Iminota 80 | 30 |
| Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo. | Abanyeshuri babiri batumva neza | | | | | | |
| Umutwe wa kabiri | Umuco nyarwanda | | | | | | |
| Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe | – Gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi ziwugize.<br>– Kurondora no gusobanura ingeri z'ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda.<br>– Guhanga yigana zimwe mu ngeri z'ubuvanganzo nyemvugo bwo wmuri rubanda.<br>– Gukina yigana imisango y'ubukwe. | | | | | | |
| Isomo | Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko: Ruhinyuza | | | | | | |

| | |
|---|---|
| Intego ngenamukoro | Ahereye ku mwandiko yahawe, nyuma y'iri somo umunyeshuri araba arashobora:<br>— Gusoma neza umwandiko.<br>— Gusubiza neza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko byawubajijweho.<br>— Gukoresha neza mu nteruro amagambo yungukiye mu mwandiko. |
| Imiterere y'aho isomo ribera | Isomo rizatangirwa mu ishuri, aho bishoboka abanyeshuri bicaye mu buryo bw'igice cy'uruziga. |
| Imfashanyigisho | Imfashanyigisho z'iyumvabona, imfashanyigisho zitegwa amatwi. |
| Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe | Integanyanyigisho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'ibindi bitabo binyuranye by'Ikinyarwanda. |

<table>
<tr><td rowspan="3">Ibice by'isomo + igihe</td><td colspan="2">Gusobanura muri make igikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora.</td><td rowspan="3">Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo</td></tr>
<tr><td colspan="2">Umwarimu yifashishije umwandiko watanzwe, amashusho n'izindi mfashanyigisho zifatika afasha abanyeshuri gusoma umwandiko, gusobanura amagambo badasobanukiwe no gusubiza ibibazo byawubajijweho, abafite ibyo bagenerwa byihariye bitabwaho.</td></tr>
<tr><td>Ibikorwa by'umwarimu</td><td>Ibikorwa by'umunyeshuri</td></tr>
<tr><td colspan="4">1. Intangiriro: Iminota 5</td></tr>
<tr><td></td><td>— Kubaza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga.<br>Urugero rw'ibibazo:<br>1. Ni inde wanyibutsa isomo duheruka kwiga?<br>2. Ni zihe nyunguramagambo twize?<br>3. Hagire umpa urugero rw'ijambo n'impuzanyito yaryo</td><td>— Gusubiza ibibazo babajijwe.<br>Urugero rw'ibisubizo :<br>1. Isomo duheruka kwiga ni inyunguramagambo.<br>2. Twize impuzanyito, impuzashusho, imvugwakimwe, ingwizanyito n'imbusane.<br>3. Umukambwe: umusaza</td><td>Ubushobozi nsanganyamasomo<br>— Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira kunoza ibisubizo bitangwa)<br>Ingingo nsanganyamasomo<br>— Uburinganire n'ubwuzuzanye: Umwarimu yita ku bitsina byombi.</td></tr>
</table>

| | | | |
|---|---|---|---|
| | | | — Uburezi budaheza umwarimu yita ku banyeshuri bafite ubumuga bwo kutumva neza. |
| **2. Isomo nyirizina: Iminota 25** | | | |
| **2.1. Kwivumburira ibikubiye mu isomo** | — Gusaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece bandika amagambo badasobanukiwe.<br>— Kubaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.<br>**Urugero rw'ibibazo:**<br>1. Ni irihe zina ry'umujura uvugwa mu mwandiko?<br>2. Izina ry'umujurauvugwa mu mwandiko rihuriye he n'ibiwuvugwamo?<br>3. Ruhinyuza ageze mu rugo yari agiye kwibamo byamugendekeye bite?<br>— Gusoma by'intangarugero<br>— Gusaba abanyeshuri gusoma mu ijwi riranguruye umwumwe basimburana<br>— Gushyira abanyeshuri mu matsinda. | — Abanyeshuri gusoma bucece bandika amagambo badasobanukiwe.<br>**Urugero rw'ibisubizo**:<br>1. Umujura uvugwa mu mwandiko ni Ruhinyuza<br>2. Izina ry'umujura Ruhinyuza rihuye n'ibivugwa mu mwandiko kuko havugwamo ukuntu yashatse guhinyuza Imana.<br>3. Ruhinyuza ageze mu rugo yari agiye kwibamo yasanze Imana irimo<br>4. gutuka umwana.<br>— Gutega amatwi uko umwarimu asoma<br>— Abanyeshuri gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye umwumwe basimburana.<br>— Kwicara mu matsinda | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>— Gusabana mu Kinyarwanda (buri wese agahabwa umwanya wo kuvuga uko abyumva).<br>— Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze).<br>— Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | — Gusaba abanyeshuri gusomera umwandiko mu matsinda, gusobanura amagambo badasobanukiwe bifashishije inkoranyamagambo cyangwa uko yakoreshejwe mu mwandiko no gusubiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko.<br>— Kugena igihe cyo gukora icyo gikorwa.<br>— Gusaba amatsinda arimo abanyeshuri bafite ubumuga bwo kutumva neza kujya basoma baranguruye kugira ngo na bo bashobore kumva neza.<br>— Kugendagenda mu ishuri atanga ubufasha aho bukenewe. | — Gusomera umwandiko mu matsinda, gusobanura amagambo badasobanukiwe bifashishije inkoranyamagambo cyangwa uko yakoreshejwe mu mwandiko no gusubiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko.<br>— Kubahiriza igihe cyagenywe.<br>— Mu matsinda arimo abanyeshuri bafite ubumuga bwo kutumva, abanyeshuri basoma baranguruye kugira ngo abafite ubumuga na bo bashobore kumva neza.<br>— Gusaba ubufasha bw'umwarimu iyo bibaye ngombwa. | **Ingingo nsanganyama-somo**<br>— Umuco w'amahoro: mu kungurana ibitekerezo mu matsinda abanyeshuri barashishikarizwa gukorera mu bwumvikane.<br>— Uburezi budaheza, aho abanyeshuri basoma mu ijwi riranguruye kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva babashe kumva. |
| **2.2. Kumurika ibyagezweho** | — Igihe cyagenwe kirangiye, gusaba abanyeshuri kumurika ibyavuye mu matsinda | — Kumurika ibyavuye mu matsinda. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>— Gusabana mu Kinyarwanda abanyeshuri bahabwa umwanya wo kuvuga uko abyumva. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | | | **Ingingo nsanganyamasomo**<br>– Uburinganire n'ubwuzuzanye: Umwarimu yita ku bitsina byombi.<br>– Uburezi budaheza umwarimu yita ku banyeshuri bafite ubumuga bwo kutumva neza. |
| **2.3. Kunoza ibyamuritswe** | Kunoza no kwandika ku kibaho ibyavuye mu matsinda. | Gufatanya n'umwarimu kunoza ibyavuye mu matsinda no kubyandika mu makayi yabo.<br>**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:** Reba aho iryo somo riri mu gitabo cy'umwarimu. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>– Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze.<br>– Uburinganire n'ubwuzuzanye: Umwarimu yita ku bitsina byombi.<br>– Uburezi budaheza umwarimu yita ku banyeshuri bafite ubumuga bwo kutumva neza. |
| **2.4. Imyitozo** | – Gusaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu gitabo cyabo.<br>– Gusaba abanyeshuri umwumwe gusubiza ibibazo by'imyitozo. | – Abanyeshuri gukora imyitozo iri mu gitabo cyabo.<br>– Abanyeshuri umwumwe gusubiza ibibazo by'imyitozo. | **Ubusobozi nsanganyamasomo**<br>– Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | | | **Ingingo nsanganyamasomo**<br>– Uburinganire n'ubwuzuzanye: Umwarimu yita ku bitsina byombi.<br>– Uburezi budaheza umwarimu yita ku banyeshuri bafite ubumuga bwo kutumva neza. |
| **2.5. Umusozo w'isomo/ Inshamake** | – Kubaza abanyeshuri iby'ingenzi bize mu mwandiko basomye.<br>**Urugero rw'ikibazo:**<br>Muvuge iby'ingenzi mwize muri uyu mwandiko "Ruhinyuza". | – Kuvuga iby'ingenzi bize mu mwandiko basomye.<br>**Urugero rw'igisubizo:**<br>Imana ishobora byose, ibyo ivuze bibaho. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze).<br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br>– Uburinganire n'ubwuzuzanye: Umwarimu yita ku bitsina byombi.<br>– Uburezi budaheza umwarimu yita ku banyeshuri bafite ubumuga bwo kutumva neza. |
| **3. Isuzuma** | | | |
| | Kubaza abanyeshuri ibibazo byo gusuzuma ko intego z'isomo zagezweho. | Gusubiza ibibazo by'isuzuma babajijwe. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze. |

<table>
<tr><td></td><td></td><td></td><td>Ingingo nsanganyamasomo<br>– Uburinganire n’ubwuzuzanye: Umwarimu yita ku bitsina byombi.<br>– Uburezi budaheza umwarimu yita ku banyeshuri bafite ubumuga bwo kutumva neza.</td></tr>
<tr><td>5. Umukoro</td><td></td><td></td><td></td></tr>
<tr><td></td><td>Gusaba abanyeshuri kwandukura umukoro uri mu gitabo cyabo no kuzagaruka bawukoze.</td><td>Kwandukura umukoro no kuzawukora ku giti cyabo.</td><td>Ubushobozi nsanganyamasomo<br>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze.</td></tr>
<tr><td colspan="4">5. Kwisuzuma (umwarimu)</td></tr>
<tr><td></td><td colspan="3">– Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo akurikije intego yari yihaye.<br>– Kugaragaza imbogamizi yahuye na zo (igihe zihari).</td></tr>
</table>

## II.2. Isomo ry'ubuvanganzo

**Izina ry'ishuri: ......................................Amazina y'umwarimu: ........................**

| **Igihembwe cya** | **Itariki:** | **Inyi-gisho:** | **Umwa-ka wa:** | **Umutwe wa:** | **Isomo rya:** | **Igihe isomo rimara:** | **Umubare w'abanye-shuri:** |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Kabiri | 22/2/2022 | Ikinya-rwanda | kane | kane | 2muri4 | Iminota 80 | 30 |
| Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirizen'umubare wabo: | **Abanyeshuri batatu babona buhoro** | | | | | | |

| **Umutwe wa kabiri** | **Umuco nyarwanda** |
|---|---|
| Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe | — Gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi ziwugize.<br>— Kurondora no gusobanura ingeri z'ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda.<br>— Guhanga yigana zimwe mu ngeri z'ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda.<br>— Gukina yigana imisango y'ubukwe. |
| **Isomo** | **Ingeri z'ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda** |
| Intego ngenamukoro | Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>— Gutahura inshoza y'ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda.<br>— Kurondora no gusobanura ingeri z'ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda.<br>— Guhanga umwandiko ahereye ku ngeri z'ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda. |
| Imiterere y'aho isomo ribera | Isomo riratangirwa mu ishuri, aho bishoboka abanyeshuri bicaye mu matsinda. |
| Imfashanyigisho | Igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri. |
| Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe | Integanyanyigisho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda n'ibindi bitabo binyuranye by'Ikinyarwanda, imbuga nkoranyambuga. |

<table>
<tr><td rowspan="3">Ibice by’isomo + Igihe</td><td colspan="2">Gusobanura muri make igikorwa umwarimu n’umunyeshuri basabwa gukora.</td><td rowspan="3">Ubushobozi n’ingingo nsanganyamasomo</td></tr>
<tr><td colspan="2">Umwarimu yifashishije umwandiko wizwe ubushize, abaza ibibazo bifasha abanyeshuri gutahura inshoza y’ubuvanganzo nyarwanda nyemvugo zo muri rubanda, gusobanura ingeri zabwo, abafite ibyo bagenerwa byihariye (abanyeshuri batatu babona buhoro) bagafashwa bicazwa mu myanya y’imbere aho bareba neza ibyanditse ku kibaho.</td></tr>
<tr><td>Ibikorwa by’umwarimu</td><td>Ibikorwa by’umunyeshuri</td></tr>
<tr><td colspan="4">1. Intangiriro: Iminota 5</td></tr>
<tr><td></td><td>— Gusaba abanyeshuri gukosora umukoro batahanye.<br>— - Kubaza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga<br><br>Urugero rw’ibibazo:<br>1. Umwandiko duheruka kwiga wavugaga ku ki?<br>2. Ni iki Imana yatutse umwana?<br>3. Ese Ruhinyuza yageze ku cyo yashakaga? Kubera iki?</td><td>Gusubiza ikibazo cy’umukoro batahanye.<br><br>— Gusubiza ibibazo ku mwandiko.<br><br>Urugero rw’ibisubizo:<br>1. Umwandiko duheruka kwiga wavugaga kuri Ruhinyuza, umugabo washatse guhinyuza Imana.<br>2. Imana yatutse umwana ko azicwa n’ihembe ry’inzovu<br>3. Oya. Ruhinyuza ntiyageze ku cyo yashakaga ko icyo Imana yari yari yaravuze ko kizica umwana ari cyo cyamwishe.</td><td>Ubushobozi nsanganyama-somo:<br><br>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo buri wese aharanira gutanga cyangwa kunoza ibisubizo.</td></tr>
</table>

| 2. Isomo nyirizina: Iminota 25 | | | |
|---|---|---|---|
| **2.1. kwivuburira ibikubiye mu isomo** | — Gushyira abanyeshuri mu matsinda no kubasaba gukora igikorwa 4.2 kiri mu gitabo cyabo.<br><br>***Igikorwa:***<br><br>*Kora ubushakashatsi ugaragaze inshoza y'ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda, urondore kandi usobanure ingeri zabwo.*<br><br>- Gusoma mu ijwi riranguruye cyangwa kwandika ku kibaho igikorwa 4.2 kugira ngo abafite ibibazo byihariye byo kubona buhoro babashe kucyumva no kucyandika.<br><br>- Kugena igihe cyo gukora icyo gikorwa.<br><br>- Kugendagenda mu ishuri atanga ubufasha aho bukenewe. | — Kujya mu matsinda.<br>— Gukora igikorwa 4.2 kiri mu gitabo cyabo bajya mu isomero bagakora ubushakashatsi bakagaragaza inshoza y'ubuvanganzo nyarwanda nyemvugo bwo muri rubanda, bakarondora kandi bagasobanura ingeri zabwo.<br>— Mu matsinda arimo abanyeshuri bafite ubumuga bwo kutabona neza, kwandika mu nyuguti nini igikorwa no kugisoma mu ijwi riranguruye.<br><br>— Kubahiriza igihe cyagenywe.<br><br>— Gusaba ubufasha bw'umwarimu iyo bibaye ngombwa. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br><br>— Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira kunoza ibisubizo bitangwa)<br>— Gusabana mu Kinyarwanda (buri wese yisanzura mu gutanga ibitekerezo)<br>— Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi<br>— Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira kunoza ibisubizo bitangwa)<br><br>Ingingo nsanganyamasomo<br>— Uburinganire n'ubwuzuzanye(mu gihe mu matsinda)<br><br>Uburezi budaheza<br><br>(n'abafite ibyo bagenerwa byihariye barafashwa bigishwe bimwe n'iby'abandi ) |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **2.2. kumurika ibyagezweho** | — Gusaba abanyeshuri kumurika ibyakorewe mu matsinda batahura inshoza y'ubuvanganzo nyarwanda nyemvugo zo muri rubanda kandi bagaragaza ingeri zabwo. | — Kumurika ibyagezweho batahura inshoza y'ubuvanganzo nyarwanda nyemvugo zo muri rubanda kandi bagaragaza ingeri zabwo. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>— Gusabana mu Kinyarwanda buri wese yisanzura mu gutanga ibitekerezo.<br>— Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi<br>— Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo buri wese aharanira kunoza ibisubizo bitangwa.<br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br>— Uburinganire n'ubwuzuzanye yita ku bitsina byombi.<br>Uburezi budaheza yita ku bafite ibyo bagenerwa byihariye. |
| **2.3. kunoza ibyamuritswe** | — Gufasha abanyeshuri kunonosora ibyavuye mu matsinda.<br>— Gusaba abanyeshuri kwandukura mu makayi yabo ibyanogejwe. | — Kunoza ibyavuye mu matsinda bafatanyije n'umwarimu<br>— Kwandukura mu makayi yabo ibyanogejwe. | |
| **2.4. Imyitozo** | — Gusaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo.<br>— Gusaba abanyeshuri umwumwe gusubiza ibibazo by'imyitozo. | Abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo.<br>— Abanyeshuri umwumwe gusubiza ibibazo by'imyitozo. | **Ubushobozi nsanganyamasomo:**<br>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo<br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br>Uburezi budaheza:<br>Umwarimu yita ku banyeshuri bose kimwe akanafasha abafite ibyo bagenerwa byihariye |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **2.5. Umusozo w'isomo: Iminota: 10** | — Gusaba abanyeshuri kugaragaza mu nshamake ibyo bamaze kwiga ku nshoza n'ingeri by'ubuvanganzo nyarwanda nyemvugo bwo muri rubanda. | — Kuvuga mu nshamake ibyo bamaze kwiga ku ku nshoza n'ingeri by'ubuvanganzo nyarwanda nyemvugo bwo muri rubanda. | **Ubushobozi nsanganyamasomo:**<br>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo<br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br>Uburezi budaheza:<br>Umwarimu yita ku banyeshuri bose kimwe akanafasha abafite ibyo bagenerwa byihariye |
| **3. Isuzuma** | | | |
| | — Gutanga ibibazo by'isuzuma.<br>**Urugero rw'ibibazo:**<br>1. Sobanura ubuvanganzo nyarwanda nyemvugo bwo muri rubanda.<br>2. Rondora zimwe mu ngeri z'ubuvanganzo nyarwanda nyemvugo bwo muri rubanda. | — Gusubiza ibibazo by'isuzuma.<br>**Urugero rw'ibisubizo:**<br>1. Ubuvanganzo nyarwanda nyemvugo bwo muri rubanda ni ibihangano byahimbwe n'abantu ba kera, bakaba barahimbaga batandika, bakabifata mu mutwe.<br>2. Ibitekerezo byo muri rubanda, imigani miremire, imigani migufi, insigamigani, ibisigo by'ubuse, ibyivugo by'amahomvu n'ibindi. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze.<br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br>— Uburinganire n'ubwuzuzanye: Umwarimu yita ku bitsina byombi.<br>— Uburezi budaheza umwarimu yita ku banyeshuri bafite ubumuga bwo kutumva neza. |

| 4. Umukoro | | | |
|---|---|---|---|
| | — Gutanga umukoro uri mu bitabo by'abanyeshuri.<br>— Gusoma umukoro mu ijwi riranguruye kugira ngo hafashwe abafite ibibazo byihariye.<br>— Gusaba abanyeshuri kuzagaruka mu isomo rikurikiraho barangije kuwukora. | Kwandukura umukoro no kuzawukora  buri wese ku giti ke. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze.<br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br>— Uburinganire n'ubwuzuzanye: Umwarimu yita ku bitsina byombi.<br>— Uburezi budaheza umwarimu yita ku banyeshuri bafite ubumuga bwo kutumva neza. |
| **5. Kwisuzuma (Umurezi)** | | | |
| | — Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo akurikije intego yari yihaye n'uko baryakiriye.<br>— Kugaragaza imbogamizi kuri iryo somo (igihe zihari). | | |

## II.3. Isomo ry'Ikibonezamvugo

**Izina ry'ishuri: ..............................Amazina y'umwarimu:....................................**

| Igihembwe cya | Itariki | Inyigi-sho | Umwaka wa | Umutwe wa | isomo rya | Igihe isomo rimara | Umubare w'aba-nyeshuri |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| gatatu | 10/5/2022 | Ikinya-rwanda | gatanu | kabiri | 3 muri 4 | Iminota 80 | 30 |

| | |
|---|---|
| Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo | **Abanyeshuri babiri batabona neza ibyanditse kure.** |
| Umutwe wa gatandatu | Ikoranabuhanga n'itumanaho |
| Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe | – Gusesengura umwandiko uvuga ibijyanye n'ikoranabuhanga n'itumanaho agaragaza ingingo z'ingenzi.<br>– Gutahura, gukoresha neza no gusesengura ntera n'izina ntera n'igisantera.<br>– Gukoresha neza inshinga mu bihe byayo no mu buryo bwayo. |
| Isomo | Inshinga: Inshoza, ubwoko, ibihe n'uburyo by'inshinga |
| Intego ngenamukoro | Ahereye ku nteruro zinyuranye umwarimu yandika ku kibaho, umunyeshuri araba ashobora:<br>– Kugaragaza inshoza, ubwoko, ibihe n'uburyo by'inshinga.<br>– Gukoresha neza inshinga mu nteruro. |
| Imiterere y'aho isomo ribera | Isomo rizatangirwa mu ishuri, aho bishoboka abanyeshuri bicaye mu buryo bw'igice cy'uruziga. Abafite ibyo bagenerwa bicaye aho babona neza ibyanditse. |
| Imfashanyigisho | Imfashanyigisho z'iyumvabona, imfashanyigisho zitegwa amatwi. |
| Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe | Integanyanyigisho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'ibindi bitabo binyuranye by'Ikinyarwanda. |

| Ibice by'isomo + igihe | Gusobanura muri make igikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora | Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo |
|---|---|---|
| | Gusobanura igikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora:<br><br>Umwarimu yifashishije interuro zakuwe mu mwandiko araziheraho afatanye n'abanyeshuri kugaragaza inshoza, ubwoko, uburyo n'ibihe by'inshinga. | |

<table>
<tr><th></th><th>Ibikorwa by’umwarimu</th><th>Ibikorwa by’umunyeshuri</th><th></th></tr>
<tr><td colspan="4">1. Intangiriro: Iminota 10</td></tr>
<tr><td></td><td>Kubaza abanyeshuri ibibazo ku isomo baheruka kwiga<br><br>Urugero rw’ibibazo :<br>1. Ni irihe zina ry’umwandiko duheruka kwiga?<br>2. Uwo mwandiko wavugaga ku ki?<br>3. Ni akahe kamaro k’ikoranabuhanga n’itumanaho mu iterambere?</td><td>– Gusubiza ibibazo<br><br>Urugero rw’ibisubizo:<br>1. Umwandiko duheruka kwiga ni ikoranabuhanga ryaragikemuye.<br>2. Uwo mwandiko wavugaga ku kamaro k’ikoranabuhanga n’itumanaho.<br>3. Itumanaho ryihutisha imirimo bityo hakabaho iterambere ryihuse.</td><td>Ubushobozi nsanganyamasomo<br>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo buri wese aharanira kunoza ibisubizo bitangwa.<br>Ingingo nsanganyamasomo<br>Uburinganire n’ubwuzuzanye ab’ibitsina byombi bitabwaho.</td></tr>
<tr><td colspan="4">2. Isomo nyiri izina: Iminota 50</td></tr>
<tr><td>2.1. kwivumburira ibikubiye mu isomo</td><td>– Gushyira abanyeshuri mu matsinda.<br>– Gusaba abanyeshuri gukora igikorwa 6.3 kiri mu gitabo cyabo.<br>– Gushyira abanyeshuri mu matsinda no kubasaba gukora igikorwa 6.3 kiri mu gitabo cyabo.</td><td>– Abanyeshuri kwicara mu matsinda.<br>– Gukorera mu matsinda igikorwa 6.3<br>– Gukora ubushakashatsi bagatahura inshoza, amoko, ibihe n’ubwoko by’inshinga.</td><td>Ubushobozi nsanganyamasomo<br>– Gusabana mu Kinyarwanda (buri wese agahabwa umwanya wo kuvuga uko abyumva).<br>– Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo.<br>– Ubufatanye, imibanire ikwiye n’abandi n’ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi.</td></tr>
</table>

| | | | |
|---|---|---|---|
| | ***Igikorwa:***<br><br>*Kora ubushakashatsi utahure inshoza, amoko, ibihe n'ubwoko by'inshinga.*<br>— Gusoma mu ijwi riranguruye cyangwa kwandika ku kibaho igikorwa 6.3 kugira ngo abafite ibibazo byihariye babashe kucyumva no kucyandika.<br>— Kugena igihe cyo gukora icyo gikorwa.<br>— Kugendagenda mu ishuri atanga ubufasha aho bukenewe. | — Kubahiriza igihe cyagenywe.<br>— Gusaba ubufasha niba bukenewe. | **Ingingo nsanganyamasomo**<br>— Uburinganire n'ubwuzuzanye: Umwarimu yita ku bitsina byombi.<br>— Uburezi budaheza umwarimu yita ku banyeshuri bafite ubumuga bwo kutumva neza. |
| **2.2. kumurika ibyagezweho** | Gusaba abanyeshuri kumurika no kunoza ibyavuye mu matsinda | Kumurika ibyavuye mu matsinda. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br><br>Gusabana mu Kinyarwanda buri wese agahabwa umwanya wo kuvuga uko abyumva. |
| **2.3.kunoza ibyavuye mu matsinda** | Kunoza ibyavuye mu matsinda no ku bikorera ubugororangingo Bigaragara mu gitabo cy'umwarimu. | Gufatanya n'umwarimu kunoza ibyavuye mu matsinda no kubyandika mu makayi yabo. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze.<br><br>**Ingingo nsanganyamasomo** |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | | | — Uburinganire n'ubwuzuzanye: Umwarimu yita ku bitsina byombi.<br>— Uburezi budaheza umwarimu yita ku banyeshuri bafite ubumuga bwo kutumva neza. |
| **2.4.Umusozo w'isomo/**<br><br>**Ikomatanya** | Kubaza abanyeshuri iby'ingenzi ku nshinga. | Kuvuga iby'ingenzi bize ku nshinga: inshoza, ubwoko n'ibihe by'inshinga. | Ubushobozi nsanganyamasomo<br><br>**Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze).** |
| **2.5. Imyitozo** | — Gusaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo.<br>— Gusaba abanyeshuri umwumwe gusubiza ibibazo by'imyitozo. | Abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo.<br><br>- Abanyeshuri umwumwe gusubiza ibibazo by'imyitozo. | |
| **3. Isuzuma: Iminota 20** | | | |
| | Gutanga ibibazo by'isuzuma. | Gusubiza ibibazo by'isuzuma. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze.<br><br>Ingingo nsanganyamasomo<br><br>Uburezi budaheza:<br><br>Umwarimu yita ku banyeshuri bose kimwe akanafasha abafite ibyo bagenerwa byihariye |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **4. Umukoro** | | | |
| | **Gutanga umukoro** | **Kwandukura umukoro.**<br><br>**Kuzawukosora** | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br><br>Ubushakashatsi (buri wese aharanira kunguka ibindi byiyongera ku byo yize).<br>– Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi (buri munyeshuri ashishikarira kunguka byinshi no kwirinda guta ishuri).<br><br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br><br>Uburezi budaheza<br><br>Umukoro utangwa abanyeshuri bose bagomba kuwukora kimwe |
| 5. **Kwisuzuma (umurezi)** | | | |
| | – Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo akurikije intego yari yihaye.<br>– Kugaragaza imbogamizi yahuye na zo (igihe zihari). | | |

# UMUTWE WA 1 KUBUNGABUNGA UBUZIMA

## I.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi ziwukubiyemo.
- Gutegura no kuvuga ikiganiro mbwirwaruhame.
- Kwandika neza inyuguti n'ibihekane by'Ikinyarwanda.

## I.2 Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

- Akamaro ko kubungabunga ubuzima.
- Inyuguti n'ibihekane by'Ikinyarwanda.

## I.3 Ingingo nsanganyamasomo

| Ingingo nsanganyamasomo | Aho igaragara mu muri uyu mutwe |
|---|---|
| Uburinganire n'ubwuzuzanye | Mu bikorwa byose umwarimu yita ku banyeshuri b'ibitsina byombi.<br>Mu mwandiko "Kwirinda biruta kwivuza" abaje mu muganda ni abagore n' abagabo bigaragaza ubwuzuzanye. |
| Uburezi budaheza | Mu bikorwa byose umwarimu yita ku banyeshuri bose (harimo n'abafite ibyo bagenerwa byihariye). |
| Umuco w'ubuziranenge | Mu mwandiko "Inkingo" n'akamaro kazo, bungurana ibitekerezo ku buziaranenge bw'inkingo. |

## I.4 Igikorwa cy'umwinjizo

Umwarimu aha abanyeshuri igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

**Urugero rw'igikorwa n'urugero rw'ibisubizo:**

***Rondora indwara ziterwa n'isuku nke n'indwara z'ibyorezo uvuge n'uburyo butandukanye bwo kuzirinda.***

Hari indwara ziterwa n'isuku nke y'ibiribwa cyangwa y'ibinyobwa nk'impiswi, macinya, inzoka zo mu nda zinyuranye n'izindi. Twazirwanya tugirira isuku ibiribwa turya n'amazi tunywa kandi tugakaraba intoki mbere yo kurya cyangwa tuvuye mu bwiherero.

Hari indwara ziterwa no kutagirira isuku umubiri wacu cyangwa imyambaro nk'ubuheri, inda, imvunja n'izindi. Kuzirwanya ni ukugirira isuku aho tuba no kugirira isuku umubiri wacu.

***Uramutse ufite ibirori kandi ari wowe mushyitsi mukuru, ugomba kuvuga ijambo ry'umunsi, ni ibiki wakwitaho ngo ijambo ryawe rishimishe abaryumva? Ni iyihe myifatire wumva yakuranga mu gihe uri kuvugira imbere y'abo ugezaho ijambo ryawe?***

Nakwita ku nsanganyamatsiko ndibuvugeho, nkamenya neza abo ndibubwire n'ibibashimisha.

Imyifatire yandanga, nakwita ku myambarire idakojeje isoni, navuga ndeba abo mbwira, nakwirinda imvugo nyandagazi....

***Ushingiye ku bumenyi ufite garagaza ibyiciro by'inyuguti z'Ikinyarwanda.***

Inyuguti z'Ikinyarwanda zigabanyijemo inyajwi, ingombajwi n'inyerera.

Bwira abanyeshuri ko ibisubizo kuri ibi bibazo bazagenda babibona mu masomo baziga muri uyu mutwe.TW

## I.5 Amasomo ari mu mutwe wa mbere n'igihe yagenewe

| **Umutwe wa gatanu: Kubungabunga ubuzima** | | **Umubare w'amasomo: 12** |
|---|---|---|
| **Amasomo** | **Intego rusange** | **Umubare w'amasomo** |
| Isomo rya mbere: Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko "Kwirinda biruta kwivuza" | — Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo adasobanukiwe,<br>— Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.<br>— Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko. | **Amasomo 2** |
| Isomo rya kabiri: Amabwiriza y'imyandikire y'ikinyarwanda: Inyajwi, ingombajwi, inyerera n'ibihekane | — Kwandika  neza inyuguti n'ibihekane by'Ikinyarwanda. | **Amasomo 2** |

| | | |
|---|---|---|
| Isomo rya gatatu: Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko: Indwara z'ibyorezo | — Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo adasobanukiwe,<br>— Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.<br>— Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko. | Amasomo 2 |
| Isomo rya kane: Imbwirwaruhame | — Gusobanura imbwirwaruhame icyo ari cyo, uko itegurwa n'imyifatire y'uvuga imbwirwaruhame. | Amasomo 2 |
| Isomo rya gatanu: Kuvuga imbwirwaruhame | Gutegura no kuvuga ikiganiro mbwirwaruhame. | Amasomo 2 |
| Isomo rya gatanu: Isuzuma risoza umutwe wa mbere | | Amasomo 2 |

## I. 5.1 Isomo rya mbere: Gusoma, kumva no gusengura umwandiko "Kwirinda biruta kwivuza"

| Intego zihariye |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>— Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.<br>— Gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.<br>— Gusubiza neza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi ziwugize. |
| **Imfashanyigisho:** **I**gitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi. |

### 1. Intangiriro

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "Kwirinda biruta kwivuza" bagiye gusoma uyibabazeho ibibazo.

**Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo :**

**a) Mwitegereje iyi shusho murabonaho iki?**

Abantu bafite ibikoresho binyuranye bigaragara ko bavuye mu muganda.

**b) Umuyobozi wabo ari gukora iki?**

Ari gutanga ikiganiro ku buzima.

**c) Ni iki kigaragaza ko ari gutanga icyo kiganiro?**

Abaturage bose bamuteze amatwi, ikindi kandi hari icyapa cyanditseho ngo:

Dusobanukirwe zimwe mu ndwara ziterwa n'umwanda dufatanye kuzirwanya.

**2. Uko isomo ryigishwa**

**a) Gusoma bucece**

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwihwisa, bandika amagambo badasobanukiwe hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**1. Ibivugwa muri uyu mwandiko byabaye ku wa kangahe?**

Ibivugwa byabaye ku wa Gatandatu.

**2. Ikiganiro cyatanzwe cyavugaga ku yihe nsanganyamatsiko?**

Ikiganiro cyavugaga ku ndwara ziterwa n'umwanda.

**3. Ni izihe ndwara zavuzwe ziterwa n'umwanda?**

Indwara ziterwa n'umwanda zirimo impiswi, macinya n'inzoka zo mu nda.

**b) Gusoma baranguruye**

Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho basoma nabi kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

**c) Gusobanura amagambo no gusubiza ibibazo ku mwandiko**

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Saba abanyeshuri gukora **igikorwa 1.1** kiri mu gitabo cyabo ubahe n'igihe cyo kugikora. Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

*Soma umwandiko ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko kandi usubize n'ibibazo byawubajijweho.*

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Itsinda rimwe rimurike ibijyanye n'inyunguramagambo irindi rimurike ibijyanye n'ibibazo byabajijwe ku mwandiko. Fatanya n'abagize andi matsinda kugorora no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

### Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe

**Gusobanura amagambo**

a) **Intore:** abantu bafite umuco mbese buje indangagaciro na kirazira.

b) **Insanganyamatsiko:** ingingo nyamukuru iba igiye kuvugwaho.

c) **Gukumira:** guhagarika ikintu ukakibuza gukwirakwira cyangwa guheza kure yawe ikintu udashaka ntikigere aho uri.

d) **Ise:** indwara ifata uruhu rukagenda rusa n'urweruruka.

e) **Ubuziranenge:** ubudakemwa bw'ikintu.

**Kumva no gusesengura umwandiko**

1. **Ni izihe ndwara ziterwa n'umwanda zavuzwe mu mwandiko?**

Hari iziterwa n'isuku nke y'ibiribwa n'ibinyobwa nk'impiswi, macinya, inzoka n'izindi. Hari n'iziterwa n'isuku nke yo ku mubiri no ku myambaro nk'ubuheri, ise, amavunja, indwara zinyuranye z'amenyo n'izindi.

2. **Ni iki cyakorwa ngo hakumirwe indwara ziterwa n'umwanda?**

Kwitabira kugira isuku igihe cyose, ahantu hose no ku gikorwa cyose gisaba kugira isuku.

3. **Ukurikije ibivugwa mu mwandikoko, garagaza uburyo butandukanye dushobora kwanduramo indwara ziterwa n'umwanda.**

Tuzandura kubera kutagirira isuku ibiribwa n'ibinyobwa no kutagirira isuku umubiri wacu n'aho tuba.

4. **Garagaza ingingo z' ingenzi ziri mu mwandiko.**

Ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko ni:

Indwara ziterwa n'umwanda.

Uburyo bwo kwirinda indwara ziterwa n'umwanda.

Kumenya no gukumira ingaruka ziterwa n'umwanda.

5. **Huza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe.**

*Umwarimu arareba uko abanyeshuri bahuje ibivungwa mu mwandiko n' ubuzima bwa buri munsi.*

6. **Ni izihe indwara ziterwa n'umwanda zitavuzwe mu mwandiko? Ni gute twazirinda?**

Indwara zo mu matwi: kuzirwanya ni ukugirira amatwi isuku ukoresha udupampa twabugenewe, wirinda gushyira mu matwi ibibonetse byose.

Indwara ya Ebora: Kuyirwanya ni ukugira isuku igihe cyose ukirinda gukora ku muntu wagaragaweho n'ubwandu bwa Ebora cyangwa gukora ku matembabuzi yose amuvuyeho. Kwihutira kujya kwa muganga mu gihe yagaragaweho n'ubwandu.

**d) Umwitozo**

Saba abanyeshuri gukora babiribabiri umwitozo w'inyunguramagambo uri mu bitabo byabo. Yobora abanyeshuri bakore ikosora rusange ry'umwitozo.

**Ibibazo n'ibisubizo by'umwitozo w'inyunguramagambo**

Tanga nk'umukoro ikibazo cya kabiri *"Gira icyo uvuga ku ndwara ziterwa n'umuwanda n'uburyo zakwirindwa"* kizakosorwe mu ntangiriro y'isomo rikurikiraho.

## I.5.2 Isomo rya kabiri: Amabwiriza y'imyandikire y'ikinyarwanda "Inyajwi, ingombajwi, inyerera n'ibihekane"

| **Integozihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>– Kwandika neza yubahiriza amabwiriza y'imyandikire y'inyajwi, inyerera, ingombajwi n'ibihekane.<br>– Kujora no gukosora inyandiko zifite imyandikire itanoze y'inyajwi, inyerera, ingombajwi n'ibihekane. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igazeti irimo amabwiriza y'imyandikire y'Ikinyarwanda n'ibindi. |

**1. Intangiriro**

Yobora abanyeshuri bakosore umukoro batahanye. Baza bamwe mu banyeshuri batange ibisubizo, abandi babigorore byandikwe ku kibaho hanyuma abanyeshuri babyandike mu makayi yabo.

**Umukoro n'urugero rw'ibisubizo**

Gira icyo uvuga ku ndwara ziterwa n'umuwanda n'uburyo zakwirindwa.

| Indwara iterwa n'umwanda | Uko yakwirindwa |
|---|---|
| Korera | Kugira isuku y'ibiribwa n'ibinyobwa no gukaraba intoki kenshi. |
| impiswi | Kugira isuku y'ibiribwa n'ibinyobwa no gukaraba intoki kenshi. |
| Inzoka zo mu nda | Kugira isuku y'ibiribwa n'ibinyobwa no gukaraba intoki kenshi. |

| | |
|---|---|
| Amavunja | Isuku yo ku mubiri, iy'imyambaro n'iy'aho kuba. |
| Macinya | Kugira isuku y'ibiribwa n'ibinyobwa no gukaraba intoki kenshi. |
| Tifoyide | Kugira isuku y'ibiribwa n'ibinyobwa no gukaraba intoki kenshi. |

**2. Uko isomo ryigishwa**

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora igikorwa 1.2 kiri mu bitabo byabo. Amatsinda amwe akore ku myandikire y'inyajwi andi ku myandikire y'ingombajwi andi ku myandikire y'inyerera n'andi ku myandikire y'ibihekane. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

*Ushingiye ku bumenyi ufite, garagaza amabwiriza agenga imyandikire y'inyajwi, ingombajwi, inyerera n'ibihekane mu Kinyarwanda.*

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Kuri buri ngingo hamurike itsinda rimwe. Fatanya n'abagize andi matsinda kugorora no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Ibisubizo byanogejwe**

**Amabwiriza y'imyandikire y'ikinyarwanda: Inyajwi, ingombajwi, inyerera n'ibihekane**

**1. Imyandikire y'inyajwi**

Haseguriwe imyandikire y'ubutinde n'amasaku, inyajwi z'Ikinyarwanda zandikishwa inyuguti zikurikira: a, e, i, o, u.

Gukurikiranya inyajwi mu myandikire isanzwe mu Kinyarwanda birabujijwe, uretse mu nyandiko ya gihanga yubahiriza ubutinde n'amasaku, mu ijambo (i) saa ry'iritirano ribanziriza amasaha, mu marangamutima, mu migereka n'inyigana birimo isesekaza, na bwo handikwa inyajwi zitarenze eshatu.

Ingero:

- Saa kenda ndaba ngeze iwawe.
- Irangamutima "yooo"!
- Umugereka: Ndagukunda "cyaneee"!
- Inyigana "pooo"! ; "mbaaa"!

## 2. Imyandikire y'inyerera

Inyerera ni ijwi ritari inyajwi ntiribe n'ingombajwi, ariko rifite uturango rihuriraho n'inyajwi n'utundi rihuriraho n'ingombajwi. Ayo majwi ajya kuvugika nk'inyajwi, nyamara kandi ugasanga yitabaza inyajwi nk'ingombajwi kugira ngo avugike neza. Iki ni cyo gituma yitwa inyerera. Inyerera z'Ikinyarwanda zandikishwa inyuguti w na y.

Ingero

- Uwiga aruta uwanga.
- Iyange yatakaye.

## 3. Imyandikire y'ingombajwi

Ingombajwi z'Ikinyarwanda zandikishwa inyuguti imwe. Ni izi zikurikira: b, c, d, f, g, h, j, k, m, n, p, r, l, s, t, v, z.

**Ikitonderwa**

- Inyuguti "l" ikoreshwa gusa mu izina bwite "Kigali", umurwa mukuru wa Repubulika y'u Rwanda, mu ijambo "Repubulika", mu ijambo "Leta"no mu mazina bwite y'amanyamahanga y'abantu n'ay'ahantu, urugero nka Angola, Londoni, Lome, Lusaka, Buruseli, Aluberi...
- Inyuguti "l" izaguma gukoreshwa mu mazina bwite y'amanyarwanda y'abantu n'ahantu yari isanzwe ikoreshwamo kandi bayiswe mbere y'aya mabwiriza.

## 4. Imyandikire y'ibihekane

Ibihekane by'Ikinyarwanda byandikishwa ibimenyetso bikurikira:

| | |
|---|---|
| bw (bg): ubwanwa, Kabgayi | nw: umunwa, akananwa |
| cw: icwende, imicwira | pfw: gukapfakapfwa |
| dw: kudwinga, kudagadwa | pfyw: byakapfakapfywe |
| fw: igufwa, igifwera | pw: gukopwa, icapwa |
| gw: kugwa, umugwaneza | rw: umurwi, urwuri |
| by: kubyibuha, kubyuka | shw: umushwi, gushwana |
| cy: gucyocyora, gucyaha | shyw: ishywa, umwishywa |
| jy: urujyo, kujyana | sw: umuswa, Igiswayire |
| ny: inyana, inyungu | tsw: kotswa, kwatswa |
| my: umurimyi, imyugariro | tw: ugutwi, umutware |
| hw: amahwa, umuhwituzi | vw: bwahovwe |

jw: kujijwa, ijwi
kw: gukwa, umukwabu
mw: umwana, umwuga
mbw: imbwa, imbwebwe
mfw: imfwati
mpw: impwempwe
mvw: kumvwa
ndw: kurindwa, gukundwa
ngw: ingwate, ingweba
njw: injwiri, nyanjwenge
njyw: kubonjywa
nny: kunnyega, umukinnyi
pfy: bakapfakapfye
py: gupyipyinyura, gupyinagara
ry: kuryama, uburyarya
sy: gusya, urusyo
ty: gutyara, ityazo
vy: zahovye
byw: gutubywa
myw: kuramywa, kurumywa
ryw: kuryarywa
vyw: guhovywa
mb: imbuto, imbabura
mf: imfashanyo, imfura
mp: impamvu, impapuro
mv: imvura, kumva
nd: inda, indodo
ng: ingoma, ingona

zw: gusozwa, guhazwa
nsy: insyo, insya
nty: intyoza, ntyariza
nj : injishi, injereri
nk: inkoko, inka
ns : konsa, insina
sh: ishu pf: ipfundo
ts: itsinda
nsh: inshuti, inshishi
shy: ishyamba
nshy: nshyira, inshyimbo
nkw: inkware, inkweto
nshw: nshwanyaguje, nshwekure
nshyw: inshywa
nsw: inswa, konswa
ntw: intwari, intwererano
nzw: kuganzwa, kugenzwa
mvyw: arahomvomvywa (n’iki?)
mbyw: guhombywa, kuvumbywa
nt: intama, intore
nz : inzu, inzuki
ncy : incyamuro, incyuro
nyw: kunywa, kunywana
mby: imbyino, imbyaro
mpy: impyisi, impyiko
mvy: barahomvye
ndy: indyi, indyarya
njy: injyana, injyo

**Ikitonderwa**

a) Usibye “bg” mu ijambo “Kabgayi” ingombajwi z’ibihekane zitari muri uru rutonde zirabujijwe.

b) Ibihekane “(n)kw”, “(n)gw”, “hw”, bikurikiwe n’inyajwi “o” cyangwa “u”ntibyandikwa; mu mwanya wabyo handikwa “(n)ko”, “(n)ku”, “(n) go”, “(n) gu”, “ho”, “hu”.

**Ingero:**

- Kwanga koga ni bibi.
- Kubaka ni ukugereka ibuye ku rindi.
- Pariki ya Nyungwe ibamo inguge nyinshi.
- Ngwije na Ngoboka bava inda imwe.
- Korora inkwavu n’inkoko bifite akamaro.
- Iyo ngiye kwinjira mu nzu nkuramo inkweto.
- Mariya ahwituye Hoho kugira ngo yihute.
- Mahwane aragesa amahundo.

c) Ibihekane “(n)jy” na “(n)cy” byandikwa gusa imbere y’inyajwi “a”, “o” na “u”.

Imbere y’inyajwi “i” cyangwa “e” handikwa “(n)gi”, “(n)ge”, “(n) ki”, “(n)ke”.

**Ingero:**

- Umugi ntuyemo ufite isuku.
- Gewe / ngewe ntuye mu magepfo y’u Rwanda.
- Njyanira ibitabo mu ishuri, ngewe ngiye gukina.
- Njyana kwa masenge.
- Iki ni ikibabi k’igiti.
- Ikibo cyuzuye ibishyimbo.

d) Ibihekane bigizwe n’ingombajwi “ts”, “pf” na “c” zibanjirijwe n’inyamazuru byandikwa mu buryo bukurikira: “ns”, “mf”, “nsh”.

Ingero:

- Iyi nsinzi turayishimiye.
- Imfizi y’inshuti yange.

**Umwitozo**

Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo buri wese ku giti ke . Yobora abanyeshuri bakore ikosora rusange ry’umwitozo.

**Ibibazo n'ibisubizo by'umwitozo**

1. **Mu nyandiko isanzwe inyajwi z'Ikinyarwanda ni zingahe? Zigaragaze.**

Inyajwi z'Ikinyarwanda ni eshanu: i, u, o, a, e

2. **Ni ryari inyajwi zishobora kwandikwa zikurikiranye mu nyandiko isanzwe? Tanga ingero.**

Inyajwi zishobora kwandikwa zikurikiranye mu nyandiko ya gihanga yubahiriza ubutinde n'amasaku, mu ijambo (i)saa ry'iritirano rivuga igihe, mu marangamutima, mu migereka n'inyigana birimo isesekaza, na bwo handikwa inyajwi zitarenze eshatu.

Ingero:

- Saa kenda ndaba ngeze iwawe.
- Irangamutima "yooo"!
- Umugereka: Ndagukunda "cyaneee"!
- Inyigana "pooo"! ; "mbaaa"!

3. **Ni iyihe ngombajwi ifite umwihariko mu mikoreshereze yayo? Ikoreshwa he?**

Ingombajwi ifite umwihariko w'imikoreshereze ni "l".

- Inyuguti "l" ikoreshwa gusa mu izina bwite "Kigali", umurwa mukuru wa Repubulika y'u Rwanda, mu ijambo "Repubulika", mu ijambo "Leta"no mu mazina bwite y'amanyamahanga y'abantu n'ay'ahantu, urugero nka Angola, Londoni, Lome, Lusaka, Buruseli, Aluberi...
- Inyuguti "l" izaguma gukoreshwa mu mazina bwite y'amanyarwanda y'abantu n'ahantu yari isanzwe ikoreshwamo kandi bayiswe mbere y'aya mabwiriza.

## I.5.3 Isomo rya gatatu: Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko "Indwara z'ibyorezo"

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>– Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.<br>– Gusoma no gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.<br>– Gusubiza neza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi ziriwugize. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko "Indwara z' igitabo byorezo", inkoranyamagambo n'ibindi. |

1. **Intangiriro**

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "Indwara z'ibyorezo" bagiye gusoma akayibabazaho ibibazo.

**Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo**

a) **Mwitegereje iyi shusho murabonaho iki?**

Abantu bafite ibikoresho binyuranye bigaragara ko bavuye mu muganda.

b) **Umuyobozi wabo ari gukora iki?**

Umuyobozi wabo arimo kubasomera inyandiko.

c) **Ni iki kigaragaza ko ari gutanga icyo kiganiro?**

Abaturage bose bamuteze amatwi.

2. **Uko isomo ryigishwa**

a) **Gusoma bucece**

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwihwisa, bandika amagambo badasobanukiwe hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

1. **Ni nde uganiriza abaturage muri uyu mwandiko?**

Uganiriza abaturage ni Umuyobozi w'Ikigo Nderabuzima cya Bwiza.

2. **Ni ryari indwara yitwa icyorezo?**

Indwara yitwa icyorezo igihe yakwiriye mu gace runaka, mu gihugu cyangwa ku isi yose.

3. **Kuki tugomba kwihutira gutanga amakuru mu gihe tubonye umuntu ugaragaje ibimenyetso by'indwara y'icyorezo?**

Ni ukugira ngo abashinzwe gufata ingamba bazifate mu maguru mashya.

b) **Gusoma baranguruye**

Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho basoma nabi kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

c) **Gusobanura amagambo no gusubiza ibibazo ku mwandiko**

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Saba abanyeshuri gukora **igikorwa 1.3** kiri mu gitabo cyabo ubahe n'igihe cyo kugikora. Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

*Soma umwandiko ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko kandi usubize n'ibibazo byawubajijweho.*

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Itsinda rimwe rimurike ibijyanye n'inyunguramagambo irindi rimurike ibijyanye n'ibibazo byabajijwe ku mwandiko. Fatanya n'abagize andi matsinda kugorora no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

### Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe

**Gusobanura amagambo**

- **Kwibasira imbaga:** gufata abantu benshi cyane.
- **Gufata ingamba:** gushaka uburyo bwo kurwanya ikintu runaka.
- **Indiri:** aho ikintu kiba (kirara)
- **Intandaro:** inkomoko y'ikintu runaka
- **Gucurwa inkumbi n'indwara:** kwicwa n'indwara

**Kumva no gusesengura umwandiko**

1. **Ni ryari tuvuga ko indwara ari icyorezo?**

Tuvuga ko indwara ari icyorezo iyo iza yibasira imbaga ku buryo haboneka umubare munini cyangwa umubare udasanzwe w'abagaragaza iyo ndwara mu gace runaka ndetse no mu gihe runaka.

2. **Ni uruhe ruhare ibidukikije bishobora kugira mu kwanduza indwara z'ibyorezo?**

Bishobora gukwirakwiza agakoko gashobora kunyura mu dusimba no mu zindi nyamaswa cyangwa mu kirere gaciye mu ivumbi cyangwa mu bitonyanga by'imvura. Ingero: igituntu, amacinya n'izindi.

3. **Ni iyihe nama wagira umuntu wagaragaraweho n'indwara y'icyorezo?**

Uwagaragaweho ibimenyetso by'indwara y'icyorezo, namugira inama yo kwihutira kujya kwa muganga kugira ngo akurikiranwe amazi atararenga inkombe kuko gutinda byatuma yanduza benshi, akari kera ikanamucura inkumbi.

4. **Uhereye ku bumenyi rusange usanzwe ufite, tanga urugero rw'indwara y'icyorezo**

**umuntu ashobora kwanduza undi:**

a) Amukozeho: → ebora

b) Amusomye: → igituntu

c) Bakoranye imibonano mpuzabitsina: → sida

d) Mu gihe cyo konsa:→ sida, ebora

e) Mu gihe cyo kubyara: → sida

**5. Garagaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.**

Ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko ni izi zikurikira:

- Indwara z'ibyorezo icyo ari cyo.
- Zimwe mu ndwara z'ibyorezo.
- Uko indwara z'ibyorezo zandura.
- Ingamba zo kwirinda indwara z'ibyorezo.

**6. Garagaza ingamba Leta y'u Rwanda yafashe mu kurwanya icyorezo cya kovidi-19.**

Mu kurwanya icyorezo cya kovidi-19 Leta y'u Rwanda yafashe ingamba zikurikira:

- Abaturage bagomba guhana intera;
- Buri wese agomba kwambara agapfukamunwa neza;
- Gukaraba intoki kenshi n,amazi meza n'isabuni cyangwa n'umuti wica udukoko;
- Kwirinda ingendo zitari ngombwa;
- Kwishyira mu kato igihe wagaragaweho kovidi-19;
- Gufata urukingo rwa kovidi-19...

**d) Imyitozo**

Saba abanyeshuri gukora umwitozo w'inyunguramagambo uri mu bitabo byabo buri wese ku giti ke. Yobora abanyeshuri bakore ikosora rusange ry'umwitozo.

**Ibibazo n'ibisubizo by'umwitozo w'inyunguramagambo**

**1. Uzuza interuro zikurikira ukoresheje aya amagambo: amazi atararenga inkombe, indiri, gufata ingamba, uburyo butaziguye, ibiribwa bihumanye, kwibasira imbaga.**

a) Ibiziba n'ibihuru ni **indiri** y'imibu itera marariya.

b) Bariye **ibiribwa bihumanye** none barwariye rimwe.

c) Iyo umuntu afashwe n'uburwayi ni byiza kumujyana kwa muganga vuba **amazi atararenga inkombe.**

d) Abanyarwanda bose bakwiye **gufata ingamba** zo gukingiza abana bakivuka.

Tanga nk'umukoro ikibazo cya kabiri " *Ni izihe ngaruka z'indwara z'ibyorezo ku iterambere ry'umuryango n'iry'igihugu muri rusange? Gira abaturage inama zabafasha kwirinda indwara z'ibyore"  kizakosorwe mu ntangiriro y'isomo rikurikiraho.*

## I.5.4 Imbwirwaruhame

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>– Gusobanura imbwirwaruhame , uko ikorwa  n'imyifatire y'uyivuga.<br>– Kugaragaza imbata y'imbwirwaruhame. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona  n'ibindi. |

**Intangiriro**

Yobora abanyeshuri bakosore umukoro batahanye. Baza bamwe mu banyeshuri batange ibisubizo, abandi babigorore byandikwe ku kibaho hanyuma abanyeshuri babyandike mu  makayi yabo.

**Umukoro n'urugero rw'ibisubizo**

Ni izihe ngaruka z'indwara z'ibyorezo ku iterambere ry'umuryango n'iry'igihugu muri rusange? Gira abaturage inama zabafasha kwirinda indwara z'ibyorezo.

**Ingaruka z'indwara z'ibyorezo ku muryango:**

- Indwara z'ibyorezo zihitana bamwe mu bagize umuryango: abana bakaba imfubyi, ababyeyi gagapfakara cyangwa bakabura abana.
- Imiryango irakena
- Abana bata amashuri cyangwa bakadindira.

**Ingaruka z'indwara z'ibyorezo ku gihugu:**

- Igihugu gitakaza amaboko y'abaturage bahitanwa n'ibyorezo.
- Ubukungu bw'igihugu burahungabana, amafaranga menshi akoreshwa mu kugura imiti n'inkingo.

**Inama zafasha abaturage kwirinda indwara z'ibyorezo:**

- Kumenya uburyo izo ndwara zandura kugira ngo babashe  kuzirinda.
- Gukurikiza amabwiriza yo kwirinda aba yashyizweho mu gihe k'ibyorezo.

5. **Uko isomo ritangwa**

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora **igikorwa 1.4** kiri mu bitabo byabo.

Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

*Ifashishe umwandiko "**Indwara z'ibyorezo**", ukore ubushakashatsi maze usubize ibibazo bikurikira:*

- *Tahura ubwoko bw'umwandiko "**Indwara z'ibyorezo**".*
- *Tahura inshoza, uturango n'imbata byawo.*
- *Ni ayahe mabwiriza agenga ubu bwoko bw'umwandiko.*

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Amatsinda asimburane amurika buri tsinda ingingo imwe. Yobora abagize andi matsinda kunoza no kuzuza ibisubizo byatanzwe hanyuma byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Ibisubizo byanogejwe**

**Inshoza y'imbwirwaruhame**

Imbwirwaruhame ni ijambo umuntu ategura akarigeza ku bantu benshi, bakirinda kumurogoya, ahubwo bakamutega amatwi. Imbwirwaruhame ishobora kuba ndende cyangwa ngufi bitewe n'intego yayo. Imbwirwaruhame zivuga ku nsanganyamatsiko zinyuranye: izibwiriza iby'idini, izivuga ibya poritiki, izo kwizihiza iminsi mikuru, izikangurira abantu igikorwa runaka n'ibindi. Ni yo mpamvu imbwirwaruhame zishobora kuvugirwa ahantu hanyuranye nko mu nsengero, mu ishuri, mu nama n'ahandi.

**Uturangotw'imbwirwaruhame**

Imbwirwaruhame irangwa n'amagambo y'icyubahiro ahamagara ababwirwa kugira ngo bitabire gutega amatwi. Ayo magambo atangira imbwirwaruhame kandi akagenda agaruka nyuma y'ingingo runaka.

Amagambo y'icyubahiro akunze gukoreshwa agaragara mu mbonerahamwe ikurikira ni:

| Ijambo ry'icyubahiro | Uwo rikoreshwaho |
|---|---|
| Nyirubutagatifu | Imana |
| Nyirubutungane | Paapâ |
| Nyakubahwa | Perezida w'igihugu |
| Nyiricyubahiro | Musenyeri |
| Bwana | Minisitiri, Guverineri, Meya, Umuyobozi w'ikigo n'abandi b'igitsina gabo. |

| | |
|---|---|
| Madamu | Minisitiri, Guverineri, Meya, Umuyobozi w'ikigo n'abandi b'abagore. |
| Madamazera | Minisitiri, Guverineri, Meya, Umuyobozi w'ikigo n'abandi b'abakobwa. |

Imbwirwaruhame ishobora kubanzirizwa n'ijambo rivunyishiriza ugiye kuyivuga.

**Urugero:**

*Umwandiko w'imbwirwaruhame "Indwara z'ibyorezo".*

**Imbata y'imbwirwaruhame**

Imbwirwaruhame igizwe n'ibice bine: intangiriro, igihimba n'umwanzuro.

- **Intangiriro**

Mu ntangiriro uvuga imbwirwaruhame abanza kuvuga abanyacyubahiro bari aho n'abo ubutumwa bugenewe ahereye ku w'imena muri bo akurikije ibyubahiro byabo, gusa akirinda kubavuga mu mazina yabo bwite. Uvuga imbwirwaruhame kandi ageza indamukanyo ku bo abwira.

Mu ntangiriro kandi ni ho utanga ikiganiro agaragaza insanganyamatsiko ari buze kuvugaho, ndetse akamurika n'ingingo ariburambure, asa n'utera amatsiko abamuteze amatwi. Iki gice ntikigomba kuba kirekire.

- **Igihimba**

Iki gice ni cyo gice fatizo k'imbwirwaruhame. Ni muri iki gice utanga ikiganiro arambura ingingo yateguye kuvugaho, akazikurikiranya neza ashingiye ku buremere bwazo. Ibi bituma abamutega amatwi batarambirwa kuko aba yahereye ku ngingo zibafitiye akamaro cyane. Iyo bibaye ngombwa ko hari ingero zitangwa, uvuga imbwirwaruhame akoresha ingero zijyanye n'abo abwira cyangwa aho avugira. Kubera ko iki gice gishobora kuba kirekire, utanga ikiganiro mbere yo kujya ku yindi ngingo ashobora kugenda akoresha amagambo yo gukangura abo abwira yo ngera kubavuga mu byubahiro byabo.

- **Umwanzuro/ Umusozo**

Muri iki gice uvuga imbwirwaruhame asoza yibutsa abamuteze amatwi ingingo z'ingenzi baganiriyeho kugira ngo basigarane ishusho y'ikiganiro. Ni muri iki gice kandi ashobora kugaragaza ibyifuzo, ingamba cyangwa inama, bitewe n'imiterere y'ikiganiro. Niba yashishikarizaga abantu kurwanya ibiyobyabwenge arasoza agaragaza ingamba zafatwa mu kubirwanya. Muri iki gice kandi utanga ikiganiro asoza ashimira abari bamuteze amatwi.

**Amabwiriza agenga imbwirwaruhame**

**Uko imbwirwaruhame itegurwa n'uko isomwa**

Mbere yo gutanga ikiganiro mbwirwaruhame, ugitegura agomba kumenya ibi bikurikira:

- Ni ngombwa kumenya abo agiye kubwira imbwirwaruhame abo ari bo n'aho ababwirira.
- Ni iki bashobora kumva? Bari mu kihe kigero k'imyaka? Bakora iki? Ni iki bahuriyeho?
- Gutegura imbwirwaruhame.
- Kumva neza insanganyamatsiko y'imbwirwaruhame byaba ngombwa akanasoma ibitabo binyuranye bivuga kuri iyo nsanganyamatsiko.
- Gukusanya ibyo azavuga mu ngingo zinyuranye z'imbwirwaruhame ashingiye ku byo yasomye cyangwa yabajije abandi.
- Gushaka intego z'ikiganiro ke akanakora imbata y'ikiganiro ke.

**Imyifatire n'imyitwarire y'uvuga imbwirwaruhame**

Utanga ikiganiro mbwirwaruhame agomba kuba:

- Yambaye imyambaro idakojeje isoni.
- Kumenya guhagarara neza imbere y'abandi nta mususu.
- Kuvugaimbwirwaruhame ye adategwa.
- Kuraranganya amaso mu bo abwira, kirazira kubatera umugongo no kuba imbata y'urupapuro.
- Kurangurura ijwikugirango imbwirwaruhame yumvikane.
- Kuvuga atarandaga cyane kugira ngo abamuteze amatwi batarambirwa kandi ntiyihute cyane mu mvugo kugira ngo ibyo avuze birusheho kumvikana.
- Kwirinda imvugo nyandagazi.
- Kugenda atanga ingero zihuye n'ikigero cy'abo abwira cyangwa se icyo bakora.

**Ikitonderwa:**

- Utegura imbwirwaruhame ayitegura yandika, akazayivuga asoma ibyo yanditse, mu rwego rwo kwirinda kuvuga ibiterekeranye no kwisubiramo bya hato na hato. Hashobora kuvugwa imbwirwaruhame ihanitse cyangwa idahanitse, umuntu akayivuga atayiteguye. Ibyoni iby'abafite iyo mpano si ibya buri wese kuko bigira abahanga babyo. Ibyo bigaragarira cyanecyane nko mu misango y'ubukwe, ku minsi mikuru, mu birori runaka.

**Umwitozo**

Saba abanyeshuri gukorera mu matsinda umwitozo uri mu bitabo byabo.

Uwo mwitozo ni uyu ukurikira: "Kurikirana imbwirwaruhame iri mu majwi cyangwa mumajwi n'amashusho maze uyijore."

Shaka imbwirwaruhame iri mu majwi cyangwa mu majwi n'amashusho hanyuma uyumvishe abanyeshuri. Saba abanyeshuri kuyijora bashingiye ku byo bize maze bagaragaze ibyakozwe neza n'ibigomba kunozwa muri iyo mbwirwaruhame.

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, kuzakora umukoro uri mu gitabo cyabo maze bazawumurike mu isomo rizakurikira.

**Umukoro**

Ishyire mu kigwi cy'umujyanama w'ubuzima wandike imbwirwaruhame ku ndwara y'igituntu, uyigenere abaturage b'umudugudu runaka hanyuma uzayigeze kuri bagenzi bawe.

## I.5.5 Isomo rya gatanu: Kuvuga imbwirwaruhame

| **Integozihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>– Kuvugira mu ruhame ashize amanga imbwirwaruhame yateguye.<br>– Kujora imbwirwaruhame yakurikiye. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imbwirwaruhame zateguwe n'ibindi. |

**Intangiriro**

Baza abanyeshuri ibibazo ku isomo baheruka kwiga

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

**a) Ni rihe somo twize ubushize**

Ubushize twize imbwirwaruhame.

**b) Imbata y'imbwirwaruhame igizwe n'ibihe bice?**

Imbata y'imbwirwaruhame ni intangiriro, igihimba n'umwanzuro.

**c) Ni yihe myifatire igomba kuranga umuntu igihe ari kuvuga imbwirwaruhame?**

Utanga ikiganiro mbwirwaruhame agomba kuba:

– Yambaye imyambaro idakojeje isoni.

– Kumenya guhagarara neza imbere y'abandi nta mususu.

- Kuvugaimbwirwaruhame ye adategwa.
- Kuraranganya amaso mubo abwira, kirazira kubatera umugongo no kuba imbata y'urupapuro.
- Kurangururaijwikugirangoimbwirwaruhameyumvikane.
- Kuvuga atarandaga cyane kugirango abamuteze amatwi batarambirwa kandi ntiyihute cyane mu mvugo kugirango ibyo avuze birusheho kumvikana
- Kwirindaimvugonyandagazi.
- Kugendaatangaingerozihuyen'ikigerocy'aboabwiracyangwa se icyobakora.

**2. Uko isomo ritangwa**

Saba abanyeshuri umwumwe kuvugira mu ruhame imbwirwaruhame yateguye. Saba abandi banyeshuri kumukurikira no kwandika ibyo bumva bitanoze muri iyo mbwirwaruhame baze kubivuga amaze kuvuga. Gira icyo uvuga ku mbwirwaruhame abanyeshuri bavuze, ushime ibyakozwe neza, ibitakozwe neza werekane uko byanozwa. Bwira abanyeshuri bose baguhe imbwirwaruhame bakoze hanyuma uzazikosore.

## I.5.6 Isuzuma risoza umutwe wa mbere

| **Ibigenderwaho mu isuzuma risoza umutwe wa mbere** |
|---|
| Ubushobozi bwo:<br>– Gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi ziwukubiyemo.<br>– Gutegura no kuvuga ikiganiro mbwirwaruhame.<br>– Kwandika neza inyuguti n'ibihekane by'Ikinyarwanda. |

Ifashishe ibibazo biri mu gitabo cy'umunyeshuri hanyuma utegurire abanyeshuri isuzuma. Saba abanyeshuri kwitegura gukora isuzuma risoza umutwe wa mbere buri wese ku giti ke.

**Urugero rw'ibibazo by'isuzuma**

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko**

**1. Sobanura uburyo indwara z'ibyorezo zishobora kwirindwa uhereye ku bivugwa mu mwandiko.**

Indwara z'ibyorezo zishobora kwirindwa mu gihe abantu bakwitabira gahunda kuko kwirinda biruta kwivuza.

**2. Sobanura akamaro k'inkingo ku buzima bw'umuntu.**

Inkingo zifite akamaro ko kurinda no gukumira indwara zitarinjira mu mubiri w'umuntu.

**3. Erekana indwara zavuzwe mu mwandiko zitarabonerwa urukingo n'ibivugwa ko biri kuzikorwaho.**

Izo ndwara ni sida, ebora, kanseri na diyabete. Mu mwandiko bavuga ko mu rwego mpuzamahanga hagishakishwa inkingo z'izi ndwara.

4. **Wavuga iki ku buryo bwo kubika no gutanga inkingo ubihuza n'umuco w'ubuziranenge?**

Kubika inkingo bigomba gukorwa ku buryo bwubahiriza ubuziranenge bwazo. Zigomba kubikwa neza ku buryo zitangirika zikaba zagira ingaruka ku buzima bw'abazihabwa.

Naho ku bijyanye n'abazitanga, bagomba kubikora neza ku buryo butangiza cyngwa ngo bumugaze umubiri wabazihawe.

5. **Erekana ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko.**

Ingingo z'ingenzi:

- Indwara z'ibyorezo n'inkingo zazo;
- Akamaro k'inkingo mu kubungabunga ubuzima;
- Ingaruka zo kutitabira gahunda y'inkingo.

**II. Inyunguramagambo**

Koresha aya magambo dusanga mu mwandiko mu nteruro wihimbiye:

**a) Ibyorezo**

Dukwiye kwirinda indwara z'**ibyorezo** kugira ngo zitadutwara ubuzima.

**b) Impuguke**

Abaganga b'**impuguke** baracyari bake ugereranyije n'umubare w'abarwayi.

**c) kubungabunga**

Abantu bose bagomba **kubungabunga** ubuzima bw'abo bashinzwe.

**d) Kugosorera mu rucaca**

Hari abantu bamwe batita ku bibareba, wanabibakangurira ugasanga ari **ukugosorera mu rucaca**.

**III. Imyandikire**

1. **Kosora imyandikire mu nteruro zikurikira**

**a) Mukabgiza yaguze telefoni nyinci.**

Mukabwiza yaguze terefoni nyinshi.

**b) Yoooooo! Ese mwaragwaye.**

Yooo! Ese mwararwaye?

2. **Andika ijambo ririmo igihe kane**

a) vy: zahovye

b) nsy: insyo

c) mfw: imfwati

d) mpw: impwempwe

**IV. Ibibazo ku mbwirwaruhame**

**a) Ni akahe karango k'ingenzi k'imbwirwaruhame?**

Imbwirwaruhame irangwa n'amagambo y'icyubahiro ahamagara ababwirwa kugira ngo bitabire gutega amatwi.

**b) Vuga ibyitabwaho mbere yo gutanga imbwirwaruhame.**

– Ni ngombwa kumenya abo agiye kubwira imbwirwaruhame abo ari bo n'aho ababwirira.

– Ni iki bashobora kumva? Bari mu kihe kigero k'imyaka? Bakora iki? Ni iki bahuriyeho?

– Gutegura imbwirwaruhame.

– Kumva neza insanganyamatsiko y'imbwirwaruhame byaba ngombwa akanasoma ibitabo binyuranye bivuga kuri iyo nsanganyamatsiko.

– Gukusanya ibyo azavuga mu ngingo zinyuranye z'imbwirwaruhame ashingiye ku byo yasomye cyangwa yabajije abandi.

– Gushaka intego z'ikiganiro ke akanakora imbata y'ikiganiro ke.

**c) Vuga ine mu myifatire iranga umuntu utangaikiganirombwirwaruhame.**

– Yambaye imyambaro idakojeje isoni.

– Kumenya guhagarara neza imbere y'abandi nta mususu.

– Kuvuga imbwirwa ruhame ye adategwa.

– Kuraranganya amaso mu boabwira, kirazira kubatera umugongo no kuba imbata y'urupapuro.

– Kurangurura ijwi kugirango imbwirwaruhame yumvikane.

– Kuvuga atarandaga cyane kugirango abamuteze amatwi batarambirwa kandi ntiyihute cyane mu mvugo kugirango ibyo avuze birusheho kumvikana.

– Kwirindaimvugonyandagazi.

– Kugenda atanga ingero zihuye n'ikigero cy'abo abwira cyangwa se icyobakora.

# UMUTWE WA 2 UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE

## II.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura umwandiko ku buringanire n'ubwuzuzanye mu muryango atahura ingingo z'ingenzi ziwukubiyemo.
- Guhina umwandiko yasomye ahereye ku ngingo z'ingenzi ziwugize.
- Kwandika yubahiriza amabwiriza y'imyandikire y'Ikinyarwanda.

## II.2 Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

- Umuryango n'inshingano z'abagize umuryango.
- Gutahura ingingo z'ingenzi mu mwandiko.
- Utwatuzo n'imyandikire y'inyuguti nkuru.

## II.3 Ingingo nsanganyamasomo

| Ingingo nsanganyamasomo | Aho igaragara mu muri uyu mutwe |
|---|---|
| Uburinganire n'ubwuzuzanye | Mu bikorwa byose umwarimu yita ku banyeshuri b'ibitsina byombi kimwe.<br><br>Mu mwandiko "**Umuryango wa Migambi**" aho migambi yemera kuzajya afatanya n'umugore we imirimo yo mu rugo.<br><br>Uburinganire n'ubwuzuzanye bugaragarira kandi mu banyarubuga, aho abantu b'ibitsina byombi bose bagira uruhare mu nkuru. |
| Uburezi budaheza | Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu buryo bunyuranye bw'imyigire n'imyigishirize, buha abanyeshuri bose amahirwe angana mu isomo. |
| Umuco w'amahoro | Iyi ngingo nsanganyamasomo igara mu kwisubiraho no gusaba imbabazi kwa Migambi mu mwandiko "Umuryango wa Migambi" |

## II.4 Igikorwa cy'umwinjizo

Saba abanyeshuri gukora igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

**Urugero rw'igikorwa n'urugero rw'ibisubizo:**

*Ushingiye ku bumenyi ufite:*

- *Sobanura uburinganire n'ubwuzuzanye, ugaragaze uko bwari bumeze kera mu Rwanda n'uko bumeze ubu.*
- *Wakora ute inshamake y'umwandiko?*
- *Sobanura imikoreshereze y'inyuguti nkuru n'utwatuzo mu Kinyarwanda.*

## II.5. Amasomo ari mu mutwe wa kabiri n'igihe yagenewe

| **Umutwe wa kabiri: Kubungabunga ubuzima** | | **Umubare w'amasomo: 10** |
|---|---|---|
| **Amasomo** | **Intego rusange** | **Umubare w'amasomo** |
| Isomo rya mbere: Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko "Umuryango wa Migambi" | – Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo adasobanukiwe,<br>– Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.<br>– Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko. | Amasomo 2 |
| Isomo rya kabiri: Ihinamwandiko | – Guhina umwandiko ahereye kungingo zawo z'ingenzi. | Isomo 2 |
| Isomo rya gatatu: Gusomera mu ruhame inshamake y'umwandiko | – Guhina umwandiko no kuwusomera  mu ruhame | Isomo 2 |
| Isomo rya kane: Amabwiriza y'imyandikire y'ikinyarwanda<br>"Imyandikire y'amazina bwite, imikoreshereze y'utwatuzo n'inyuguti nkuru" | –  Kwandika neza yubahiriza amabwiriza y'imyandikire y'Ikinyarwanda. | Amasomo 2 |
| Isomo rya kabiri: Isuzuma risoza umutwe wa kabiri | | Amasomo 2 |

## II. 5.1 Isomo rya mbere: Gusoma, kumva no gusengura umwandiko "Umuryango wa Migambi"

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>– Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.<br>– Gusoma no gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.<br>– Gusubiza neza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi ziwugize. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko "Kwirinda biruta kwivuza", igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi. |

1. **Intangiriro**

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "Umuryango wa Migambi" bagiye gusoma akayibabazaho ibibazo.

**Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo**

a) **Mwitegereje iyi shusho, murabonaho iki?**

Abantu bicaye mu nzu, mu ruganiriro. Ababyeyi n'abana b'abanyeshuri.

b) **Witegereje abantu bari kuri iyiya shusho, urabona baba bafite ikihe kibazo?**

Biragaragara ko bose bijimye mu maso, barababaye, bashobora kuba batonganye cyangwa bapfushije.

2. **Uko isomo ryigishwa**

a) **Gusoma bucece**

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwihwisa, bandika amagambo badasobanukiwe hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

1. **Migambi yari atuye he?**

Migambi yari atuye mu Kagari ka Rutare.

2. **Umukobwa wa Migambi yitwaga nde?**

Yitwaga Kankindi.

3. **Ni ikihe gihombo Migambi yagize kubera kwishora mu businzi?**

Ubutunzi yari afite bwarayoyotse, amahirwe yo kugura ishyamba amuca mu myanya y'intoki.

**b) Gusoma baranguruye**

Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho basoma nabi kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

**c) Gusobanura amagambo no gusubiza ibibazo ku mwandiko**

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Saba abanyeshuri gukora **igikorwa 2.1** kiri mu gitabo cyabo ubahe n'igihe cyo kugikora. Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

*Soma umwandiko ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko kandi usubize n'ibibazo byawubajijweho.*

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Itsinda rimwe rimurike ibijyanye n'inyunguramagambo irindi rimurike ibijyanye n'ibibazo byabajijwe ku mwandiko. Fatanya n'abagize andi matsinda kugorora no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe**

**Gusobanura amagambo**

**Uburinganire:** kudasumbana, kuba ku rwego rumwe

**Ubwuzuzanye :** ugushyirahamwe, ugushyigikirana ukunganirana

**Kutizigamira :** kutagira amafaranga ushyira muri banki cyangwa ikigo k'imari iciriritse ngo uzayakoreshe mu bihe bizaza.

**Gusubira ku kawe:** kugaruka ku byo wari usanzwe ukora.

**Kumva no gusesengura umwandiko**

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko**

1. **Vuga impamvu y'ingenzi yatumaga Migambi atera amahane, akarwana ageze mu rugo rwe.**

Migambi yateraga amahane kubera ko yabaga yasinze buri munsi, ntagire umurimo n'umwe akora iwe.

**2. Ni iki cyateraga Mukarwego kutubahiriza ibyo Migambi yifuzaga byose?**

Icyabimuteraga ni imirimo yamubanye myinshi kuko Migambi atamufashaga.

**3. Sobanura akamaro k'umuco wo kuzigama n'ingaruka zo kutazigama zivugwa mu mwandiko.**

*(Reba ibyo abanyeshuri bakoze ubafashe kubinoza kubinoza).*

**4. Tanga ingingo z'ingenzi zigaragara mu mwandiko.**

- Ubusinzi bwa Migambi n'ibikorwa bibi bijyanye na bwo.
- Inama ku buringanire n'ubwuzuzanye Kankindi aha ababyeyi afashijwe na Karangwa.
- Guhinduka kwa Migambi afata ingamba nshya.

**5. Ni ibihe bikorwa bibangamiye uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango nyarwanda? Hakorwa iki kugira ngo izo mbogamizi zicike burundu?**

Ibikorwa bibangamiye uburinganire n'ubwuzuzanye harimo imyumvire mike, kudashaka impinduka.Icyakorwa ni ugukomeza ubukangurambaga.

**6. Wakemura ute ibibazo by'amakimbirane mu muryango nyarwanda biterwa no kutubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye?**

Hakwifashishwa utugoroba tw'ababyeyi, imiryango ifitanye amakimbirane ikaganirizwa, igahabwa abayiba hafi, ndatsebakaba bakora ingendo shuri mu miryango ibanye neza mu rwego rwo kubigiraho.

**d) Umwitozo**

Saba abanyeshuri gukora babiribabiri umwitozo w'inyunguramagambo uri mu bitabo byabo. Yobora abanyeshuri bakore ikosora rusange ry'umwitozo.

**Ibibazo n'ibisubizo by'umwitozo w'inyunguramagambo**

1. Huza amagambo yakoreshejwe mu mwandiko ari mu ruhushya A n'ibisobanuro byayo biri mu ruhushya B.

| A | B |
|---|---|
| 1. Uburinganire | a) kugira intonganya z'urudaca, zihoraho |
| 2. Ubwuzuzanye | b) Kudafasha uwo wagombaga gufasha |
| 3. Kutizigamira | c) Kuba ku murongo umwe, kudasumbana. |
| 4. Gusubira ku kawe | d) Kugushyira hamwe, ugushyigikirana, ukunganirana |

| | |
|---|---|
| 5. Guhora mu nduru | e) Kutagira amafaranga ushyira muri banki cyangwa ikigo k'imari iciriritse. |
| 6. Gutererana | f) Kugaruka ku byo wari usanzwe ukora |

**Igisubzo: 1c, 2d, 3e, 4f, 5a, 6b**

Tanga nk'umukoro ikibazo cya kabiri "*Ni uruhe ruhare rw'uburinganire n'ubwuzuzanye mu iterambere ry'umuryango n'iry'igihugu muri rusange?*" kizakosorwe mu ntangiriro y'isomo rikurikiraho.

## II.5.2 Isomo rya kabiri: Ihinamwandiko

| **Integozihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>– Guhina umwandiko ahereye kungingo zawo z'ingenzi kandi yubahiriza uburebure bwa sabwe. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibindi. |

1. **Intangiriro**

Yobora abanyeshuri bakosore umukoro batahanye. Baza bamwe mu banyeshuri batange ibisubizo, abandi babigorore byandikwe ku kibaho hanyuma abanyeshuri babyandike mu makayi yabo.

**Umukoro n'urugero rw'ibisubizo**

**Ni uruhe ruhare rw'uburinganire n'ubwuzuzanye mu iterambere ry'umuryango n'iry'igihugu muri rusange?**

Uruhare rw'uburinganire n'ubwuzuzanye mu iterambere ry'umuryango ni runini kuko iyo abagize umuryango bashyize hamwe, bagategura gahunda z'ibikorwa bagomba gukora kandi buri wese akabigiramo uruhare, umuryango ugera ku iterambere ryihuse. Iterambere ry'abatuye iguhugu rero ni na ryo terambere ry'igihugu.

2. **Uko isomo ryigishwa**

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora **igikorwa 2.2** kiri mu bitabo byabo. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

*Uhereye kubumenyi ufite sobanura inshoza y'ihinamwandiko, usobanure uburyo rikorwa, amabwiriza arigenga n'akamaro karyo.*

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Kuri buri ngingo hamurike itsinda rimwe. Fatanya n'abagize andi matsinda kugorora no kuzuza ibisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Ibisubizo byanogejwe**

**Ihinamwandiko**

1. **Inshoza y'ihinamwandiko**

Ihinamwandiko ni igikorwa cyo kuvuga mu magambo make igitekerezo cyangwa

ingingo ziboneka mu mwandiko wasomye ariko wibanda ku z'ingenzi.

Ihinamwandiko kandi ni uburyo bwo gukora mu nyandiko inshamake y'umwandiko wasomwe uhereye ku ngingo z'ingenzi ziwugize.

2. **Uburyo bwo gukora ihinamwandiko**

Hari uburyo bubiri bukoreshwa mu guhina umwandiko:

- **Ihina ry'igika ku gika:** ni uburyo bwo gufata igitekerezo kiri muri buri gika ukakivuga mu mirongo mike ishoboka, ukurikije uko ibika bikurikirana kuva ku ntangiriro kugera ku musozo.
- **Ihina rusange:** ni uburyo bwo gufata igitekerezo nyamukuru kivugwa mu mwandiko, ukakivuga uhereye ku ngingo z'ingenzi zigishamikiyeho mu magambo makeya.

3. **Amabwiriza y'ihinamwandiko**

Uhina umwandiko agomba kubahiriza ingingo zikurikira:

- Kumva neza insanganyamatsiko iri mu mwandiko;
- Kuvuga ku bitekerezo biri mu mwandiko nta bindi yongeramo avanye hanze yawo;
- Kumvikanisha igitekerezo muri make;
- Kutandukura ibiri mu mwandiko uko byakabaye;
- Gukoresha imvugo yabugenewe yirinda imvugo nyandagazi;
- Gukoresha imvugo yoroheje yumvwa na buri wese.

4. **Akamaro k'ihinamwandiko**

Ihinamwandiko rikorwa kubera impamvu zikurikira:

- Gusuzuma niba umuntu yumvise insanganyamatsiko ikubiye mu mwandiko.
- Kumenyereza umuntu kuvuga mu nshamake ibitekerezo bikubiye mu mwandiko mu magambo ye kandi atarondogoye.

- Gutoza umuntu umuco wo kurobanura iby’ingenzi mu byo yumvise cyangwa yasomye akabivuga arasa ku ntego.

**Umwitozo**

Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo buri wese ku giti ke . Yobora abanyeshuri bakore ikosora rusange ry’umwitozo.

**Ibibazo n’ibisubizo by’umwitozo**

1. **Uhereye ku byo umaze kwiga mu ihinamwandiko, urabona ari ryari ushobora gukenera gukora inshamake?**

Ukenera gukora inshamake usubiriramo abandi ibyo wumvise mu nama, mu mahugurwa, mu biganiro, ibyo wasomye cyangwa se ibyo wize.

2. **Vuga muri make umwandiko “Umuryango wa Migambi”, uhereye ku ngingo zawo z’igenzi*.***

Kurikira inshamake z’abanyeshuri wumvako bagaruka ku businzi bwa Migambi n’ibikorwa bibi bijyanye a bwo, inama yagiriwe na Kankindi n’ukwisubiraho kwa Migambi asaba imbabazi.

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, kuzakora umukoro uri mu gitabo cyabo maze bazawumurike mu isomo rizakurikira.

**Umukoro**

Ongera usome umwandiko “**Ihinduka rya Migambi**”, maze ukurikije uburyo bwo gukora ihinamwandiko n’amabwiriza abigenga, uwuhine mu mirongo itarenze cumi n’itanu.

## II.5.3 Isomo rya gatatu: Gusomera mu ruhame inshamake y’umwandiko

| **Integozihariye** |
|---|
| Nyuma y’iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>– Guhina umwandiko yubahiriza uburebure bwasabwe<br>– Gusomera mu ruhame inshamake y’umwandiko yahinnye ashize amanga. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy’umunyeshuri, igitabo cy’umwarimu, imbwirwaruhame zateguwe n’ibindi. |

**Intangiriro**

Baza abanyeshuri ibibazo ku isomo baheruka kwiga

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

a) **Ni rihe somo twize ubushize?**

Ubushize twize ihinamwandiko.

b) **Vuga uburyo bubiri bwo gukora ihinamwandiko?**

Hari uguhina igika ku gika cyangwa ihina rusange.

c) **Ni ayahe mabwiriza agenderwaho mu ihinamwandiko?**

- Kumva neza insanganyamatsiko iri mu mwandiko;
- Kuvuga ku bitekerezo biri mu mwandiko nta bindi yongeramo avanye hanze yawo;
- Kumvikanisha igitekerezo muri make;
- Kutandukura ibiri mu mwandiko uko byakabaye;
- Gukoresha imvugo yabugenewe yirinda imvugo nyandagazi;
- Gukoresha imvugo yoroheje yumvwa na buri wese.

**2. Uko isomo ritangwa**

Saba abanyeshuri umwumwe gusomera mu ruhame inshamake yateguye. Saba abandi banyeshuri kumukurikira no kwandika ibyo bumva bitanoze muri iyo nshamake baze kubivuga amaze kuvuga. Gira icyo uvuga ku nshamake abanyeshuri basomye, ushime ibyakozwe neza, ibitakozwe neza werekane uko byanozwa. Bwira abanyeshuri bose baguhe inshamake banditse hanyuma uzazikosore.

## II.5.2 Isomo rya kane: Amabwiriza y'imyandikire y'ikinyarwanda "Imyandikire y'amazina bwite, imikoreshereze y'utwatuzo n'inyuguti nkuru"

| **Integozihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>– Kwandika neza yubahiriza amabwiriza y'imyandikire y'amazina bwite, imikoreshereze y'utwatuzo n'inyuguti nkuru.<br>– Kujora no gukosora inyandiko zifite imyandikire itanoze y'amazina bwite, utwatuzo n'inyuguti nkuru. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igazeti irimo amabwiriza y'imyandikire y'Ikinyarwanda n'ibindi. |

**Intangiriro**

Baza ibibazo by'isubiramo ku ngingo z'imyandikire y'Ikinyarwanda zizwe mbere.

### Urugero rw'ibibazo n'urw'ibisubizo

**a) Ni uwuhe mwihariko w'igihekane cya "bw"?**

Igihekane "*bw*" gifite umwihariko wo kwandikwa "*bg*" mu ijambo Kabgayi.

**b) Rondora inyerera z'Ikinyarwanda.**

Inyerera z'Ikinyarwanda ni "*y*" na "*w*"

**2. Uko isomo ryigishwa**

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora **igikorwa 2.4** kiri mu bitabo byabo. Amatsinda amwe akore ku myandikire y'amazina bwite andi ku myandikire ku mikoreshereze y'utwatuzo n'andi ku mikoreshereze y'inyuguti nkuru. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

Itegereze interuro zikurikira, ugire icyo uvuga ku myandikire y'amazina bwite, n'imikoreshereze y'utwatuzo n'inyuguti nkuru.

*a) Kankindi na Karangwa basobanuriye Migambi ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.*

*b) Kankindi ati: "Mu by'ukuri, umugabo n'umugore baremewe kuzuzanya."*

*c) Banki Nkuru y'Igihugu ni yo igenga andi banki n'ibigo by'imari.*

*d) Umugabo Migambi yari atuye mu Kagari ka Rutare.*

*e) Perezida Bayideni (Biden) aba i Washingitoni (Washington).*

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Kuri buri ngingo hamurike itsinda rimwe. Fatanya n'abagize andi matsinda kugorora no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma  ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

### Ibisubizo byanogejwe

**Amabwiriza y'imyandikire y'ikinyarwanda: Imyandikire y'amazina bwite, imikoreshereze y'utwatuzo n'inyuguti nkuru**

**1. Amazina bwite**

**a) Amazina bwite y'ahantu afite indomo**

Amazina bwite y'ibihugu n'ay'uturere afite indomo, yandikwa atandukanye n'iyo ndomo; iyo ndomo ikandikwa mu nyuguti nto, keretse iyo itangira interuro.

**Ingero:**

- **A** Marangara n'**i** Gisaka ni tumwe mu turere twa kera tuvugwa mu mateka y'**u** Rwanda.
- **U** Rwanda rurigenga.
- **U** Mutara wera ibigori, ibitoki n'ibishyimbo.
- **U** Bubirigi buri mu majyaruguru y'uburasirazuba bw'**u** Bufaransa.

b) **Amazina bwite y'abantu arenze rimwe** Amazina bwite y'abantu arenze rimwe akurikirana muri ubu buryo: habanza izina yahawe akivuka, hagakurikiraho andi mazina y'inyongera.

**Ingero:**

- **UWASE Ikuzo Laurette**
- **VUBI Pierre**
- **KARIMA Biraboneye**
- **MUNEZERO Salima**

c) **Amazina bwite y'abantu n'ahantu y'amavamahanga**

Amazina bwite y'abantu n'ahantu y'amavamahanga atari ay'idini n'amazina bwite y'ibihugu n'ay'uturere y'amahanga yandikwa uko avugwa mu Kinyarwanda, nyuma bagashyira mu dukubo uko asanzwe yandikwa mu rurimi akomokamo.

**Ingero:**

- **Enshiteni** (Einstein)
- **Kameruni** (Cameroun Cameroon)
- **Shumakeri** (Schumacher)
- **Wagadugu** (Ouagadougou)
- **Ferepo** (Fraipont)
- **Ositaraliya** (Australie / Australia)
- **Cadi** (Tchad)

d) **Amazina y'idini**

Amazina y'idini yandikwa nk'uko yanditswe mu gitabo k'irangamimerere akaza akurikira izina umuntu yahawe akivuka cyangwa izina rindi rifatwa nka ryo. Izina rya mbere ryandikwa mu nyuguti nkuru naho izina ry'idini rikandikwa mu nyuguti ntoya, ritangijwe inyuguti nkuru.

**Ingero:**

- KARERA **John**
- KEZA **Jane**

– KAMARIZA **Jeanne**

– RUTERANA **Abdul**

– MFIZI **Yohana**

**e) Amazina bwite yari asanzweho**

Amazina bwite yatanzwe kandi yakoreshejwe mbere y'aya mabwiriza akomeza kwandikwa uko yari asanzwe yandikwa.

**Ingero:**

– Intara y'Amajyepfo

– Umujyi wa Kigali

– Akarere ka Rulindo

– Akagari ka Cyimana

– Umurenge wa Cyeru

**2. Imikoreshereze y'utwatuzo**

**a) Akabago/akadomo (.)**

Akabago cyangwa akadomo gasoza interuro ihamya ndetse n'interuro iri mu ntegeko/itegeka.

**Ingero:**

– Migambi yabanaga n'umugore we Mukarwego.

– Kankindi yigaga mu mwaka wa kane w'amashuri yisumbuye.

**b) Akabazo (?)**

Akabazo gasoza interuro ibaza.

**Ingero:**

– Ibi bizakomeza gutya kugeza ryari?

– Ese abashakanye bagomba gufatanya imirimo?

**c) Agatangaro (!)**

Agatangaro gasoza interuro itangara. Agatangaro gashyirwa kandi inyuma y'amarangamutima.

**Ingero:**

– Mbega ukuntu Mukarwego yari yaragowe!

– Kankindi yakemuye amakimbirane neza pe!

– Yooo! Mbega byiza!

– Nawe ngo uri za makobwa!

**d) Akitso (,)**

Akitso gakoreshwa mu nteruro kugira ngo baruhuke akanya gato. Gakoreshwa kandi barondora

**Ingero:**

- Umunyeshuri ushaka kujijuka, yirinda gusiba, ntakubagane mu ishuri kandi agakurikiza inama z' umwarimu.
- Abagiye inama, Imana irabasanga.
- Mukarwego yakoraga imirimo yose yo mu rugo: gukubura, guhinga, kwahirira amatungo, guteka, kuhagira abana n'ibindi.

**e) Uturegeka (…)**

Uturegeka dukoreshwa iyo berekana irondora ritarangiye. Dukoreshwa kandi mu nteruro barogoye cyangwa iyo mu nteruro hari ijambo bacikije.

**Ingero:**

- Mu rugo rwa Kinyarwanda habaga ibikoresho byinshi: ibibindi, ibyansi, ishoka, ibitebo, isekuru…
- Baragenda ngo bagere ku Ruyenzi bahahurira na mwene... simuvuze nzamuvumba!
- Nyamara mu menyeko uwanze kumvira … Mwacecetse ariko.

**f) Utubago tubiri (:)**

Utubago tubiri dukoreshwa mu nteruro iyo hari ibigiye kurondorwa cyangwa gusobanurwa. Dukoreshwa kandi inyuma y'ingirwanshinga "**-ti**", "**-tya**" n'ijambo "ngo" iyo bagiye gusubira mu magambo y'undi uko yakabaye.

**Ingero:**

- Mukarwego yakoraga imirimo yose yo mu rugo: gukubura, guhinga, kwahirira amatungo, guteka, kuhagira abana n'ibindi.
- Kankindi asubiza se ati: "Umva dawe, ibyo ushaka ko mama akora, ntiyabishobora wenyine."
- Kankindi arakomeza ngo: "Icyakemura ibibazo biri muri uru rugo ni uko mwamenya ibijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango."
- Inka yabira itya: "Mbaaa".

**g) Akabago n'akitso (;)**

Akabago n'akitso dukoreshwa mu nteruro kugira ngo batandukanye inyangingo ebyiri ziremye kimwe kandi zuzuzanya.

**Urugero:**

- Gusoma neza si ugusukiranya amagambo; gusoma neza ni no kumva ibyo usoma.
- Migambi yirirwaga mu kabari; yatahaga nijoro.
- Kuba umugabo si kunywa inzoga; kuba umugabo ni ukwita ku rugo rwawe.

**h) Utwuguruzo n'utwugarizo (" "/« »)**

Utwuguruzo n'utwugarizo dukikiza amagambo y'undi asubirwamo uko yakabaye, ashobora kuba ateruwe n'ingirwanshinga "**-ti**", "**-tya**" n'ijambo"**ngo**".

Utwuguruzo n'utwugarizo dukikiza imvugo itandukanye n'imvugo isanzwe, cyangwa ingingo igomba kwitabwaho.

Dukikiza inyito ikemangwa, amazina nteruro n'amazina y'inyunge agizwe n'amagambo arenze ane.

Dukikiza kandi amagambo y'amatirano atamenyerewe mu Kinyarwanda.

**Ingero:**

- Karangwa yungani Kankindi ati: « Iyo bavuze kuringanira ntibaba bavuze kureshya; baba bavuze gufashanya no kugira uburenganzira bungana imbere y'amategeko. »
- Nuko ya "nyamaswa" iravumbuka maze havamo umusore mwiza.
- Ubwo "Inshyikanya ku mubiri ya rugema ahica" aba arahashinze.
- Ibyo nabisomye kuri "interineti".
- "Izi mpaka numva ari urujeje

Nkaho mbyaye ijana ry'abantu

Aho ntizishaka kunjisha

Ngo zinjandike mu matiku

Umutima uteshwe icyo nawutoje."

***Ijoro ry'urujijo, Rugamba Sipiriyani.***

**i) Akuguruzo n'akugarizo kamwekamwe ('')**

Akuguruzo n'akugarizo kamwekamwe dukoreshwa iyo utwuguruzo n'utwugarizo twinjira mu tundi mu nteruro.

**Urugero:**

Umugaba w'ingabo ati: "Ndashaka ko 'Inshyikanya ku mubiri ya rugema ahica' aza hano".

**j) Udukubo ( )**

Udukubo dukikiza amagambo cyangwa ibimenyetso bifite icyo bisobanura cyangwa icyo byuzuza mu nteruro. Banadukoresha iyo bashaka kwerekana uko amazina bwite y'amanyamahanga yanditswe mu Kinyarwanda bayandika mu ndimi akomokamo. Dukikiza kandi umubare wanditse mu mibarwa mu nteruro iyo uwo mubare wabanje kwandikwa mu nyuguti.

**Ingero:**

- Umuyobozi w'Akarere yabwiye abaturage ko kugira ngo barwanye inzara, bagomba gushoka ibishanga **(**impeshyi yari yabaye ndende**)** kandi kwiririrwa banywa bakabifasha hasi.
- Bisimariki **(**Bismarck**)**
- Koreya **(**Korea**)**
- Kamboje **(**Cambodge**)**
- Igihembo twumvikanyeho ni amafaranga y'amanyarwanda ibihumbi magana atanu (500 000 Frw).

**k) Akanyerezo (-)**

Akanyerezo gakoreshwa mu kiganiro kugira ngo berekane ihererekanywa cyangwa iyakuranwa ry'amagambo.

**Urugero:**

- Wari waragiye he?
- Kwa Migabo.

Akanyerezo gakoreshwa kandi bakata ijambo ritarangiranye n'impera y'umurongo, bikurikije imiterere y'umugemo.

**Urugero:**

- Semarinyota yansabye ko **tuzajya-**

  **na** i Rukoma, ariko sinzamwemerera.
- Kanakoreshwa imbere n'inyuma y'interuro ihagitse.

**Urugero:**

Ejo nzajya mu misa - sinzi niba wari uzi ko nsigaye njyayo - ntuzantegereze mbere ya saa sita.

**l) Udusodeko ([ ])**

Udusodeko dukikiza intekerezo cyangwa igibanuro bongeye mu mvugo isubira mu magambo y'undi.

**Urugero:**

Yaravuze ati: "Sinshobora kurara ntariye inkoko **[**ayo yari amirariro**]**, keretse narwaye".

Dukoreshwa kandi berekana ibyo banenga mu magambo y'undi.

**Urugero:**

Yaranditse ati: "Ikinyarwanda ni ururimi ruvugwa n'abatu **[**ikosa**]** benshi muri Afurika yo hagati".

Tunakoreshwa mu magambo y'undi mu kugaragaraza ko hari ayavanywemo cyangwa yasimbutswe.

**Urugero:**

Aravuga ati: "Nimureke abana bansange [...] ntimubabuze".

**m) Agakoni kaberamye (/)**

Agakoni kaberamye gakoreshwa mu kwandika amatariki, inomero z'amategeko. Gashobora kandi gukoreshwamu mwanya w'ijambo cyangwa.

**Ingero:**

- Kigali, ku wa 15/10/2012.
- Itegeko N° 01/2010 ryo ku wa 29/01/2010.
- Koresha yego/ oya mu gusubiza ibibazo bikurikira.

**3. Imikoreshereze y'inyuguti nkuru**

Inyuguti nkuru zikoreshwa aha hakurikira:

a) Ku nyuguti itangira interuro.

**Urugero:**

**I**funi ibagara ubucuti ni akarenge.

b) Nyuma y'akabago, akabazo n'agatangaro.

**Ingero:**

- **T**wese duhagurukire kujijuka. **W**abigeraho ute utazi gusoma? **N**tibishoboka.
- Ntoye isaro ryiza shenge wee! **R**eka nge kuryereka nyogokuru.

c) Nyuma y'ingirwanshinga "-ti", "-tya", n'ijambo "ngo" batangira amagambo y'undi asubiwemo uko yakabaye. Ariko inyuguti nkuru ntitangira amagambo asubirwamo iyo uwandika yayatangiriye hagati mu nteruro yakuwemo.

**Ingero:**

- Kankindi aravuga ati: "**M**u by'ukuri, umugabo n'umugore baremewe kuzuzanya."

- Igihe Kankindi yavuga ati: “**u**mugabo n’umugore baremewe kuzuzanya”, Migambi yararakaye.

d) Ku nyuguti itangira imibare iranga iminsi, amazina y’amezi n’ay’ibihe by’umwaka.

**Ingero:**

- Ku wa **G**atanu, ku wa **G**atandatu.
- **U**gushyingo gushyira **U**kuboza
- Mu Rwanda haba ibihe bine by’ingenzi: **U**rugaryi, **I**tumba, **I**ki (**I**mpeshyi) n’**U**muhindo.

e) Ku nyuguti itangira amazina bwite y’abantu, ay’inzuzi n’ay’ahantu, kabone nubwo indomo itangira izina ry’ahantu yaba yatakaye.

**Ingero:**

- **R**utayisire atuye i **H**uye hafi ya **C**yarwa.
- Mu **M**utara hera ibigori.
- I **W**ashingitoni (Washington) ni ho hari ikicaro cya Banki y’Isi.
- Uwitwa **E**nshiteni (Einstein) yari umuhanga cyane.

f) Ku nyuguti itangira amazina y’imirimo, ay’inzego z’imirimo n’ay’amashyirahamwe.

**Ingero:**

- **M**inisiteri y’**U**buhinzi n’**U**bworozi;
- **U**muryango w’**A**bibumbye;
- **K**operative **D**ufatanye;
- Banki Nkuru y’Igihugu yakoze inoti nshya ya magana atanu;
- **U**munyamabanga Nshingwabikorwa w’Akarere.

g) Ku nyuguti itangira amazina y’impamyabushobozi, ay’icyubahiro, ay’inzego z’ubutegetsi, ay’ubwenegihugu n’amoko, ay’indimi, ku mazina y’ibikorwa byamamaye mu mateka no ku nyuguti itangira ijambo “Igihugu” iyo rivuga u Rwanda.

**Ingero:**

- **D**ogiteri **K**arimanzira
- **N**yakubahwa **P**erezida wa Repubulika
- **U**murenge wa Nyarugenge
- **A**banyarwanda barimo **A**basinga n’**A**bagesera
- Dukwiye guteza imbere **I**kinyarwanda.

- Mu **N**tambara ya **K**abiri y'**I**si **Y**ose hapfuye abantu benshi.
- **B**wana Umunyamabanga Nshingwabikora w'Umurenge wa Busasamana.

h) Ku nyuguti itangira umutwe w'inyandiko, igitabo cyangwa ikinyamakuru.

**Ingero:**

- Nujya mu mugi ungurire **I**mvaho **N**shya.
- Musenyeri Kagame Alegisi ni we wanditse **I**ndyoheshabirayi.

i) Izina bwite ry'umuryango cyangwa irindi rifatwa nka ryo riri ku ntangiriro no ku mpera y'inyandiko (nk'ibaruwa, nk'itegeko, nk'inyandiko mvugo, nk'umwirondoro, nka raporo...) no mu rutonde rw'amazina y'abantu, ryandikwa ryose mu nyuguti nkuru. Nyamara rikandikwa mu nyuguti nto uretse inyuguti iritangira yandikishwa inyuguti nkuru mu mwandiko.

**Ingero:**

- **GAHIRE** Rose
- **UMURISA** Keza
- **BUTERA** Simoni
- Nagiye kwa **G**ahire Rose anyakira neza.
- Rutayisire atuye i Huye hafi ya Cyarwa.

**Umwitozo**

Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo buri wese ku giti ke. Yobora abanyeshuri bakore ikosora rusange ry'umwitozo.

**Ibibazo n'ibisubizo by'umwitozo**

1. **Amazina bwite y'ahantu afite indomo yandikwa ate? Tanga ingero eshatu.**

Amazina bwite y'ahantu afite indomo yandikwa atandukanye n'iyo ndomo; iyo ndomo ikandikwa mu nyuguti nto, keretse iyo itangira interuro.

**Ingero:**

- **U** Rwanda ni igihugu gifite isuku.
- **I** Kibungo ni ho umunryango we utuye.
- **U** Bufaransa buri mu bihugu bikize ku isi.

2. **Shyira utwatuzo dukwiye mu nteruro zikurikira:**

a) Yagiye ku isoko agura amashu ibirayi ibishyimbo n'ibitoki

Yagiye ku isoko agura amashu, ibirayi, ibishyimbo n'ibitoki.

b) Twatanze amafaranga igihumbi na magana abiri 1200

Twatanze amafaranga igihumbi na magana abiri (1200).

**3. Kosora interuro zikurikira:**

**a) Yababwiye ati, nzarya duke ndyame kare!**

Yababwiye ati: “Nzarya duke ndyame kare.”

**b) Yageze muri Cameroni,**

Yageze muri Kameruni (Caméroun).

**c) Umubarankuru yavaga inda imwe nabahungu batatu**

Umubarankuru yavaga inda imwe n’abahungu batatu.

**d) Abana babahungu nabo bari barakurikije se ntibafashe mushiki wa bo.**

Abana b’abahungu na bo bari barakurikije se ntibafashe mushiki wabo.

**e) Mbega ukuntu cyuzuzo yahiye agakongoka.**

Mbega ukuntu Cyuzuzo yahiye agakongoka!

**4. Ni ryari izina bwite ry’umuryango ryandikwa n’inyuguti nto uretse inyuguti iritangira? Tanga urugero.**

Ni igihe riri mu nteruro cyangwa mu mwandiko hagati.

**Urugero:**

Hakizimana yagiye ku isoko.

## II.5.5. Isuzuma risoza umutwe wa kabiri

| **Ibigenderwaho mu isuzuma risoza umutwe wa mbere** |
|---|
| Ubushobozi bwo:<br>– Ubushobozi bwo gusoma no gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z’ingenzi ziwugize.<br>– Ubushobozi bwo kwandika yubahiriza amabwiriza y’imyandikire y’Ikinyarwanda. |

Ifashishe ibibazo biri mu gitabo cy’umunyeshuri hanyuma utegurire abanyeshuri isuzuma. Saba abanyeshuri kwitegura gukora isuzuma risoza umutwe wa mbere buri wese ku giti ke.

**Urugero rw’ibibazo by’isuzuma:**

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko**

**1. Uru rugendo abashyitsi bakoreye kwa Majyambere, rwari rugamije iki? Rwaba rwarabagiriye akamaro? Sobanura.**

Urugendo rw'abashyitsi bari baje kureba uko kwa Majyambere biteje imbere bashaka kubigiraho. Rwagize akamaro kuko batashye biyemeje gufatanya, kujya inama no gukora imishinga ibateza imbere.

2. **Urugo rwa Majyambere rurangwa n'ubufatanye hagati y'umugabo n'umugore. Mbese aho wiga ubona hari ubufatanye hagati y'abakobwa n'abahungu mu ishuri? Sobanura.**

Yego. Ubufatanye hagati y'abahungu n'abakobwa burahari. Ari mu masomo (mu mirimo y'amatsinda), mu mirimo y'amaboko abahungu n'abakobwa barafatanya.

3. **Gukora imirimo yose ku bagore n'abagabo byakwihutisha bite iterambere ry'Igihugu?**

**Urugero :**

Kudatoranya imirimo hagati y'ibitsina byombi bituma ntawongera kuvuga ko imirimo iyi n'iyi ari iy'abagabo cyangwa iy' abagore. Buri wese azakora iyo abonye. Byihutisha iterambere kuko nta kudindira kw'imirimo runaka kuzabaho.

4. **Nyuma yo kwiga ibijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango, ni uwuhe musanzu watanga mu kwimakaza ihame ryabwo?**

*Umva ibitekerezo binyuranye abanyeshuri batanga, niba koko byagira uruhare mu kwimakaza uburinganire n'ubwuzuzanye.*

**II. Inyunguramagambo**

1. **Simbuza amagambo atsindagiye ari muri izi nteruro andi bihuje inyito yakoreshejwe mu mwandiko ukora isanisha riboneye.**

a) Urugo rutarimo ubwumvikane hagati y'umugabo n'umugore **rupfusha ubusa** umutungo warwo.

– Urugo rutarimo ubwumvikane hagati y'umugabo n'umugore **rutagaguza** umutungo warwo.

b) Buri rugo rukwiye kugira **aho rushyira imyanda** mu rwego rwo kurengera ibidukikije.

– Buri rugo rukwiye kugira **ikimoteri** mu rwego rwo kurengera ibidukikije.

2. **Kora interuro ziboneye ukoresheje amagambo akurikira:**

**a) Umutungo**

Iyo abantu bakora, umutungo w'igihugu uriyongera.

**b) Igihombo**

Kudafatanya mu muryango ni igihombo gikomeye.

**C) Gutahiriza umugozi umwe**

Iyo abantu batahiriza umugozi umwe, aho kubaka barasenya.

**III. Ibibazo ku myandikire y'Ikinyarwanda**

**Kosora igika gikurikira, wubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.**

Umubyeyi KANAKUZE akimara gutangiza ishuri umwana we UWASE SHIMWA yibwiragako atazongera kuvunika aha uburezi n'uburere umwana we ahubwo ko bizajya bikorwa n'umwarimu kw'ishuri. Uwo mubyeyi yitaga cyanecyane ku gushaka aho akura amafaranga yo kugura ibikoresho n'imyambaro by'ishuri n'ayo kumwishyurira ishuri. ukwiye kwirengagiza inshingano afite ku mwana. Ababyeyi bafite inshingano zo gutoza abana ba bo imico itandukanye irimo kubaha abakuru n'abato, kugira isuku y'umubiri n'iyaho baba. Kanakuze akimara kumva impanuro bahawe yarumiwe maze ati mbega ukuntu narangaye. Uburezi n'uburere ni inshingano za buri wese pe. Kuva ubu ngiye kujya nita ku burezi n'uburere bw'umwana wange kugirango nawe azavemo umwana ubereye igihugu.

**Igisubizo**

*Umubyeyi Kanakuze akimara gutangiza ishuri umwana we Uwase Shimwa, yibwiraga ko atazongera kuvunika aha uburezi n'uburere umwana we ahubwo ko bizajya bikorwa n'umwarimu kw'ishuri. Uwo mubyeyi yitaga cyanecyane ku gushaka aho akura amafaranga yo kugura ibikoresho n'imyambaro by'ishuri n'ayo kumwishyurira ishuri. Ukwiye kwirengagiza inshingano afite ku mwana. Ababyeyi bafite inshingano zo gutoza abana babo imico itandukanye irimo kubaha abakuru n'abato, kugira isuku y'umubiri n'iy'aho baba. Kanakuze akimara kumva impanuro bahawe yarumiwe maze ati: "Mbega ukuntu narangaye. Uburezi n'uburere ni inshingano za buri wese pe. Kuva ubu ngiye kujya nita ku burezi n'uburere bw'umwana wange kugira ngo na we azavemo umwana ubereye igihugu."*

## III.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura umwandiko uvuga ku burezi n'uburere hagaragazwa ingingo z'ingenzi ziwugize.
- Gusesengura amazina mbonera n'amazina y'amatirano.
- Gutegura ikiganiro mpaka no kujya impaka n'abandi mu bwubahane.
- Kwandika yubahiriza amabwiriza y'imyandikire y'Ikinyarwanda.
- Gukoresha mu nteruro impuzanyito, imbusane, imvugwakimwe, ingwizanyito n'impuzashusho.

## III.2 Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

- Imico igaragaza ikinyabupfura.
- Amazina bwite n'amazina rusange.
- Gushaka ingingo no kuzisobanura.
- Imyandikirwe y'inyajwi, ingombajwi, inyerera n'ibihekane.
- Imikoreshereze y'utwatuzo n'iy'inyuguti nkuru.
- Gushaka inyito z'amagambo.

## III.3 Ingingo nsanganyamasomo

| Ingingo nsanganyamasomo | Aho igaragara mu muri uyu mutwe |
|---|---|
| Uburinganire n'ubwuzuzanye | Mu bikorwa byose umwarimu yita ku banyeshuri b'ibitsina byombi.<br><br>Mu mwandiko "Kabayiza mu ihuriro" mu ihuriro habaga harimo ingimbi n'abangavu. |
| Uburezi budaheza | Mu bikorwa byose umwarimu yita ku banyeshuri bose (harimo n'abafite ibyo bagenerwa byihariye). |
| Umuco w'amahoro | Iyi ngingo igaragarira mu mwandiko "Kabayiza mu ihuriro" aho mu itorero bigishwaga kurakazwa n'ubusa n'iyo umuntu yagushotora. |

## III.4 Igikorwa cy'umwinjizo

Saba abanyeshuri gukora igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

**Urugero rw'igikorwa n'urugero rw'ibisubizo:**

Ushingiye ku bumenyi ufite:

- Tandukanya uburezi n'uburere maze usobanure uko byuzuzanya mu kurema umuntu nyamuntu.
- Tandukanya amazina gakondo n'amazina y'amatirano.

Ubusanzwe uburezi n'uburere ni inyito ebyiri zidatandukana ariko zuzuzanya. Uburezi ni igikorwa ngiro aho uwiga, haba mu muryango cyangwa mu ishuri, ahabwa ubumenyi, ubumenyi ngiro nyuma akazagira ubukesha bushingiye ku byo yigishijwe burimo nko guhanga udushya, kunoza neza ibyo akora n'ibindi. Naho uburere ni impano ngirwa ikaba ari imico myiza cyangwa mibi umuntu akura aho arererwa cyangwa ku bamurera. Umuntu ufite uburere agaragarira ku myitwarire ye. Muri make uburere bugirwa bukomotse ku kundangagaciro n'umuco waciye ku bo wasanze hanyuma bukagufasha gukeneka uwo muco. Mu gihe uburezi ubuhererwa mu ishuri ubwigishwa.

Aho uburere butandukaniye n'uburezi rero ni uko uburezi butanga uburere. Uburezi bwumvikanisha inyigisho injijuke cyangwa inararibonye ziha abantu, by'umwihariko abakiri bato, naho uburere bukaba umusaruro cyangwa ingaruka bikomoka kuri ubwo burezi. Ibyo umuntu yigishirizwa mu ishuri ni uburezi. Byumvikana ko uburezi bwiza butuma umuntu agaragaraho uburere bwiza, mbese abonekaho imyitwarire iboneye. Ariko nanone umuntu ashobora guhabwa uburezi akabura uburere mu gihe abamuhaye uburezi nta ndangagaciro n'umuco mwiza bari bafite.

1. **Ururimi urwo ari rwo rwose rwandikwa rugira amabwiriza agenga imyandikire yarwo. Sobanura muri make ingingo zitabwaho mu myandikire y'Ikinyarwanda.**

Ingingo zitaweho mu myandikire y'Ikinyarwanda ni:

- Imyandikire y'inyajwi, ingombajwi, inyerera n'ibihekane
- Ikata n'itakara ry'inyajwi
- Imyandikire y'amazina bwite
- Imikoreshereze y'utwatuzo
- Imikoreshereze y'inyuguti nkuru.

## III.5. Amasomo ari mu mutwe wa gatatu n'igihe yagenewe

| **Umutwe wa gatanu: Kubungabunga ubuzima** | | **Umubare w'amasomo: 12** |
|---|---|---|
| **Amasomo** | **Intego rusange** | **Umubare w'amasomo** |
| Isomo rya mbere: Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko "Kabayiza mu ihuriro" | – Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo adasobanukiwe,<br>– Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.<br>– Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko. | **Amasomo 2** |
| Isomo rya kabiri: Amazina gakondo n'amazina y'amatirano | – Gutahura amazina gakondo n'amazina y'amatirano.<br>– Gutandukanya amazina gakondo n'ay'amatirano.<br>– Gukoresha neza amazina gakondo n'amazina y'iritirano. | **Amasomo 2** |
| Isomo rya gatatu: Ibiganiro mpaka | – - Gusobanura uko bategura ikiganiro mpaka n'amabwiriza akigenga. | **Amasomo 2** |
| Isomo rya kane: Gukora ikiganiro mpaka | – Kujya impaka ashyigikira cyangwa avuguruza igitekerezo kirimu nsanganyamatsiko.<br>– Kujora ikiganiro mpaka yakurikiye. | **Amasomo 2** |

| | | |
|---|---|---|
| Isomo rya kane: Amabwiriza y'imyandikire "Ikata n'itakara ry'inyajwi, amagambo afatana n'adafatana" | – Kwandika yubahiriza amabwiriza y'imyandikire y'Ikinyarwanda.<br>– Kujora no gukosora inyandiko zanditse mu Kinyarwanda. | **Amasomo 2** |
| Isomo rya gatanu: Inyunguramagambo | - Gutahura mu nteruro impuzanyito, imbusane, imvugwakimwe, ingwizanyito, Impuzashusho.<br>- Gukoresha mu nteruro impuzanyito, imbusane, imvugwakimwe, ingwizanyito, impuzashusho. | **Amasomo 2** |
| Isomo rya gatandatu: Isuzuma risoza umutwe wa gatatu | | **Amasomo 2** |

## III. 5.1 Isomo rya mbere: Gusoma, kumva no gusengura umwandiko " Kabayiza mu ihuriro "

| Intego zihariye |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>– Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.<br>– Gusoma no gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.<br>– Gusubiza neza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi ziriwugize. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko "Kabayiza mu ihuriro", igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi. |

**1. Intangiriro**

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "Kabayiza mu ihuriro" bagiye gusoma uyibabazaho ibibazo.

**Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo**

**a) Mwitegereje iyi shusho murabonaho iki?**

Abasoren'abakobwa bicaye ku ntebe munsi y'igiti n'umusaza uhagaze imbere yabo.

**b) Uriya musaza murakeka ko ari gukora iki? Sobanura.**

Umusaza ari kuganiriza urubyiruko. Birerekanwa n'uko ahagaze, abareba, agaragara nkuri kuvuga, abandi bamuhanze amaso, bigaragara ko bamuteze amatwi.

**c) Murakeka ko yaba ari kubaganiriza kuki?**

Yaba ari kubaganiriza ku mateka yo hambere no kumyitwarire ikwiyeurubyiruko.

**2. Uko isomo ryigishwa**

**a) Gusoma bucece**

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwihwisa, bandika amagambo badasobanukiwe hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

**1. Kabayiza uvugwa muri uyu mwandiko yari yaragize ikihe kibazo?**

Kabayiza yari afite ikibazo cyo kudahura n'urundi rubyiruko mu ihuriro kuko ababyeyi batabimwemereraga.

**2. Umusaza waganirizaga urubyiruko yitwa nde?**

Umusaza yitwa Kanyamibwa.

**3. Urubyiruko rwari rwatumiye Kanyamibwa ngo abaganirize ku yihe nsanganyamatsiko?**

Ku nsanganyamatsiko y'uburezi n'uburere mu Rwanda rwo hambere.

**b) Gusoma baranguruye**

Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho basoma nabi kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

**c) Gusobanura amagambo no gusubiza ibibazo ku mwandiko**

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Saba abanyeshuri gukora **igikorwa 3.1** kiri mu gitabo cyabo ubahe n'igihe cyo kugikora. Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

Soma umwandiko ukurikira, ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko kandi usubize n'ibibazo byawubajijweho.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Itsinda rimwe rimurike ibijyanye n'inyunguramagambo irindi rimurike ibijyanye n'ibibazo byabajijwe ku mwandiko. Fatanya n'abagize andi matsinda kugorora no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

### Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe

**Gusobanura amagambo**

**Umutsindo:** insinzi cyangwa ubuneshe bw'icyarwanaga n'ikindi

**Ingimbi:** umwana w'umuhungu uri mu kigero kiri hagati y'imyaka cumi n'itatu na cumi n'itandatu

**Umwangavu:** umukobwa umaze gupfundura amabere

**Amwime ikico:** amwime umwanya wo gukora ikintu runaka

**Kuzibukira:** kwtaza ikintu ngo kitakugeraho.

**Basakiranye:** bahuye, umwe atabonye undi

**Bazabafate mpiri:** gufata umuntu umutunguye/ kugwa gitumo

**Kumasha:** kwitoza kuboneza ahantu runaka by'abarasa

**Gukinga ingabo:** kwikinga igikoresho bakoresha bikingira amacumu n'imyambi mu gihe barwana

**Gufora umuheto:** Gukurura injishi n'umuheto cyanecyane ushaka kurasa.

**Bamuhwitura:** bamwibutsa ari nako bamutera umwete wo gukora ibyo ashinzwe

**Abatabazi:** ni abantu bagenewe kujya ku rugamba. Ahandi bishobora kuvuga abantu batabara abandi.

**Abacengeri**: ni abantu b'ibikomangoma babaga berewe n'indagu z'ibwami bakajya mu gihugu bashaka gutera bakagenda batarwana ariko biyenza bakagwayo bikabaha uburyo bwo kukigarurira.

**Kumva no gusesengura umwandiko**

### Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko

1. **Rodora bimwe mu byo abahungu n'abakobwa batozwaga mu itorero no mu rubohero byavuzwe mu mwandiko.**

Mu itorero, abahungu batozwaga ibyivugo bigizwe n'ibigwi n'ibirindiro by'intwari za kera z'ibirangirire. Batozwaga kandi gukoresha intwaro zitandukanye n'ubuhanga bwo kurwana.

Muri byo twavuga nko gufora umuheto, kumasha, gukinga ingabo, gutera icumu, gusimbuka, gukirana, kuzibukira n'ibindi.

Mu rubohero, abakobwa batozwaga, kubaha abandi, kuzavamo abagore babereye u Rwanda, kuzamenya kurera Igihugu no kujya inama zubaka imiryango yabo.

Batozwaga kandi imirimo itandukanye nko kuboha ibyibo, ibiseke n'imisambi, gusenga inkangara n'ibindi.

**2. Ni akahe kamaro itorero ryari rifite mu burezi n'uburere mu Rwanda rwo hambere?**

Mu Rwanda rwo hambere abavaga mu itorero bitwaraga neza bagasakazaga umuco n'indangagaciro baryigiyemo aho batuye. Bigishaga rubanda batagiye mu itorero, babagaragariza urugero rw'umuco mwiza, ndetse bamwe bagashinga ayandi matorero ku misozi y'iwabo.

**3. Garagaza ingingo z'ingenzi zigize umwandiko.**

Ingingo z'ingezi zigize umwandiko "Kabayiza mu itorero" ni:

- Kuba ingimbi n'abangavu bo mu Mudugudu wa Gahinga barajyaga mu ihuriro, Kabayiza we iwabo bakamwangira kurijyamo.
- Kabayiza yemererwa kujya mu itorero.
- Umusaza Kanyamibwa aganiriza ingimbi n'abangavu bo mu mudugudu wa Gahinga ku burezi n'uburere byo mu Rwanda rwo hambere yibanda cyane ku itorero ry'ingimbi n'urubohero ku bangavu.
- Kabayiza abwira ababyeyi be ibyo yungukiye mu ihuriro, ntibongera kumubuza kurijyamo ahubwo bakajya bamuhwitura ngo adakererwa.

**4. Kuba abahungu baratorezwaga mu itorero abakobwa mu rubohero byerekanaga iki mu myumvire y'Abanyarwanda? Kuri ubu bimeze bite?**

Kuba abahungu n'abakobwa baratorezwaga ahatandukanye byerekana uko Abanyarwanda babonaga ko hari imirimo n'inyigisho bigomba guhabwa abakobwa n'ibindi bigomba guhabwa abahungu. Mbese bamwe bafiti ibyo bashobora n'abandi ibyo bashobora. Kuri ubu ibyo abakobwa bakora n'abahungu babikora, ibyo abahungu bakora n'abakobwa babikora. Uburezi bw'ubu ntibuheza kandi bwubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.

**5. Utekereza ko itorero n'urubohero byagiraga uruhe ruhare mu kurema Umunyarwanda wuzuye indangagaciro z'umuco nyarwanda?**

Itorero ryari rifite uruhare runini cyane mu kurema Umunyarwanda w'intwari kuko ryatozaga urubyiruko ibikorwa bitandukanye by'ubutwari rigamije ko ruzavamo abantu, bakunda Igihugu kandi biteguye kukirwanirira no kukitangira. Itorero ryatumaga urubyiruko rusabana kandi rugatozwa ubuvanganzo bunyuranye mu rwego rwo gusigasira umuco nyarwanda.

Abakobwa bo ntibajyaga mu itorero ahubwo bajyaga mu rubohero. Bahabwaga impanuro zirimo kwiyubaha, kubaha abandi, kuzavamo abagore babereye u Rwanda, kuzamenya kurera Igihugu no kujya inama zubaka imiryango yabo. Bahigiraga imirimo itandukanye nko kuboha ibyibo, ibiseke n'imisambi, ndetse no gusenga inkangara n'ibindi.

**6. Gereranya itorero ryo mu gihe cyo hambere n'itorero ryo muri iki gihe.**

| Itorero ryo mu gihe cyo hambere | Itorero ryo muri iki gihe |
|---|---|
| – Kera itorero ryari ishuri Abanyarwanda bigishirizwagamo Ikinyarwanda kiza, gukunda Igihugu, imibanire myiza, siporo, imbyino, indirimbo no kurwanirira Igihugu igihe gitewe.<br>– Abarerewe mu itorero ni bo bavagamo abayobozi b'ingabo ndetse n'abatware.<br>– Itorero rya kera ryitabirwaga n'abahungu gusa, abakobwa bajyaga mu rubohero. | – Itorero ryashyizweho mu rwego rwo guhangana n'ingaruka za jenoside yakorewe Abatutsi hagamijwe kugarura ubumwe bw'Abanyarwanda.<br>– Abitabira itorero bajya impaka ku bibazo byugarije Igihugu bagerageza gushakisha ibisubizo byabyo. Bigishwa kandi indangagaciro na kirazira by'umuconyarwanda.<br>– Itorero ry'iki gihe ryitabirwa n'urubyiruko rw'ibitsina byombi, abakobwa n'abahungu. |

**d) Umwitozo**

Saba abanyeshuri gukora babiribabiri umwitozo w'inyunguramagambo uri mu bitabo byabo. Yobora abanyeshuri bakore ikosora rusange ry'umwitozo.

**Ibibazo n'ibisubizo by'umwitozo w'inyunguramagambo**

**1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro.**

**a) Kuzibukira**

Urubyiruko rukangurirwa kuzibukira kunywa ibiyobyabwenge.

**b) Umutsindo**

Kubona **umutsindo** mu mukino wo gukirana ntib yari byoroshye.

**2. Ijambo "itorero" rifite inyito zinyuranye. Rikoreshe nibura mu nteruro eshatu uriha inyito zitandukanye.**

– Mama yambwiye ko data yarerewe mu Itorero ry'Abadahigwa, aho yigiye

kurasa, kumasha no gusimbuka.

- Mukamana abyina mu Itorero ry'Urukerereza.
- Itorero dusengeramo uyu munsi ryatuye amafaranga ibihumbi makumyabiri.

3. **Wubahiriza isanisha rikwiye, uzuza interuro zikurikira ukoresheje aya magambo: abatabazi, gufata mpiri, gufora umuheto.**

a) Abajura bagiye kwiba mu kigo cyacu **bafatwa mpiri**.

b) Kera abahigi **baforaga umuheto** barasa inyamaswa.

c) Abatabazi bari bafite ubwitange bukomeye mu Gihugu.

Tanga nk'umukoro ikibazo cya kane kizakosorwe mu isomo rizakurikiraho.

*"Utekereza ko itorero mu Rwanda rwo hambere ryagiraga uruhe ruhare mu kurema Umunyarwanda ubereye u Rwanda."*

## III.5.2. Isomo rya kabiri: Amazina gakondo n'amazina y'amatirano

| **Integozihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>– Gutandukanya amazina gakondo n'ay'amatirano.<br>– Kurondora ubwoko bw'uturemajambo dukoreshwa mu mazina mbonera gakondo no mu mazina mbonera y'amatirano.<br>– Gukoresha neza mu nteruro amazina gakondo n'amazina y'iritirano.<br>– Gusesengura amazina mbonera gakondo n'amazina mbonera y'amaitirano ugaragaza inteego yayo n'amategeko y'igenamajwi. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibindi. |

1. **Intangiriro**

Yobora abanyeshuri bakosore umukoro batahanye. Baza bamwe mu banyeshuri batange ibisubizo, abandi babigorore byandikwe ku kibaho hanyuma abanyeshuri babyandike mu makayi yabo.

**Umukoro n'urugero rw'ibisubizo**

Utekereza ko itorero mu Rwanda rwo hambere ryagiraga uruhe ruhare mu kurema Umunyarwanda ubereye u Rwanda.

*Itorero ryari rifite uruhare runini cyane mu kurema Umunyarwanda w'intwari kuko ryatozaga urubyiruko ibikorwa bitandukanye by'ubutwari rigamije ko ruzavamo abantu, bakunda Igihugu kandi biteguye kukirwanirira no kukitangira. Itorero*

*ryatumaga urubyiruko rusabana kandi rugatozwa ubuvanganzo bunyuranye mu rwego rwo gusigasira umuco nyarwanda.*

**2. Uko isomo ryigishwa**

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora **igikorwa 3.2** kiri mu bitabo byabo. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

*Kora ubushakashatsi utahure inshoza y'amazina gakondo n'iy'amazina y'amatirano, intêgo yayo n'imvano y'amazina y'amatirano.*

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Kuri buri ngingo hamurike itsinda rimwe. Fatanya n'abagize andi matsinda kugorora no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Ibisubizo byanogejwe**

**1. Amazina gakondo**

**a) Inshoza y'izina gakondo**

Izina gakondo ni izina ry'umwimerere mu Kinyarwanda rivuga ridakomoka cyangwa ritatiwe mu ndimi z'amahanga.

**Ingero:** Igiti, umuvure, amasaka, ibishyimbo...

**b) Intêgo y'izina gakondo**

Amenshi mu mazina gakondo agizwe nk'uturemajambo dutatu tw'ibanze indomo, indanganteko n'igicumbi, ari na yo yitwa amazina mbonera. Ni ukuvuga ko izina gakondo atari izina ry'urusobe kandi atari izina rikomoye ku nshinga cyangwa ku bundi bwoko bw'amagambo. Intego y'izina gakondo rero ni : indomo, indanganteko (indangazina), n'igicumbi:D+RT+C

– **Indomo (D)**

Ni akaremajambo kagizwe n'inyajwi iterura izina. Indomo buri gihe isa n'inyajwi y'akaremajambo kayikurikira iyo gahari. Mu Kinyarwanda inyajwi zishobora kuba indomo ni eshatu: i, u, a.

**Ingero**: **i**kivuguto, **a**masaka, **u**muvure

– **Indanganteko/ Indangazina : RT/Rzn**

Indanganteko/indangazina ni akaremajambo kerekana inteko izina ririmo. Ako karemajambo ni ko kagena uturemajambo tw'isanisha.

Indanganteko zihinduka bitewe n'inteko izina ririmo.

**Ingero:**

A**ba**ngavu **ba**torezwaga mu rubohero.

U**bu**rezi **bu**fite ireme **bu**rakenewe.

Indanganteko z'amazina zigabanyije mu nteko cumi n'esheshatu. Dore urutonde rw'inteko n'indanganteko zirimo:

| | |
|---|---|
| nt.1: mu | nt.9: n |
| nt.2: ba | nt.10: n |
| nt.3: mu | nt.11: ru |
| nt.4: mi | nt.12: ka |
| nt.5: ri | nt.13: tu |
| nt.6: ma | nt.14: bu |
| nt.7: ki | nt.15: ku |
| nt.8: bi | nt.16: ha |

- **Igicumbi (C)**

Igicumbi ni igice k'izina kidahinduka kibumbatiye inyito y'ibanze y'izina. Mu Kinyarwanda

izina gakondo iryo ari ryo ryose rigira igicumbi.

**Ikitonderwa:**

Amazina adafite indanganteko igaragara na yo intego yayo ni D+RT+C uretse ko RT igaragazwa n'ikimenyetso -Ø-. Iki kimenyetso gihagararira akaremajambo kabura mu turemajambo tw'ibanze.

**Urugero:**

ishyari: i-Ø-shyari

i-: Indomo

-Ø-: ni indanganteko

-shyari: igicumbi

Hari amazina gakondo atagira indomo n'indanganteko. Ingero: data, nyina, mushiki, dodo, so

Mu gusesengura ayo mazina, uturemajambo tutagaragara duhagararirwa n'ikimenyetso -Ø-

**Urugero:** data: Ø-Ø-data

### c) Amategeko y'igenamajwi akoreshwa mu izina gakondo

Imbonerahamwe ikurikira ikubiyemo amwe mu mategeko y'igenamajwi akoreshwa mu izina gakondo.

| No | Amazina | intego | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|---|
| 1 | umwami | u-mu-ami | **u→w/-J** |
| 2 | abantu | a-ba-antu | **a→ø/-J** |
| 3 | umwuko | u-mu-uko | **u→w/-J** |
| 4 | Imyuko | i-mi-uko | **i→y/-J** |
| 5 | iryinyo | i-ri-inyo | **i→y/-J** |
| 6 | amenyo | a-ma-inyo | **a+i→e** |
| 7 | igiti | i-ki-ti | **k→g/-GR** |
| 8 | ibyondo | i-bi-ondo | **i→y/-J** |
| 9 | Imfura | i-n-fura | **n→m/-f p→ø/m-f** |
| 9/10 | Inzoga | i-n-yoga | **y→z/n-** |
| 9/10 | Insibo | i-n-tsibo | **t→ø/n-s** |
| 10 | Inzuzi (uruzi mu bumwe) | i-n-uzi | **Ibicumbi bifata z mu nteko ya 9** |
| 10 | Impapuro | i-n-papuro | **n→m/-p** |
| 11 | urupapuro | u-ru-papuro | **-** |
| 12 | akana | a-ka-ana | **a→ø/-J** |
| 13/14/15 | utwana/ ubwanwa/ ukwaha | u-tu-ana u-bu-anwa / u-ku-aha | **u→w/-J** |
| 16 | ahantu | a-ha-ntu | **-** |

**Uko ibimenyetso byakoreshejwe bisomwa:**

**Ingero:**

**u→w/-J:** bisomwa ngo **u** ihinduka **w** iyo iri imbere **y'inyajwi**.

**a→ø/ -J:** bisomwa ngo **a** iburizwamo iyo iri imbere **y'inyajwi.**

**k→g/-GR:** bisomwa ngo **k** ihinduka **g** imbere **y'ingombajwi y'indagi**.

**a+i→e:** bisomwa ngo iyo **a** ihuye na **i** bihinduka **e**

**p→ø/m-f:** bisomwa ngo **p** iburizwamo iyo iri hagati ya m na **f**

**Umwitozo**

Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo buri wese ku giti ke. Yobora abanyeshuri bakore ikosora rusange ry'umwitozo.

**Ibibazo n'ibisubizo by'umwitozo**

a) **Tahura amazina gakondo ari mu gika gikurikira:**

Abakobwa bo ntibajyaga mu itorero ahubwo bajyaga mu rubohero. Bahabwaga impanuro zirimo kwiyubaha, kubaha abandi, kuzavamo **abagore** babereye u Rwanda, kuzamenya kurera **Igihugu** no kujya inama zubaka **imiryango** yabo. Bahigiraga imirimo itandukanye nko kuboha **ibyibo, ibiseke n'imisambi**, ndetse no gusenga **inkangara** n'ibindi.

b) **Ni irihe tandukaniro riri hagati y'amazina y'amatirano n'amazina gakondo?**

Amazina y'amatirano ni amazina afite inkomoko mu ndimi z'amahanga. Iyo indimi zihuriranye, ururusha urundi ingufu ni rwo rurutiza amagambo menshi bitabujije ko n'urundi na rwo rurutira. Gutira bishingira ku mushyikirano w'imico, ku madini, ku butegetsi, ku bukungu n'ibindi hagati y'indimi zinyuranye. Amazina gakondo yo ni amazina aba ari karemano mu rurimi runaka ataratiwe mu zindi ndimi.

c) **Tanga ingero z'indimi nyafurika zatije Ikinyarwanda amagambo.**

Urugero rw'indimi nyafurika zatije amagambo Ikinyarwanda ni Igiswahiri, Iringara...

d) **Garagaza intêgo y'amazina mbonera gakondo akurikira ugaragaze n'amategeko y'igenamajwi:**

a) Amenyo: a-ma-inyo a+i ⟶ e

b) Umuhungu: u-mu- hungu nta tegeko

c) Inzembe: i-n- embe Igicumbi gifata z mu nt10

d) Imfuruka: i-n-furuka n⟶ m/-f

e) Umweyo: u-mu-eyo u ⟶ w/-J

f) Inzuzi (uruyuzi): i-n-yuzi y ⟶ z/n-

g) Ibyashara: i-bi-ashara i→ y/-J

h) Icyashara: i-ki-ashara i→ y/- J; ky→ cy mu myandikire y'Ikinyarwanda.

i) Agaterefoni: a-ka-terefoni k→g/ - GR

j) Umwarimu: u-mu-arimu u→ w/- J

## III.5.3. Isomo rya gatatu: Ibiganiro mpaka

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>– Gusobanura uko bategura ikiganiro mpaka n'amabwiriza agenga ikiganiro mpaka. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, Igitabo cy'umwarimu n'ibindi. |

**1. Intangiriro**

Bwira abanyeshuri ibikubiye mu nteruro zikurikira maze ubabaze ho ibibazo.

*"Umwarimu yahaye abanyeshuri insanganyamatsiko, arangije asaba buri wese kuyitangaho ibitekerezo ayishyigikira cyangwa ayivuguruza. Byarangiye mu ishuri rye havutsemo amatsinda abiri. Itsinda ry'abashyigikiye insanganyamatsiko n'iry'abatayishyigikiye."*

Saba abanyeshuri kuganira babiribabiri, maze bavuge ubwoko bw'iki kiganiro cyakozwe mu ishuri.

**Igisubizo:** Ubu bwoko ni ikiganiro mpaka.

**2. Uko isomo ritangwa**

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora **igikorwa 3.3** kiri mu bitabo byabo. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

*Ushingiye ku bumenyi usanganwe no ku isusho (ishusho iri mu gitabo cy'umunyeshuri), garagaza inshoza y'ikiganiro mpaka, abakigize n'uko gikorwa.*

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Amatsinda asimburane amurika buri tsinda ingingo imwe. Yobora abagize andi matsinda kunoza no kuzuza ibisubizo byatanzwe hanyuma byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Ibisubizo byanogejwe**

**1. Inshoza y'ikiganiro mpaka**

Ikiganiro mpaka ni igikorwa cyo kuganira ku nsanganyamatsiko runaka bamwe bayishyigikira abandi bayivuguruza/bayihakana. Icyo kiganiro kiba kiyobowe kandi buri ruhande ruba ruhatanira guhiga urundi mu gutanga ibitekerezo neza. Ibyo bigatuma buri ruhande rutsimbarara ku murongo w'ibitekerezo rwahisemo.

Ikiganiro mpaka kigira abantu bafite inshingano zinyuranye zituma kigenda neza kandi cyubahiriza igihe cyagenwe.

## 2. Uko bategura ikiganiro mpaka n'uko gikorwa

Mbere yo kwinjira mu kiganiro mpaka, abashyigikiye insanganyamatsiko n'abatayishyigikiye bamenyeshwa insanganyamatsiko, bagahabwa umwanya wo gukora ubushakashatsi buhagije, begeranya ingingo bari bushingireho/ bazashingiraho kugira ngo bahige abo bari buge impaka.

### a) Abagize ikiganiro mpaka

– **Umuyobozi:** Umuyobozi w'ikiganiro avuga insanganyamatsiko iza kugibwaho impaka, agateganya igihe ikiganiro kiri bumare. Agena umubare w'abagomba kugira uruhare mu kiganiro kugira ngo bataba benshi, bityo ibitekerezo bikagora iyobora. Umuyobozi w'ikiganiro ashobora kuba umwe cyangwa bakaba babiri bitewe n'abajya impaka uko bangana n'imiterere y'insanganyamatsiko.

– **Umwanditsi:** Ni uwandika ibitekerezo bitangwa na buri ruhande.

– **Abashyigikiye insanganyamatsiko:** ni itsinda/ uruhande rw'abajya impaka ariko bemeranya n'insanganyamatsiko. Ibitekerezo, ingingo ndetse n'ingero batanga, byose biba biyishyigikira insanganyamatsiko igibwaho impaka.

– **Abahakana insanganyamatsiko:** ni itsinda/ uruhande rw'abajya impaka ariko bahakana insanganyamatsiko. Ibitekerezo, ingingo ndetse n'ingero batanga, byose biba bihakana insanganyamatsiko kabone n'ubwo baba bazi ukuri, barakwirengagiza.

– **Abake murampaka**: Ni itsinda ry'abantu begeranya ibihamya ko uruhande runaka rwatsinze urundi.

– **Umuhwituzi:** ni umuntu wibutsa ko igihe cyagenewe igikorwa iki n'iki cyarangiye.

– **Indorerezi:** ni itsinda ry'abantu bitabiriye ikiganiro mpaka. Nta nshingano zindi bagira uretse kureba no kuryoherwa n'ikiganiro. Cyakora bashobora guhabwa ijambo bakagira uruhande bashyigikira bitewe n'uko bumva insanganyamatsiko.

Abajya impaka bicara barebana. Ibi bituma ntawubangamirwa cyangwa ngo aterwe icyugazi na mugenzi we. Ni byiza ko abajya impaka babanza kwibwirana.

### b) Uko ikiganiro mpaka gikorwa

Umuyobozi w'ikiganiro mpaka atangiza ikiganiro, atanga amabwiriza ku bitabiriye ikiganiro ari abajya impaka ndetse n'indorerezi kandi akirinda kugira uruhande abogamiraho. Mu kiganiro mpaka, ntawiha ijambo; arihabwa n'umuyobozi w'ikiganiro.

Nyuma y'ayo mabwiriza, avuga insanganyamatsiko iri bugibweho impaka, maze agaha umwanya abagiye kujya impaka, bagatangira gutanga ibitekerezo byabo.

Iyo abajya impaka bamaze guhabwa umwanya, barisanzura, itsinda rikajya risimburana n'irindi mu gutanga ibitekerezo. Ufashe ijambo bwa mbere, asobanura uko yumva insanganyamatsiko, akabona gutanga ibitekerezo bye. Iyo arangije kuvuga, umuyobozi w'ikiganiro aha ijambo uwo mu rundi ruhande udashyigikiye insanganyamatsiko. Uyu na we abanza gusobanura insanganyamatsiko, agasenya ibitekerezo by'uwamubanjirije, akabona gutanga ibitekerezo bijyanye n'umurongo itsinda rye ryihaye.

Nyuma y'aba babiri babanza kuri buri tsinda, umuyobozi w'ikiganiro agenda aha ijambo umuntu umwumwe uvugira buri tsinda, bakagenda basimburana kugeza igihe umwanya bagenewe urangiye. Aba na bo ugiye kuvuga, abanza gusenya igitekerezo cya mugenzi we. Mu gusenya ingingo z'uwakubanjirije, uzisenyesha ibitekerezo bifite ingufu kurusha ibyatanzwe. Nubwo abajya impaka baba bagomba gusenyana mu bitekerezo, ufashe ijambo ashaka gusenya igitekerezo cy'undi agomba kubikora mu kinyabupfura no mu bwubahane atajya impaka za ngo turwane. Iyo amaze kubisenya, avuga uko abyumva. Uko umwe mu bajya impaka atanze ibitekerezo, ni ko umwanditsi agenda abyandika. Umwanditsi agomba kwandika muri make ingingo zose zitangwa n'impande zombi akirinda gushyiramo ibitekerezo bye.

Abari mu kiganiro ntibaba bagomba gutandukira insanganyamatsiko. Umuyobozi w'ikiganiro agarura mu murongo abashatse gutandukira bajya mu bindi. Mu gihe batanga ibitekerezo, uvuga aba agomba gushira amanga akagaragaza ko ingingo atanga azihagazeho ku buryo abamwumva babona ko yifitiye ikizere mu byo avuga. Uri mu kiganiro mpaka, ntagira umususu, nta n'ubwo atungurwa igihe abajijwe n'uwo ku rundi ruhande. Ahora yiteguye kandi ntiyerekane ko ikibazo abajijwe kimunaniye. Bityo igihe avuga, agomba guhanga amaso abo abwira n'abandi bose bari aho, akarangurura ijwi kugira ngo yumvikanishe igitekerezo ke.

Mu gihe batanga ibitekerezo, umuhwituzi agenda agenzura ko igihe cyo kuvuga cyubahirizwa. Iyo uhawe ijambo atubahirije igihe, umuhwituzi amenyekanisha ko igihe kirangiye, hanyuma umuyobozi w'ikiganiro akaka ijambo uvuga. Indorerezi na zo zigomba kugaragaza umutuzo, zikirinda urusaku, gukomera no gukomera amashyi abatanze ibitekerezo byabo. Iyo umwanya w'abajyaga impaka urangiye, indorerezi zihabwa ijambo zikavuga uko zumva insanganyamatsiko.

Mu gusoza ikiganiro mpaka, umwanditsi asoma ingingo zatanzwe na buri ruhande ku nsanganyamatsiko. Abakemura mpaka na bo bagashingira ku ngingo zagiye zitangwa na buri tsinda, bagashingira ku myitwarire bagaragaje n'uko bakoreye hamwe nk'itsinda maze bakagaragaza uruhande rwatsinze urundi.

Hanyuma umuyobozi w'ikiganiro, agashimira abagize uruhare bose mu kiganiro mpaka, akaboneraho kuvuga igitekerezo cyari kigamijwe, hatangwa iyo nsanganyamatsiko, akaba yakongeraho ibitekerezo bitavuzwe.

**Umwitozo**

Saba abanyeshuri gukorera mu matsinda ya babiribabiri umwitozo uri mu bitabo byabo.

– *Tandukanya ibiganiro mpaka n'ibiganiro bisanzwe.*
– *Rondora abagira uruhare mu kiganiro mpaka.*
– *Garagaza ibyo abakemurampaka bashingiraho bagaragaza uruhande rwatsinze.*

Yobora abanyeshuri bakore ikosora rusange ry'umwitozo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

**a) Tandukanya ibiganiro mpaka n'ibiganiro bisanzwe.**

Mu biganiro bisanzwe, abaganira buri wese atanga ibitekerezo uko abyumva nta mategeko abigenga naho ibiganiro mpaka byo utanga ibitekerezo agomba kugira uruhande uru n'uru abogamiyeho kandi kuri buri ruhande bagakoresha igihe kingana basimburanwa.

**b) Rondora abagira uruhare mu kiganiro mpaka.**

Abagira uruhare mu kiganiro mpaka ni umuyobozi, umwanditsi, abashyigikiye insanganyamatsiko, abahakana insanganyamatsiko, abake murampaka, umuhwituzi n'indorerezi

**c) Garagaza ibyo abakemurampaka bashingiraho bagaragaza uruhande rwatsinze.**

Abakemura mpaka bagashingira ku ngingo zagiye zitangwa na buri tsinda, bagashingira ku myitwarire bagaragaje n'uko bakoreye hamwe nk'itsinda maze bakagaragaza uruhande rwatsinze urundi.

Shyira abanyeshuri mu matsinda ane. Abirabiri azakore ku nsanganyamatsiko imwe mu ziri mu mukoro uri mu gitabo cyabo. Itsinda rimwe rizashyigikira insanganyamatsiko, irindi riyihakane maze bitegure nk'itsinda bakora ubushakashatsi, bashaka ingingo zishyigikira uruhande bahisemo. Fatanya n'abanyeshuri mutoranye uzaba umuyobozi w'ikiganiro, umwanditsi, umuhwituzi, abakemurampaka n'idorerezi kuri buri kiganiro mpaka. Saba abanyeshuri kuzaza mu isomo rikurikiraho buri ruhande rwiteguye kubahiriza ibijyanye n'inshingano rwahawe.

**Umukoro**

Tanga ibitekerezo kuri imwe muri izi nsanganyamatsiko wemeranywa na yo cyangwa uyivuguruza.

a) *Mu burezi n'uburere abana bagomba gutozwa ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hakiri kare.*

b) *Uburezi n'uburere muri iki gihe bugaragaza ko "Igiti kigororwa kikiri gito".*

## III.5.4. Gukora ikiganiro mpaka

| **Integozihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>– Kujya impaka ashyigikira cyangwa avuguruza igitekerezo cya mugenzi we mu bwubahane.<br>– Gukora neza inshingano yahawe mu kiganiro mpaka nk'uko ziteganyijwe. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imbuga nkoranyambaga, n'ibindi. |

**Intangiriro**

Ha abanyeshuri amabwiriza. Bategure ishuri nk'uko bigomba, bamenyeshwe amatsinda abanza cyangwa batombore insanganyamatsiko ibanza. Saba abahawe inshingano kwitegura, no kujya mu myanya bagomba kuba barimo.

**3. Uko isomo ritangwa**

Umuyobozi w'ikiganiro mpaka aratangiza ikiganiro ku nsanganyamatsiko ya mbere nk'uko amabwiriza abiteganganya hanyuma igihe cyateganyijwe nikirangira hageho insanganyamatsiko ya kabiri.

Ibiganiro mpaka nibirangira, yobora abanyeshuri bagire icyo bavuga ku migendekere yabyo. Bavuge ibyagenze neza n'ibyanozwa kurushaho.

## III.5.5 Isomo rya gatanu: Amabwiriza y'imyandikire y'ikinyarwanda " Ikata n'itakara ry'inyajwi, amagambo afatana n'adafatana"

| **Integozihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>– Kwandika neza yubahiriza ikata n'itakara ry'inyajwi, amagambo afatana n'adafatana.<br>– Kujora no gukosora inyandiko inyandiko zanditse mu Kinyarwanda. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igazeti irimo amabwiriza y'imyandikire y'Ikinyarwanda n'ibindi. |

1. **Intangiriro**

Baza ibibazo by'isubiramo ku ngingo z'imyandikire y'Ikinyarwanda zizwe mbere.

**Urugero rw'ibibazo n'urw'ibisubizo**

**Amazina bwite y'abantu n'ay'ahantu y'abanyamahanga yandikwa ate?**

Amazina bwite y'abantu n'ay'ahantu y'amavamahanga yandikwa uko avugwa mu Kinyarwanda hagashyirwa mu dukubo uko asomwa mu ndimi akomokamo.

2. **Vuga ahantu hatatu Inyuguti nkuru zikoreshwa.**

Inyuguti nkuru zikoreshwa mu ku ntangiriro y'amazina bwite, mu gutangira interuro no mu gutangira amazina y'inzego z'imirimo.

3. **Uko isomo ryigishwa**

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora **igikorwa 3.4** kiri mu bitabo byabo. Amatsinda amwe akore ku myandikire y'amazina bwite andi ku myandikire ku mikoreshereze y'utwatuzo n'andi ku mikoreshereze y'inyuguti nkuru. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

**Ushingiye ku bumenyi ufite, kora ubushakashatsi maze ugaragaze**

*Amabwiriza agenga ikata n'itakara ry'inyajwi, amagambo afatana n'adafatana mu myandikire y'Ikinyarwanda.*

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Kuri buri ngingo hamurike itsinda rimwe. Fatanya n'abagize andi matsinda kugorora no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Ibisubizo byanogejwe**

**Amabwiriza y'imyandikire y'ikinyarwanda: Ikata n'itakara ry'inyajwi, amagambo afatana n'adafatana**

1. **Ikata n'itakara ry'inyajwi**

   a) **Ikata ry'inyajwi zisoza ibinyazina ngenera n'ibyungo "na" na "nka":**

Inyajwi zisoza ikinyazina ngenera n'ibyungo "na" na "nka" zirakatwa iyo zikurikiwe n'ijambo ritangiwe n'inyajwi ariko inyajwi isoza ikinyazina ngenera gikurikiwe n'umubare wanditse mu mibarwa ntikatwa.

**Ingero:**

- Wakomerekejwe **n'**iki?
- Ntakibyara **nk**'intare **n'**ingwe.
- Umubare **w**'amashuri **y'**imyuga uriyongera.
- Nyereka uko batsa tereviziyo **n'**uko bayizimya.
- Umwaka **w'**ibihumbi bibiri na cumi **n**'ibiri
- Umwaka **wa** 2012.

**b) Inyajwi zisoza amagambo ntizikatwa**

**Urugero:**

Kaby**a** inzozi

**c) Inyajwi "i" isoza akabimbura "nyiri", n'inshinga mburabuzi "ni" na "si" ntizikatwa.**

**Ingero:**

- **Nyiri** ubwenge aruta **nyiri** uburyo
- Amasunzu **si** amasaka
- Icyatumye ejo ntaza iwawe **ni** uko natashye ndwaye.

**d) Ijambo "nyiri" iyo riri mu mazina amwe n'amwe y'icyubahiro rifatana n'ijambo ririkurikiye**

**Urugero:**

- Nyiricyubahiro Musenyeri arahageze.
- Nyirubutungane Papa azasura u Rwanda.

**e) "Nyira" ivuga "nyina wa" ikoreshwa mu mazina, ifatana n'ijambo ibanjirije**

**Urugero:**

- Nyirabukwe aramukunda.
- Nyirasenge ararwaye cyane.

**f) Inyajwi itangira amazina bwite n'amazina rusange akurikiye indangahantu "mu" na "ku" iratakara, keretse mu izina ritangirwa n'inyajwi "i" ikora nk'indanganteko.**

**Ingero:**

- **Mu Mutara** higanje imisozi migufi.
- **Mu Kagera** habamo ingona.
- Amatungo yanyuze mu murima.

– Kwita **ku nka** bigira akamaro.

– Abana bavuye **ku i**riba bajya mu ishuri.

– Banyuze **mu i**shyamba.

**g) Inyajwi zisoza indangahantu "ku"na "mu"ntizikatwa kandi zandikwa iteka zitandukanye n'izina rikurikira**

**Ingero:**

– Amatungo yanyuze **mu murima.**

– Kwita **ku nka** bigira akamaro. Amagambo afatana n'adafatana

**2. Amagambo afatana n'adafatana**

a) Amazina y'inyunge harimo n'amazina bwite y'inyunge yandikwa afatanye.

**Ingero:**

– Umwihanduzacumu

– Rugwizangoga

– Umukangurambaga

– Umuhuzabikorwa

– Amayirabiri

b) Mu bisingizo, mu byivugo no mu migani, amazina nteruro agizwe n'amagambo arenze ane (4) yandikwa atandukanyijwe kandi agashyirwa mu twuguruzo n'utwugarizo.

**Urugero:**

c) Ubwo **"Inshyikanya ku mubiri ya Rugema ahica"** aba arahashinze.

d) Amagambo mfutuzi yandikwa atandukanyijwe n'amagambo afuturwa.

**Ingero:**

– Inama **njyanama**

– Umuco **nyarwanda**

– Umutima **nama**

– Umutima **muhanano**

– Inyandiko **mvugo**.

d) Ibyungo "**na**" na "**nka**" bikurikiwe n'ibinyazina ngenga bivuga nyakuvuga na nyakubwirwa (ngenga ya 1 n'iya 2) byandikwa mu ijambo rimwe ariko bikandikwa bitandukanye n'ibinyazina ngenga muri ngenga ya 3.

**Ingero:**

– Ndumva **nawe** umeze **nkange.**

- Ndabona **natwe** tumeze **nkamwe.**
- Ndumva **na we** ameze **nka bo**.
- Ndabona **na ko** kameze **nka bwo.**

e) Iyo ikinyazina ngenera gikurikiwe n'ikinyazina ngenga byandikwa mu ijambo rimwe.

**Ingero:**

- Umwana **wange** ariga.
- Umurima **wacu** urera.
- Ishati **yawe** irashaje.
- Amafaranga **yabo** yarashize.

f) Impakanyi "**nta**" yandikwa ifatanye n'inshinga itondaguye iyikurikiye ariko iyo ikurikiwe n'ubundi bwoko bw'ijambo biratandukana.

**Ingero:**

- Iwacu **ntawurwaye**
- Muri iri shuri **ntabatsinzwe**
- Ya nka **ntayagarutse**
- Ugereyo **nta** gukerererwa kubaye.
- **Nta we** mbona
- **Nta cyo** ndwaye

g) Ibinyazina ngenga ndangahantu "**ho**","**yo**","**mo (mwo)**" n'akajambo "**ko**" bifatana n'inshinga bikurikiye, keretse iyo iyo nshinga ari "**ni**" cyangwa "**si**".

**Ingero:**

- Wa mugabo nimusanga**yo** turagendera**ko** ntitugaruka.
- Ya nama yayivuye**mo** hakiri hare.
- Kuki yamwihomye**ho**?
- **Ni ho** mvuye.
- **Si ho** ngiye.

h) Akajambo "**ko**" kunga inyangingo ebyiri kandikwa gatandukanye n'amagambo agakikije.

**Ingero:**

- Umwarimu avuze **ko** dukora imyitozo.
- Ndatekereza **ko** baduhembye.

i) Urujyano rurimo ijambo "**ngo**" kimwe n'ibinyazina:"**wa wundi**", "**bya**

**bindi**”,“**aho ngaho**”,“**uwo nguwo**”, n’ibindi biremetse nka byo byandikwa mu magambo abiri.

**Ingero:**

- **Kugira ngo wa wundi** adasanga wagiye, ukwiye kuba ugumye **aho ngaho**.
- Bwira **uwo nguwo** yinjire.
- Fata **aka ngaka, ibyo ngibyo** bireke.

j) Ijambo “**ni**” rikurikiwe n’inshinga ifite inshoza yo “**gutegeka**” cyangwa iyo “guteganya” ryandikwa rifatanye na yo.

**Ingero:**

- **Ni**mugende mudasanga imodoka yabasize.
- **Ni**mugerayo muzamundamukirize.

k) Amagambo yerekana ibihe yandikwa mu ijambo rimwe: “**nimunsi**”, “**nijoro (ninjoro)**”, “**nimugoroba**”, “**ejobundi**”.

**Ingero:**

- Aragera **ino nijoro.**
- Araza **nimugoroba**.
- Yatashye **ejobundi.**

l) Ijambo “**munsi**”ryerekana ahantu na ryo ryandikwa mu ijambo rimwe.

**Urugero:**

Imbeba yihishe **munsi** y’akabati.

m) Amagambo “**ku**” na “**mu**” yandikwa atandukanye n’ikinyazina ngenera ndetse no mu magambo “**ku wa**” na “**mu wa**” abanziriza itariki cyangwa umubare mu izina ry’umunsi.

**Ingero:**

- Sindiho **ku bwabo**.
- Navutse **ku wa** 12 Ugushyingo.
- Azaza **ku wa** Mbere.
- Yiga **mu wa** kane.

n) Ijambo “**(i) saa**”, rikurikiwe n’umubare byerekana isaha byandikwa mu magambo atandukanye.

**Ingero:**

- Abashyitsi barahagera **saa tatu.**

– **Isaa kenda** nizigera ntaraza wigendere

o) Imigereka ndangahantu iremewe ku ndangahantu “i” **(imuhira, iheru, iburyo, ibumoso, ivure, ikambere, imbere, ibwami, inyuma…)** n’amagambo akomoka kuri “**i**” y’indangahantu ikurikiwe n’ikinyazina ngenera “**wa**”, n’ikinyazina ngenga yandikwa mu ijambo rimwe.

**Ingero:**

– Nujya iburyo ndajya **ibumoso**.

– Mbwirira abari ikambere bazimanire abashyitsi.

– Nuza iwacu nzishima.

p) Indangahantu “**i**” ikurikiwe n’izina bwite ry’ahantuyandikwa itandukanye n’iryo zina.

**Ingero:**

– **I** Kirinda haratuwe cyane.

– **I** Muyunzwe ni mu majyepfo.

r) Inshinga mburabuzi “**-ri**”iyo ikoreshejwe mu nyangingo ngaragira yandikwa itandukanye n’ikinyazina kiyibanziriza n’ikiyikurikira.

**Ingero:**

– Itegeko rihana umuntu uwo **ari** we wese wangiza umutungo wa Leta.

– Ibyo **ari** byo byose sindara ntaje kukureba.

– Sinzi uwo **uri** we.

– Nimumbwire abo **muri** bo.

s) Amagambo afatiwe hamwe akarema inyumane y’umugereka, inyumane y’icyungo, cyangwa iy’irangamutima akomoka ku binyazina bitakibukirwa amazina bisimbura, yandikwa afatanye. Nyamara iyo ahuje ishusho n’izo nyumane kandi ibinyazina bikerekeza ku kintu kizwi cyangwa kibukwa mu buryo bugaragara, byandikwa bitandukanye.

**Ingero:**

– **Niko**? Uraza?

– Uko arya **ni ko** angana.

– Urahinga **nuko** uteza.

– Uku kwezi **ni uko** guhinga.

– Amutumaho **nuko** araza.

– Ukuboko ashaka **ni uko**.

t) Amagambo ashingiye ku isubiramo yandikwa afatanye.

**Ingero:**

- Perezida yavuze ijambo arangije abari aho amashyi ngo: "**Kacikaci**"!
- Babwire bage binjira **umwumwe.**
- Mugende **babiribabiri.**

**Umwitozo**

Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo buri wese ku giti ke. Yobora abanyeshuri bakore ikosora rusange ry'umwitozo.

**Ibibazo n'ibisubizo by'umwitozo**

1. **Amagambo aranga igihe yandikwa ate? Tanga ingero eshatu.**

Amagambo aranga igihe yandikwa afatanye. Ingero : nimunsi, nimugoroba, ejobundi

2. **INdimi zose zandikwa zigira amabwiriza agenga imyandikire yazo. Ni izihe ngingo z'ingenzi**

**amabwiriza y'imyandikire y'Ikinyarwanda yibandaho?**

- Imyandikire y'inyajwi, ingombajwi, inyerera n'ibihekane
- Imyandikire y'amazina bwite, imikoreshereze y'utwatuzo n'inyuguti nkuru.
- Ikata n'itakara ry'inyajwi, amagambo afatana n'amagambo adafatana.

3. **Kosora interuro zikurikira aho ari ngombwa:**

a) **Umwarimu yahageze saamunani.**

Umwarimu yahageze saa munani.

b) **Tugiye kumva twumva amashyi ngo kaci kaci!**

Tugiye kumva twumva amashyi ngo : «Kacikaci!»

c) **Urarya ni uko utabyibuha.**

Urarya nuko utabyibuha.

d) **Tuzasoza umwaka w'aashuri kuwa 25 nyakanga.**

Tuzasoza umwaka w'amashuri ku wa 25 Nyakanga.

e) **Iga ibyongibyo kugirango uzatsinde neza.**

Iga ibyo ngibyo kugira ngo uzatsinde neza.

## III.5.6 Isomo rya gatanu: Inyunguramagambo

| **Integozihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>– Gutahura inshoza y'impuzanyito, imbusane, imvugwakimwe ingwizanyito,<br>– n'impuzashusho.<br>– Gutahura mu nteruro impuzanyito, imbusane, imvugwakimwe, ingwizanyito, impuzashusho.<br>– Gukoresha mu nteruro impuzanyito, imbusane, imvugwakimwe, ingwizanyito, impuzashusho. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibindi. |

1. **Intangiriro**

Baza ibibazo by'isubiramo ku

**Urugero rw'ibibazo n'urw'ibisubizo**

1. **Ni uwuhe mwihariko w'igihekane cya "bw"?**

Igihekane *"bw*" gifite umwihariko wo kwandikwa "*bg*" mu ijambo Kabgayi.

2. **Rondora inyerera z'Ikinyarwanda.**

Inyerera z'Ikinyarwanda ni "*y*" na "*w*"

2. **Uko isomo ryigishwa**

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora **igikorwa 3.5** kiri mu bitabo byabo. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Buri tsinda rigenerwe ubwoko bw'inyunguramagambo rirakoraho. Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

*Shingira ku bumenyi ufite, ukore ubushakashatsi maze usobanure: impuzanyito, imbusane, imvugwakimwe, ingwizanyito n'impuzashusho kandi utange n'ingero.*

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Kuri buri ngingo hamurike itsinda rimwe. Fatanya n'abagize andi matsinda kugorora no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo. .

1. **Inshoza y'inyunguramagambo**

Mu Kinyarwanda inyunguramagambo ni urwunge rw'amagambo umuntu akenera kugira ngo abashe gusobanukirwa no gusabana n'abandi mu mvugo cyangwa mu nyandiko.

## III.5.2 Amatsinda y'inyunguramagambo z'Ikinyarwanda

Inyunguramagambo z'IKinyarwanda zishyirwa mu matsinda bitewe n'isano zifitanye. Bityo, hakaboneka impuzanyito (imvugakimwe), imbusane, imvugwakimwe, ingwizanyito n'impuzashusho.

### 1. Impuzanyito

Impuzanyito ni amagambo ahuje inyito. Ni ukuvuga ko ayo magambo aba atavugitse kimwe, atanandikwa kimwe ariko ahuje igisobanuro ku buryo rimwe ryasimbura irindi mu nteruro imwe igitekerezo ntigihinduke.

**Ingero:**

- Abana=urubyaro
- Indyo=igaburo=ifunguro.
- Uruhinja= ikibondo
- Ibyago=amakuba
- Kurya= gufungura=kwica isari=gukora ku munwa
- Ishoka=indyankwi=imarabiti=inshenyi=inshabiti
- Kuzahaza= kurembya=kunegekaza
- Umuhanzi=umuhimbyi
- Gupfa= kwitaba Imana=gutaha
- Umukambwe= umusaza

### 2. Imvugwakimwe

Imvugwakimwe ni amagambo yandikwa kimwe kandi agasomwa kimwe ariko nta ho ahuriye mu bijyanye n'inyito cyangwa igisobanuro. Ni ukuvuga ko ayo magambo aba asa mu rwego rw'imyandikire n'imivugirwe ariko adafitanye igisobanuro kimwe. Ikiyatandukanya, ni imvugiro aba yakoreshejwemo.

**Ingero:**

**Umugabo**

- Umugabo batanga bakora imibare
- Umugabo: umuntu w'igitsina gabo.

**Kubyara**

- Kubyara umwana
- Kubyara ku igisabo/isekuru/ingoma
- Kubyara umuntu yari yashobewe (kumugoboka)

**Inka**

- Itungo ryo mu rugo
- Amasaro bakinisha igisoro
- Izo bakoresha mu mukino w'ikibariko (imbata)

**Imbata**

- Imbata y'umwandiko
- Imbata y'itungo
- Imbata (ikibariko) bakina

**3. Impuzashusho**

Impuzashusho ni amagambo yandikwa kimwe ariko adasomwa kimwe kandi nta ho ahuriye mu bijyanye n'inyito cyangwa igisobanuro. Ni ukuvuga ko ayo magambo aba asa (ahuje ishusho mu nyandiko isanzwe) ariko uko avugwa ndetse n'igisobanuro nta ho bihuriye. Ayo magambo atandukaniye ku butinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku.

**Ingero:**

**Inkoko**

- Inkoko: Itungo
- Inkoko: Igikoresho bagosoza imyaka.

**Imyenda**

- Imyenda: imyambaro
- Imyenda: amadeni

**Inda**

- Inda: igice cy'umubiri
- Inda: udusimba tujya mu myenda

**Gutara:**

- Gutara: Gushyira ibitoki mu rwina
- Gutara: gukusanya ibintu bitatanye cyane

**Ikiraro**

- Ikiraro: Iteme bambukiraho
- Ikiraro: Inzu y'inka cyangwa andi matungo

**Gutaka**

- Gutaka: Gusakuza bitewe n'ikikubayeho
- Gutaka: Gushyira imitako ku kintu

**Guhuma**

- Guhuma: Kurwara amaso
- Guhuma: Kuvuga kw'impyisi

4. **Ingwizanyito**

**Ingwizanyito** ni ijambo rifite inyito nyinshi kandi izo nyito zikaba zifitanye isano muzi. Ni ukuvuga ko ibisobanuro byaryo biba bifite aho bihuriye.

**Ingero:**

**Umuti**

Umuti w'ibibazo

Umuti uvura indwara

**Gusoma**

Gusoma ibitabo

Gusoma misa

Gusoma umuntu

Gusoma ikinyobwa

Gusoma impyisi (Inshoberamahanga)

**Gutera:**

Gutera umupira

Gutera icumu

Gutera inyoni

Gutera amagi

Gutera ubwoba

Gutera umupira

Gutera icumu

Gutera inyoni

Gutera amagi

Gutera ubwoba

Gutera umugeri /ikofe

Gutera ibiti

Gutera umuti

Gutera inzugi

Gutera ipasi

5. **Imbusane**

Imbusane ni amagambo afite inyito zinyuranye. Ni ukuvuga ko inyito zayo zivuguruzanya mu ngingo abumbatiye. Mu Kinyarwanda bakunda gukoresha iki kimenyetso **≠** bagaragaza imbusane.

**Ingero:**

Kuzamuka≠ kumanuka

Kugaya≠ gushima

Abagore ≠abagabo

Cyoroshye ≠ kigoye

Kirekire ≠ kigufi

Umuhungu ≠ umukobwa

Ubugwari ≠ ubutwari

Ubukire ≠ ubukene

Amanywa ≠ ijoro

**Umwitozo**

Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo buri wese ku giti ke. Yobora abanyeshuri bakore ikosora rusange ry'umwitozo.

**Ibibazo n'ibisubizo by'umwitozo**

**Imyitozo**

1. **Simbuza mu nteruro zikurikira amagambo ari mu mukara utsindaye impuzanyito zayo.**

a) Umuturanyi wacu Kanakuze **yabyaye** abana babiri.

Umuturanyi wacu Kanakuze **yibarutse** abana babiri.

b) Witera amabuye muri kiriya giti kirimo **ibyiyoni** utangiza ibidukikije.

Witera amabuye muri kiriya giti kirimo **ibikona** utangiza ibidukikije.

c) Nagiye kwa Sogokuru nsanga adahisha amazi **uruho**.

Nagiye kwa Sogokuru nsanga adahisha amazi **urukiza**.

**2.** **Hitamo rimwe mu magambo wahawe ari mu dukubo, wuzurishe interuro zikurikira imbusane zayo kandi ukore isanisha aho bikwiye *(munini, gutsinda, guhaga, ubushyuhe)***

a) Abakinnyi b'umupira w'amaguru mu kigo cyacu bakunda **gutsindwa**.

b) Iyo abana bavuye ku ishuri baba **bashonje** cyane.

c) Mu bihugu by'i Burayi **ubukonje** bumara igihe kirekire.

d) Uyu murima **muto** ni wo wezemo ibigori bingana kuriya?

**3.** **Koresha buri jambo muri aya akurikira mu nteruro eshatu ku buryo rigira ibisobanuro binyuranye.**

**a) Gutera**

– Munyana avuye gutera ibishyimbo

– Ntugakunde gutera ubwoba bagenzi bawe.

– Muhire akunda gutera ipasi imyenda ye.

**b) Gusoma**

– Nkunda gusoma ibinyamakuru.

– Imvura yaguye rimwe none ubutaka bwasomye.

– Wowe uheruka gusoma ku nzoga ryari?

**4.** **Koresha buri jambo muri aya akurikira mu nteruro ebyirebyiri zifite inyito zigaragaza ko ayo magambo ari impuzashusho.**

**a) Kuvura**

– Bita bate amata yaraye ataravura?

– Nasanze muganga ataravura umuntu n'umwe.

**b) Guhisha**

– Nta guhisha uwo uhishaho.

– Za kawa ziracyari ibitumbwe, nta guhisha na mba.

**c) Gushima**

– Ukoze neza aba akwiye gushimwa.

– Si byiza gushima mu nkovu.

### III.5.6 Isuzuma rusoza umutwe wa gatatu

| Ibigenderwaho mu isuzuma risoza umutwe wa mbere |
|---|
| Ubushobozi bwo :<br>– Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko uvuga ku burezi n'uburere agaragaza ingingo z'ingenzi ziwugize.<br>– Ubushobozi bwo guhina umwandiko yasomye ahereye ku ngingo z'ingenzi ziwugize kandi yubahiriza amabwiriza y'ihinamwandiko.<br>– Ubushobozi bwo Gutandukanya amazina mbonera n'amazina y'amatirano.<br>– Ubushobozi bwo gutegura ikiganiro mpaka no kujya impaka na bagenzi be mu bwubahane.<br>– Gukoresha mu nteruro impuzanyito, imbusane, imvugwakimwe, ingwizanyito n'impuzashusho. |

Ifashishe ibibazo biri mu gitabo cy'umunyeshuri hanyuma utegurire abanyeshuri isuzuma. Saba abanyeshuri kwitegura gukora isuzuma risoza umutwe wa mbere buri wese ku giti ke.

**Urugero rw'ibibazo by'isuzuma:**

**I. Ibibazo byo kumva no gusesenguraumwandiko**

**1. Ni nde munyarubuga mukuru uvugwa muri iyi nkuru?**

Iribagiza na Gashyeke

**2. Ni iki cyateye Gashyeke kuzamura Iribagiza mu ntera nk'umukozi w'indashyikirwa?**

Yagira ngo abone uko amwiyegereza kubera umugambi yari amufitiye.

**3. Ni iki cyapfubije umugambi mubisha Gashyeke yari yateguye?**

Umuporisi wari wahawe inshingano zo kurinda umutekano wa Iribagiza.

**4. Ni izihe ngingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko? Sobanura mu nshamake buri ngingo.**

– Gukorana umurimo umurava : Iribagiza yagaragaje kwitangira akazi, ashimwa na shebuja
– Ihohoterwa rishingiye ku gitsina : Iribagiza amaze kurokoka ihohoterwa yari agiye kugirirwa na shebuja yashinze ihuriro rirwanya ihohoterwa

**5. Vuga muri make uburyo abahohotera abandi bashobora gushyira ubuzima bwabo mu kaga.**

Uhohoterwa ashobora kwitabara akoresheje imirwano akaba yakomerertsa umuhohotera.

Uhohotera abandi iyo atahuwe, ahanwa n'amategeko, agafungwa cyangwa agacibwa ibindi bihano. Nyuma yaho akurizaho igisebo kimutesha icyubahiro aho aba cyangwa kikaba cyatuma avanwa mu kazi mu gihe agafite.

**6. Ni iki wakwigira ku myitwarire ya se wa Iribagiza?**

Iribagiza namwigiraho gukora akazi neza, kwiyubaba ndetse no kutagira icyo mpisha ababyeyi muri gahunda zange.

**II. Inyunguramagambo**

**1. Huza ijambo riri mu ruhushya rwa mbere n'imbusane yaryo iri mu ruhushya rwa kabiri**

| Ijambo | Imbusane |
|---|---|
| Ibyiza | Kugawa |
| Shebuja | Ibibi |
| Kwiyubaha | Kumanura mu ntera |
| Gushimwa | Nyirabuja |
| Kuzamura mu ntera | Kwisuzuguza |

Ibyiza ≠ Ibibi

Shebuja ≠ Nyirabuja

Kwiyubaha ≠ Kwisuzuguza

Gushimwa ≠ Kugawa

Kuzamura mu ntera≠ Kumanura mu ntera

**2. Ongera usome umwandiko "Umutego mutindi", ushakemo impuzanyito z'amagambo akurikira:**

a) Arafungwa = atabwa muri yombi

b) Imyifatire= ubupfura

c) Imirimo= akazi

d) Intangarugero= indashyikirwa

**3. Koresha buri jambo muri aya akurikira mu nteruro ebyiri zifite inyito zinyuranye.**

**a) Ikirere**

– Mbonye indege mu kirere.

– Shaka ikirere duhambirize ubwatsi

**b) Intama**

– Aha hantu uraharangiza uhamiriye intama !

– Intama ni itungo ryitonda.

**4. Andika interuro igaragaza indi nyito y'ijambo ryanditse n'umukara tsiri.**

*Rukundo ni we **utera** indirimbo mu itsinda ndirimbamo.*

– Nta muntu **utera** umwaku.

**III. Ibibazo by'ikibonezamvugo**

1. Soma igika cya mbere cy'umwandiko "Umutego mutindi"utahuremo amazina gakondo n'amazina y'amatirano.

| **Amazina gakondo** | Amazina y'amatirano |
|---|---|
| ibara | ikizungu |
| idoma | akazi |
| abantu. | |
| ubutumwa | |
| Iribagiza | |
| umukobwa | |
| uburanga | |
| ubupfura | |
| imyambarire | |
| imyambaro | |
| umurimo | |
| ikigo | |

**2. Garagaza intego n'amategeko y'igenemejwi by'amagambo yanditse mu mukara tsiri.**

**a) Umutego** mutindi ushibukana nyirawo.

b) Iribagiza yambaraga **imyenda** y'ibara ry'idoma.

c) Iribagiza yaguze **imodoka** nziza.

**d) Umuporisi** yatabaye Iribagiza.

| **Ijambo** | **Intego** | **Amategeko y'igenamajwi** |
|---|---|---|
| umutego | u-mu-tego | Nta tegeko |
| imyenda | i-mi-enda | i→y/-J |
| imodoka | i- n -modoka | n→ Ø/-m |
| umuporisi | u- mu-porisi | Nta tegeko |

**IV. Ibibazo ku biganiro mpaka**

**1. Ni izihe nshingano waba ufite uramutse ugizwe umuyobozi w'ikiganiro mpaka?**

Navuga insanganyamatsiko iza kugibwaho impaka, ngateganya igihe ikiganiro kiri bumare. Nkagena umubare w'abagomba kugira uruhare mu kiganiro kugira ngo bataba benshi, bityo ibitekerezo bikagora iyobora.

**2. Ni akahe kamaro ko gukora ibiganiro mpaka?**

Ikiganiro mpaka gituma abantu batekereza, bakamenya gusobanura ibintu batanga ingero kandi abantu bakabasha kuganira mu bwubahane.

**V. Ibibazo ku myandikire y'Ikinyarwanda**

**1. Kosora interuro zikurikira aho biri ngombwa:**

**a) Umukobwa wa nge yanga gukina nabandi.**

Umukobwa wange yanga gukina n'abandi.

**b) Umwenda wumweru wandura vuba.**

Umwenda w'umweru wandura vuba.

**2. Subiza** *Yego* **cyangwa** *Oya*

a) Amagambo abanziriza itariki cyangwa umubare mu izina ry'umunsi yandikwa: "**kuwa**" na "**muwa**" Oya

b) Inyajwi "i" isoza akabimbura "nyiri" irakatwa iyo ikurikiwe n'ijambo ritangiwe n'inyajwi. Oya

c) Ikinyazina ngenga ndangahantu "**ho**" cyandikwa gifatanye n'inshinga gikurikiye. Yego

d) Icyungo "**nka**" cyandikwa gifatanye n'ibinyazina ngenera ngenga muri ngenga ya mbere n'iya kabiri. Oya

# UMUTWE WA 4 UMUCO NYARWANDA

## IV.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi ziwugize.
- Kurondora no gusobanura ingeri z'ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda.
- Guhanga yigana zimwe mu ngeri z'ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda.
- Gukina yigana imisango y'ubukwe.

## IV.2.Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

- Akamaro ko kubungabunga ubuzima.
- Inyuguti n'ibihekane by'Ikinyarwanda.

## IV.3 Ingingo nsanganyamasomo

| Ingingo nsanganyamasomo | Aho igaragara mu muri uyu mutwe |
|---|---|
| Uburinganire n'ubwuzuzanye | Mu bikorwa byose umwarimu yita ku banyeshuri b'ibitsina byombi.<br>Mu ishusho ijyanye n'umwandiko, igaragaza abantu b'ibitsina byombi. |
| Uburezi budaheza | Mu bikorwa byose umwarimu yita ku banyeshuri bose kimwe, harimo n'abafite ibyo bagenerwa byihariye. |
| Umuco w'amahoro | Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu mwandiko "Isabwa rya Mukahigiro" aho mu misango barangwa no gusabana no kumvikana. |
| Ubuzima bw'imyororokere | Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu mwandiko "Kamana yitwa izina". |

## IV.4 Igikorwa cy'umwinjizo

Saba abanyeshuri gukora igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

**Urugero rw'igikorwa n'urugero rw'ibisubizo**

*Ushingiye ku bumenyi ufite ku muco nyarwanda, sobanura ingeri z'ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda, sobanura uko ubukwe bwa kinyarwanda bwakorwaga ndetse n'uko umuhango wo kwita izina wakorwaga.*

Ingeri z'ubuvanganzo nyarwanda bwo muri rubanda ni imigani miremire, imigani migufi, insigamigani, urwenya na byendagusetsa, ibyivugoby'amahomvu, amagorane, indirimbo n'imbyino, ibisakuzo, inshoberamahanga, ibisigo by'ubuse n'ibindi.

Ubukwe bwa kinyarwanda burangwa n'imisango aho umukwe mukuru aganira n'umusangwa mukuru. Ubukwe bwa kinyarwanda kandi bwarangwaga no kugenda bukorwa mu byiciro. Hagafatwa irembo, bagasaba, bagakwa, bagatebutsa, bakazaheka umugeni.

Umuhango wo kwita izina witabwagaho ukakira indi mihango yakorwagamo. Iyakorwaga n'abana n'iyakorwaga n'ababyeyi.

Bwira abanyeshuri ko bazarushaho gusobanukirwa ibijyanye n'izi ngingo uko bazagenda biga amasomo akubiye muri uyu mutwe.

## IV.5. Amasomo ari mu mutwe wa gatanu n'igihe yagenewe

| **Umutwe wa gatanu: Kubungabunga ubuzima** | | **Umubare w'amasomo: 12** |
|---|---|---|
| **Amasomo** | **Intego rusange** | **Umubare w'amasomo** |
| Isomo rya mbere: Gusoma no gusesengura umwandiko "Ruhinyuza" | – Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo adasobanukiwe,<br>– Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.<br>– Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko. | **Amasomo 2** |
| Isomo rya kabiri: Ingeri z'ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda | – Kwerekana uturango tw'ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda.<br>– Kurondora no gusobanura zimwe mu ngeri z'ubuvanganzo nyemvugo. | **Amasomo 2** |

| | | |
|---|---|---|
| | – Gukoresha neza imigani migufi mu mvugo no mu nyandiko. | |
| Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko: Isabwa rya Mukandahiro | – Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo adasobanukiwe,<br>– Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.<br>– Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko. | **Amasomo 2** |
| Isomo rya kane: Gukina imisango y'ubukwe | – Gukina yigana imisango y'ubukwe nyarwanda | **Amasomo 2** |
| Isomo rya gatanu: Gusoma no gusesengura umwandiko "Kamana yitwa izina" | – Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo adasobanukiwe,<br>– Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.<br>– Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko. | **Amasomo 2** |
| Isomo rya gatanu: Isuzuma risoza umutwe wa kane | | **Amasomo 2** |

## IV. 5.1 Isomo rya mbere: Gusoma no gusengura umwandiko "Kwirinda biruta kwivuza"

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>– Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.<br>– Gusoma no gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.<br>– Gusubiza neza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi ziriwugize. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko "Kwirinda biruta kwivuza", igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi. |

**1. Intangiriro**

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "Kwirinda biruta kwivuza" bagiye gusoma akayibabazaho ibibazo.

**Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo**

**a) Mwitegereje iyi shusho murabonaho iki?**

Umugore wicaye mu ngobyi abantu bamurenge hejuru y'urugo areba inyuma yarwo.

**b) Murakeka ko uriya mugore ari kureba iki inyuma y'urugo?**

Ashobora kuba ari kureba abantu batambuka.

**c) Inzu zigaragara kuri iriya shusho zubakishije iki?**

Yubakishije ibyatsi kuva hasi kugera hejuru.

**2. Uko isomo ryigishwa**

**a) Gusoma bucece**

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwihwisa, bandika amagambo badasobanukiwe hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

**1. Ni irihe zina ry'umujura uvugwa mu mwandiko?**

Umujura uvugwa mu mwandiko ni Ruhinyuza

**2. Izina ry'umujura uvugwa mu mwandiko rihuriye he n'ibiwuvugwamo?**

Izina ry'umujura Ruhinyuza rihuye n'ibivugwa mu mwandiko kuko havugwam ukuntu yashatse guhinyuza Imana.

**3. Ruhinyuza ageze mu rugo yari agiye kwibamo byamugendekeye gute?**

Ruhinyuza ageze mu rugo yari agiye kwibamo yasanze Imana iri gutuka umwana.

**b) Gusoma baranguruye**

Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho basoma nabi kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

**c) Gusobanura amagambo no gusubiza ibibazo ku mwandiko**

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Saba abanyeshuri gukora **igikorwa 4.1** kiri mu gitabo cyabo ubahe n'igihe cyo kugikora. Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

*Soma umwandiko ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko kandi usubize n'ibibazo byawubajijweho.*

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Itsinda rimwe rimurike ibijyanye n'inyunguramagambo irindi rimurike ibijyanye n'ibibazo byabajijwe ku mwandiko. Fatanya n'abagize andi matsinda kugorora no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

### Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe

**Gusobanura amagambo**

a) **Intere:** umuntu warembye wenda gupfa

b) **Ikiremo:** igice cy'umwenda basanisha umwambaro wacitse

c) **Impuzu:** umwambaro ukozwe mu gishishwa cy'umuvumu aba kera bambaraga

d) **Barahwanya:** barahuza neza

e) **Kugondozwa:** gusabwa ibirenze ibyaboneka

f) **Gupfundura amabere:** gutangira kumera amabere

g) **Aratinya:** aguma mu rugo kuko yari akiri umugeni

h) **Umuhigo:** inyamaswa bishe bahiga

i) **Abahigi:** abantu b'abahanga mu guhiga

j) **Bimwanga mu nda:** ntiyatuza.

**Kumva no gusesengura umwandiko**

### Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko

1. Izina ry'umujura uvugwa mu mwandiko rihuriye he n'ibiwuvugwamo?
2. Ruhinyuza ageze mu rugo yari agiye kwibamo byamugendekeye gute?
3. Ni iyihe mpamvu yatumye Ruhinyuza asaba uriya mukobwa?
4. Ese ibyo Imana yatutse umwana byabaye ukuri? Sobanura.
5. Garagaza ingingo z'ingenzi zigize umwandiko "Ruhinyuza"
6. Garagaza ingengo z'umuco nyarwanda zigaragara mu mwandiko.

**d) Umwitozo**

Saba abanyeshuri gukora babiribabiri umwitozo w'inyunguramagambo uri mu bitabo byabo. Yobora abanyeshuri bakore ikosora rusange ry'umwitozo.

**Ibibazo n'ibisubizo by'umwitozo w'inyunguramagambo**

1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro ziboneye, ukurikije inyito afite mu mwandiko.

a) Impuzu

b) Bimwanga mu nda

c) Gupfundura amabere

2. Simbuza amagambo y'umukara tsiri ari mu nteruro zikurikira imbusane zayo.

a) Ruhinyuza yabwiye sebukwe agasanga Imana irimo gutuka umwana.

b) Ruhinyuza yategetse abagaragu kutazemerera umugore we kuva mu rugo.

c) Umukwe wabo yajyanye n'umugore we iwabo.

Tanga nk'umukoro ikibazo cya gatatu "*Ukurikije ibyo Imana yatutse umwana kandi bikaba, ese wemeranywa n'uyu mwandiko ko umuntu avuka Imana yaramuteguriye ibizamubaho? Sobanura*" kizakosorwe mu ntangiriro y'isomo rikurikiraho.

## IV.5.2. Isomo rya kabiri: Ingeri z'ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda

| **Integozihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>– Kwerekana uturango tw'ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda.<br>– Kurondora no gusobanura zimwe mu ngeri z'ubuvanganzo nyemvugo.<br>– Gukoresha neza imigani migufi mu mvugo no mu nyandiko. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibindi. |

1. **Intangiriro**

Yobora abanyeshuri bakosore umukoro batahanye. Baza bamwe mu banyeshuri batange ibisubizo, abandi babigorore byandikwe ku kibaho hanyuma abanyeshuri babyandike mu makayi yabo.

**Umukoro n'urugero rw'ibisubizo:**

Ukurikije ibyo Imana yatutse umwana kandi bikaba, ese wemeranywa n'uyu mwandiko ko umuntu avuka Imana yaramuteguriye ibizamubaho? Sobanura

**Umva ibisubizo bitandukanye abanyeshuri batanga.**

**Urugero:** Yego. Imana itegenyiriza buri muntu ibyo azanyuramo, akaba agomba kubinyuramo byanzebikunze.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora **igikorwa 4.2** kiri mu bitabo byabo. Amatsinda amwe akore ku myandikire y'inyajwi andi ku myandikire y'ingombajwi andi ku myandikire y'inyerera n'andi ku myandikire y'ibihekane. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

*Kora ubushakashatsi ugaragaze inshoza n'uturango by'ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda, uburondore kandi usobanure ingeri zabwo.*

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Kuri buri ngingo hamurike itsinda rimwe. Fatanya n'abagize andi matsinda kugorora no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Ibisubizo byanogejwe**

**1. Inshoza n'uturango by'ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda**

Ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda ni ibihangano byahimbwe n'abantu ba kera, bakaba barahimbaga batandika, bakabifata mu mutwe. Ibyo bahimbaga babishyikirizaga ab'igihe cyabo bikabizihira mu bitaramo, bakagenda babiraga abo basize, babihererekanya mu mvugo. Ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda bwababaga bwarabaye gikwira kandi nta muntu bwitirirwaga ko yabuhimbye.

**2. Ingeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda**

Ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda hakubiyemo ingeri zikurikira:

**a) Ibitekerezo byo muri rubanda**

Ibitekerezo byo muri rubanda byahimbaga bifatiye ku muntu runaka wabayeho cyangwa utarabayeho. Ibitekerezo byo muri rubanda bigira amakabyankuru ariko ibikorwa biba bibera muri iyi si isanzwe. Mu bitekerezo byo muri rubanda hagaragaramo ingingo z'amateka.

**Ingero:**

– Igitekerezo cya Semuhanuka

– Igitekerezo cya Nyirarunyonga

– Igitekerezo cya Ngunda

– Igitekerezo cya Serugarukiramfizi
– [...]

**b) Imigani miremire**

Umugani muremure ni umwandiko uteye nk'inkuru. Uvuga ibintu by'ibihimbano n'ibitangaza, bibera mu isi y'impimbano. Ntawamenya igihe n'ahantu nyakuri byabereye. Imigani ifatira ku bintu bifatika no ku bintu bidafatika nk'abantu, ibintu, ibikoko, imana, urupfu n'ibindi. Imigani miremire kandi ivugisha ibivuga n'ibitavuga.

**Ingero:**

– Ruhinyuza
– Nyashya na Baba
– Nyamutegera ikizaza

**c) Imigani migufi (imigenurano)**

Umugani mugufi cyangwa umugani w'umugenurano ni interuro ngufi ivuga ibintu ku buryo bw'inshamarenga. Uyibwiwe ayumva ahereye ku cyo uwuciye arenguriyeho, yaba adasanzwe awuzi ntiyumve icyo abwiwe. Umugani mugufi uba ugamije kuburira, kwigisha, guhanura.

Imigani y'imigenurano ikubiyemo insanganyamatsiko zinyuranye z'uturango tw'umuco nyarwanda nk'uburezi n'uburere, imibanire, ubucuti, imyemerere, ubwisungane cyangwa ubufatanye n'ibindi.

**Ingero:**

– Utazi ubwenge ashima ubwe.
– Utazi akaraye ifumbwe araza ifu.
– Utumviye se na nyina yumvira ijeri.
– Akebo kajya iwa mugarura.

**d) Insigamigani**

Insigamigani ni ingeri y'ubuvanganzo bwo muri rubanda ikubiyemo ibitekerezo bifatiye ku muntu wakoze ikintu iki n'iki cyangwa se ikintu cyabaye mu gihe runaka bigahinduka iciro ry'umugani. Ishobora kuba kandi iyo mvugo ubwayo, umuntu cyangwa ikintu yakomotseho. Insigamigani zirimo insigamigani nyirizina n'insigamigani nyitiriro.

Insigamigani nyirizina ni izakomotse ku bantu bazwi neza.

**Ingero:**

– "Ndatega zivamo" yakomotse kuri Ntambabazi wa Rufangura
– "Nguye mu matsa" yakomotse kuri Rugaju rwa Mutimbo

- “Ngiye kwa Ngara” yakomotse kuri Nyiramataza Mukarukari
- “Yarezwe bajeyi” yakomotse kuri Bajeyi ba Sharangabo

Insigamigani nyitiriro ni ibindi bintu rubanda bagenuriyeho bakabiheraho babigira iciro ry’imigani.

**Ingero:**

- “Kuvuga ni ugutaruka” yagenuriwe ku mpyisi.
- “Mpuriye he n’ibiguruka?” Yagenuriwe ku gikeri.

**e) Ibisakuzo**

Ibisakuzo ni umukino wo mu magambo ugizwe n’ibibazo n’ibisubizo bishimisha abakuru n’abato kandi birimo ubuhanga. Ibisakuzo byagiraga abahimbyi b’inzobere bahoraga barushaho kunoza no gukungahaza uwo mukino.

Buri gisakuzo kiba gifite imvugo yacyo yabugenewe, kikicwa mu magambo yacyo bwite, kandi gishobora no kugira ibisubizo byinshi.

Abasakuza bagenda bakuranwa mu gusakuza. Usakuza agira ati: “Sakwe, sakwe”, usakuzwa agasubiza ati: “Soma.” Iyo uwasakujwe atinze gufindura igisakuzo, uwamusakuje aramubwira ati: “Kimpe”. Uwasakujwe arasubiza ngo: “Ngicyo”, ubwo uwagisakuje akakica.

**Ingero:**

- Mukara n’iyayo → Inkono n’urweso
- Mweru n’iyayo → Urusyo n’ingasire
- Abakobwa bange babyina bose → Imirya y’inanga
- Mama nshuti → Ikirago

**f) Indirimbo z’inanga zo muri rubanda**

Indirimbo z’inanga zo muri rubanda zivuga ibintu bireba imibereho yacu ya buri munsi. Mu Rwanda rwo hambere indirimbo z’inanga zari mu bihangano bikesha ibirori n’ibitaramo. Bityo inanga abana bayigiraga ku babyeyi babo cyangwa ku baturanyi.

**Ingero:**

- Imitoma ya Rujindiri.
- Nyirabisaba ya Sebatunzi.

**g) Uturingushyo tw’abasizi**

Ni utubango tugufi, tutagoye, duhimbye ku buryo bw’ibisigo. Utwo tubango twagenewe kuganira cyangwa gutoza abana gufata mu mutwe.

**Urugero:**

**Ibitotsi**

Ibitotsi ni ibiragi, bigomba ibirago,

Usinzira utiziguye imuhira

Uwazindutse akagusumbya akantu.

Ijoro ni intatirikaba intambara,

Ryageza igihe k'igicuku rikagucuragiza,

Impyisi igatera umurozi akaza.

**h) Amagorane**

Ni imvugo ikurikiranya amajwi menshi asa kandi avugwa ku buryo bwihuse, utabimenyereye akaba yavugishwa.

**Urugero:**

Aka kago k'akagera

Karimo akagore k'akageni

Karimo akagega k'akagegemeza

Karimo agakoko k'agakokokazi

Ntikaraye amazi kayaraye kayaraye.

**i) Ibisingizo by'inyamaswa**

Byitwa ibisingizo ariko uko bivugitse ntibiba bishimagiza byanze bikunze iyo nyamaswa. Hari ibivuga inzoka, impyisi (Bihehe)... Akenshi biba ari bigufi.

**Ingero:**

- Umunyamerwe
- Ikivugo k'inturo
- Ikivugo k'imbeba

**j) Ibyivugo by'amahomvu**

Ibyivugo by'amahomvu cyangwa ibyivugo by'abana ni ibyivugo bigufi abana bivuga bagamije gusetsa no kwidagadura muri rusange. Ibi byivugo bivugirwa mu bitaramo byo mu miryango, si mu bitaramo by'ingabo. Impamvu babyita amahomvu ni uko mu by'ukuri ibyo birata biba bitarabayeho.

**Ingero :**

- Nagiye ku rusenge ibitugu ndabitigisa, imyambi ndayisukiranya, abo twari kumwe ndabacyaha, nitwa cyaradamaraye.
- Ndi inkubito idatinya, ndi Nyambo sinkenga, Mucyo wa Rudatinya, ndi umuhungu ntibyijanwa.

**k) Urwenya na byendagusetsa**

Urwenya ni inkuru zisetsa ku buryo umuntu uzibariwe ababaye cyangwa arakaye acururuka. Izi nkuru hari ushobora kuzibarirwa zimuvuga nabi akarakara. Byendagusetsa n'imigirire cyangwa imyifatire y'umuntu runaka itera abantu guseka.

**Urugero:**

Umugabo yafashe inuma ngo age kuyirya iramubwira iti: "Reka nkubwire ikintu kimwe, nako bitatu hanyuma ubone kundya." Icya mbere: Ikintu cyakugeze mu ntoki ntikikaguhende ubwenge ngo ukirekure. Icya kabiri: Ntukababazwe n'icyo wakoze. Irongera iti: "Ndekura nkubwire icya gatatu k'ingenzi." Arayirekura irigurukira. Inuma iti: "Waba umupfu urakanyagwa." Na bibiri bya mbere ntiwabyubahirije none nkubwire ikindi?

**l) Ibisigo by'ubuse**

Ibisigo by'ubuse ni bisigo bihimbitse nk'ibisetso bisa n'ibisebanya. Ni inganzo yaba yaravukiye mu matorero y'intore, aho wasangaga abantu biga kuvuga neza, bagacyocyorana ntihagire urakara. Uwarakaraga muri ibyo biganiro bamwitaga igifura kitazi kuba mu bandi bahungu cyangwa akitwa umunyamusozi. Abahimbaga ibisigo by'ubuse, babaga bagambiriye gusetsa.

Mu basizi bazwi baba barakenetse inganzo y'ibisigo by'ubuse harimo Musenyeri Alegisi Kagame. Yaje guhimbazwa n'iyi nganzo y'ibisigo by'ubuse maze arayigana ahimba umuvugo muremure yakubiye mu gatabo yise "Indyoheshabirayi".

**Ingero z'ibisigo by'ubuse**

- Baryohewe ubudasigaza
- Babyirukanye ingoga mu gutamira.
- Indyoheshabirayi
- (...)

**m) Ubuvanganzo bujyanye n'imyuga n'imihango**

Mu Rwanda hari ubuvanganzo bushingiye ku mirimo, ibirori n'imihango. Muri bwo twavugamo ubushingiye ku bworozi bw'inka nk'ibihamagaro, indirimbo z'inka zigizwe n'amahamba, amabanga, imyoma, indama, inzira n'ibyisigo no ku bworozi bw'inzuki nk'amavumvu.

Hari kandi ubuvanganzo bushingiye ku buhinzi nko kwidoga, kwisiga no kuvuga isuka; hakaba ubushingiye ku buhigi nk'amahigi ndetse n'ubushingiye ku mirimo ikorerwa mu mazi hifashishijwe amato nk'amasare.

Ubuvanganzo bushingiye ku birori n'imihango harimo imisango y'ubukwe, indirimbo z'umuhuro (ibihozo) n'imbyino (ikinimba, imparamba, ibyishongoro, imishayayo, iz'intore, imbyino z'imandwa, igishakamba...).

**Umwitozo**

Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo buri wese ku giti ke. Yobora abanyeshuri bakore ikosora rusange ry'umwitozo.

**Ibibazo n'ibisubizo by'umwitozo**

1. **Garagaza uturango tw'ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda.**

Burangwa nuko bwarabaye gikwira mu baturage bakabugira ubwabo, bakabukoresha mu buzima bwa buri munsi.

2. **Ni akahe kamaro k'ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda ?**

Bwari bugamije kwidagadura, kwigisha no gukosora ibitagendaneza.

*Saba abanyeshuri kuzakora buri wese ku giti ke umukoro uri mu bitabo byabo uzafate impapuro zabo mbere y'isomo ry'ubutaha.*

**Umukoro**

Hanga wigana imwe mu ngeri z'ubuvanganzo nyemvugo zikurikira:

- Uturingushyo tw'abasizi
- Amagorane
- Urwenya
- Ikivugo cy'amahomvu

## IV.5.3. Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko "Isabwa rya Mukandahiro"

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>– Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.<br>– Gusoma no gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.<br>– Gusubiza neza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi ziriwugize. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, Igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi. |

## 1. Intangiriro

Saba abanyeshumi kuguha impapuro ziriho umukoro bakoze, hanyuma usabe umunyeshuri umwe gusomera abandi igihangano ke.

Bwira abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "*Isabwa rya Mukandahiro*" bagiye gusoma akayibabazaho ibibazo.

**Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo**

**a) Mwitegereje iyi shusho murabonaho iki?**

Ishusho iragaragaraho abantu bigaragara ko bari mu birori by'ubukwe.

**b) Ni iki kerekana ko bari mu bukwe?**

Uko hateguye, uko abantu bicaye n'uko bambaye, ibikoresho bihari nk'impano n'ibinyobwa bigaragaza ko ari ubukwe.

## 2. Uko isomo ryigishwa

**a) Gusoma bucece**

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwihwisa, bandika amagambo badasobanukiwe hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

**b) Gusoma baranguruye**

Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho basoma nabi kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

**c) Gusobanura amagambo no gusubiza ibibazo ku mwandiko**

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Saba abanyeshuri gukora igikorwa 4.3 kiri mu gitabo cyabo ubahe n'igihe cyo kugikora. Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

*Soma umwandiko ukurikira, ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko kandi usubize n'ibibazo byawubajijweho.*

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Itsinda rimwe rimurike ibijyanye n'inyunguramagambo irindi rimurike ibijyanye n'ibibazo byabajijwe ku mwandiko.

Fatanya n'abagize andi matsinda kugorora no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

### Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe

**Gusobanura amagambo**

**Amaso si aya:** si ubwa mbere nkubonye.

**Igikatsi:** ibyatsi bengesheje ibitoki maze bakabikamuramo umutobe wose. Bivugwa kandi ku kintu cyose cyashizemo amazi.

**Kudashakira ubwinshi mu mazi:** kudashyira amazi menshi mu kintu.

Ingaramakirambi: umusore watinze gushaka.

**Umuranga:** umuntu w'inyangamugayo, w'inararibonye watorwaga n'umuryango w'umusore akajya kubafatira amakuru mu muryango ufite umukobwa ukwiye gusabirwa uwo musore.

**Ishyo:** ikoraniro ry'inka nyinshi zororerwa hamwe zigasangira imfizi./Umubare w'inyamaswa zimwe na zimwe nk'inzovu, imbogo cyangwa imparage ziba hamwe ari nyinshi zihuje ubwoko.

**Inyana zirara imfizi mu mahembe:** inyana zigeze igihe cyo kwima.

**Uruhanga ruharaze imvi:** umutwe urimo imvi.

**Gutebutsa**: kujya mu muryango mwasabyemo umugeni mukumvikana ku munsi w'ubukwe.

**Inkingi yitwa kanagazi:** inkingi yo mu nzu ya kinyarwanda yashyigikiraga uruhamo rw'umuryango.

**Urusika:** wari umwanya utandukanya ibice bitandukanye byo mu nzu ya Kinyarwanda. Kuri ubu ni urukuta rutandukanya ibyumba by'inzu.

**Urusika rw'umugendo:** urusika abantu batari bene urugo batari bemerewe kurenga ngo bakomeze mu nzu.

**Baduhekere:** batuzanire umugeni. Aha twibuke ko kera bamuhekaga mu ngobyi akaba ari ho iyo mvugo ikoreshwa mu misango y'ubukwe ikomoka.

**Kumva no gusesengura umwandiko**

1. Umukwe mukuru ageze kwa Rugendo yasanze bakoranyijwe n'iki? Ese koko icyo bavuga mu mwandiko ni cyo cyari cyabakoranije? Sobanura igisubizo cyawe.
2. Ni iyihe ngingo igaragaza ko umukwe mukuru yishimiye amazimano?

3. Ni iyihe mihango y'ubukwe bwa Kinyarwanda ivugwa muri uyu mwandiko? Yandike uyikurikiranya uko ikurikirana.
4. Ni izihe ngingo zivugwa mu mwandiko zigaragaza ko umuhungu usabirwa yari ageze mu gihe cyo gushaka koko?
5. Uwavuga ko uyu mwandiko ufitanye isano no gucyocyorana mu buryo bwa gipfura yaba yibeshye? Tanga ingero ebyiri ziherekeza igisubizo cyawe.
6. Umuhango wo gutebutsa uba ugamije iki mu bukwe bwa kinyarwanda?

**d) Imyitozo**

Saba abanyeshuri gukora umwitozo w'inyunguramagambo uri mu bitabo byabo buri wese ku giti ke. Yobora abanyeshuri bakore ikosora rusange ry'umwitozo.

**Ibibazo n'ibisubizo by'umwitozo w'inyunguramagambo**

7. Mu kinyatuzu gikurikira harimo amagambo makumyabiri n'abiri (22) y'imihango cyangwa y'ibikoresho byo mu bukwe. Tahuramo ayo magambo wifashishije ibyerekezo byose.

| | | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| I | B | I | S | H | Y | I | N | G | I | R | A | N | W | A |
| G | N | O | N | M | L | L | N | U | N | D | I | I | H | M |
| U | U | D | M | Z | N | G | V | T | E | E | S | M | Z | A |
| S | W | T | O | I | O | L | M | E | G | G | T | P | C | J |
| H | D | B | W | N | D | G | R | B | U | A | I | A | D | Y |
| Y | V | A | B | I | G | C | A | U | M | T | Y | N | W | A |
| I | S | U | K | A | K | O | U | T | U | E | H | O | Y | M |
| N | K | I | J | O | P | U | R | S | A | P | S | B | V | B |
| G | U | K | W | A | K | J | R | A | U | M | U | K | W | E |
| I | N | K | W | A | N | O | Z | U | N | I | M | R | S | R |
| R | A | G | N | A | R | U | M | U | R | Y | U | T | U | E |
| W | N | U | M | U | S | A | N | G | W | A | O | W | V | I |
| A | B | A | S | U | G | U | T | E | K | E | S | H | A | N |
| U | T | Z | C | A | Z | I | G | A | B | M | A | R | U | K |
| K | U | R | A | M | U | K | A | N | Y | A | Y | Z | A | A |

**Ayo magambo ni aya:**

1. Gushyingirwa
2. Gusaba
3. Gukwa
4. Gutebutsa
5. Gutwikurura
6. Kuramukanya
7. Indongoranyo
8. Inkwano
9. Ibishyingiranwa
10. Amajyambere
11. Kurambagiza
12. Umuranga

| | | |
|---|---|---|
| 13. Umushyitsi | 14. Umusangwa | 15. Gutekesha |
| 16. Inzoga | 17. Isuka | 18. Umukwe |
| 19. Umugeni | 20. Inka | 21. Impano |

22. Impeta

2. Tanga ibitekerezo ku nsanganyamatsiko ikurikira: “Gukora imihango y’ubukwe mu munsi umwe, ni byiza kurusha kuyikora mu byiciro bitandukanye”.

- Gukora ubukwe umunsi umwe bituma badasesagura amafaranga menshi.
- Abantu ntibatakaza igihe kinini bitabira imihango itandukanye y’ubukwe.

*Saba abanyeshuri kuzakora umukoro bitoza imisango y’ubukwe hanyuma bazayikine mu isomo rikurikiraho.*

**Umukoro**

**Mutegure kandi mukine mwigana imisango y’ubukwe bwa kinyarwanda.**

## IV.5.4. Gukina bigana imisango y’ubukwe

| **Integoziharіye** |
|---|
| Nyuma y’iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>– Gukina yigana imisango y’ubukwe nyarwanda |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy’umunyeshuri, igitabo cy’umwarimu n’ibindi. |

**Intangiriro**

Ha abanyeshuri amabwiriza. Bategure ishuri nk’uko bigomba, hanyuma umusangiza w’amagambo atangize ibirori.

7. **Uko isomo ritangwa**

Umusangiza w’amagambo aratangiza ikiganiro ajye atanga ijambo nk’uko gahunda y’ubukwe iteguye. Umusangwa mukuru aganire n’umukwe mukuru.

Gukina imisango y’ubukwe nibirangira, yobora abanyeshuri bagire icyo bavuga ku migendekere yabyo. Bavuge ibyagenze neza n’ibyanozwa kurushaho.

## IV.5.5. Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko “Kamana yitwa izina”

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y’iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>– Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n’isesekaza.<br>– Gusoma no gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.<br>– Gusubiza neza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z’ingenzi ziriwugize. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy’umunyeshuri, Igitabo cy’umwarimu, inkoranyamagambo n’ibindi. |

**Intangiriro**

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n’umwandiko “*Kamana yitwa izina*” bagiye gusoma hanyuma uyibabazeho ibibazo.

**Urugero rw’ibibazo wabaza n’urugero rw’ibisubizo**

**a) Mwitegereje iyi shusho murabonaho iki?**

Haragaragaraho ababyeyi bicaye mu rugo, ku ntebe, imbere y’inzu, n’abana bicaye kumusambi barira ku rutaro.

**b) Uhereye ku mutwe w’umwandiko n’ibyo ubona ku ishusho, urakeka ko uyu mwandiko ugiye kuvuga ku ki?**

Ugiye kuvuga ku munsi umwana Kamana yahaweho izina.

**2. Uko isomo ryigishwa**

**a) Gusoma bucece**

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwihwisa, bandika amagambo badasobanukiwe hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

**Urugero rw’ibibazo n’ibisubizo**

**b) Gusoma baranguruye**

Somera abanyeshuri by’intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho basoma nabi kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n’ikibazo afite.

c) **Gusobanura amagambo no gusubiza ibibazo ku mwandiko**

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Saba abanyeshuri gukora **igikorwa 4.4** kiri mu gitabo cyabo ubahe n'igihe cyo kugikora. Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

Soma umwandiko ukurikira, ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranyamagambo cyangwa inyito afite mu mwandiko kandi usubize n'ibibazo byawubajijweho.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Itsinda rimwe rimurike ibijyanye n'inyunguramagambo irindi rimurike ibijyanye n'ibibazo byabajijwe ku mwandiko. Fatanya n'abagize andi matsinda kugorora no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe**

**Gusobanura amagambo**

a) **Inkonzo:** Agati gafite amashami abiri babaga bakonze. Bafataga ishami rimwe irindi bakarihingisha mu muhango wo kwita izina.

b) Urutaro: igikoresho gishashe, kiboshye, bifashisha bagogosora ndetse kera bagishyiragaho amafunguro abantu bagasangiriraho.

c) **Uruhamo rw'umuryango:** Hejuru y'umuryango ugana ku gisenge.

d) **Irebe ry'umuryango:** Imbere mu nzu hafi y'aho basohokera.

e) **Abana b'amasugi:** Abakobwa bafite ababyeyi bombi.

**Kumva no gusesengura umwandiko**

1. Umuhango wo kwita izina wahuzaga ba nde?
2. Abana bari bafite uruhe ruhare mu muhango wo kwita izina?
3. Mu muco nyarwanda, ni izihe ngaruka zashoboraga kuba mwana, mu gihe se yakoraga umuhango wo kumuterura atavuye hanze?
4. Uhereye ku mwandiko, garagaza uko ibikorwa by'umuhango wo kwita izina bikurikirana.
5. Ni ibiki byakorerwaga mu muhango wo kwita izina, bitujuje ubuziranenge?
6. Uhereye kuri kirazira zavuzwe mu mwandiko, garagaza izindi zitagihabwa agaciro muri iki gihe.

### d) Imyitozo

**Saba abanyeshuri gukora umwitozo w'inyunguramagambo uri mu bitabo byabo buri wese ku giti ke. Yobora abanyeshuri bakore ikosora rusange ry'umwitozo.**

**Ibibazo n'ibisubizo by'umwitozo w'inyunguramagambo**

**Imyitozo**

1. Huza amagambo yo mu ruhushya A n'ayo mu ruhushya B ukurikije ibisobanuro byayo.

| A | B |
|---|---|
| 1. Gusurira umuntu inabi | a. Buri wese abona umwanya we |
| 2. Ikivuguto | b. Kumwifuriza ikibi |
| 3. Barahetura | c. Amata amaze kuvura. |

**1b, 2c, 3a**

2. Amagambo "Ingobyi" na "isugi"ni ingwizanyito. Tanga inyito zitandukanye za buri jambo.

Ingobyi:

- Igikoresho gikoze mu ruhu cyangwa mu budodo bahekamo umwana.
- Igikoresho gikoze buvure bahekamo abarwayi.
- Imodoka yo kwa mu ganga itwara indembe.
- Igihu kiba gifubitse igitoki kicyana.
- Igihu kiba gifubitse ivunja riri mu mubiri.
- Agahu kaba gafubitse umwana ukiri mu nda ya nyina.
- Umwanya ukikije urugo rw'inzu.

Isugi:

- Umwana w'umukobwa utarigeze ukora imibonano mpuzabitsina
- Igikoresho kitarakoreshwa na rimwe.
- Umwana ugifite ababyeyi bombi.
- Umubyeyi utarapfusha umwana n'umwe.

*Ikibazo cya gatatu gihe abanyeshuri nk'umukoro.*

**Umukoro**

Uhereye ku umwandiko gereranya uko umuhango wo kwita izina wakorwaga kera n'uko ukorwa muri iki gihe.

## IV.5.6. Isuzuma rusoza umutwe wa kane

| Ibigenderwaho mu isuzuma risoza umutwe wa mbere |
|---|
| Ubushobozi bwo:<br>– *Ubushobozi bwo gusoma no gusesengura umwandiko w'ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda.*<br>– *Ubushobozi bwo kurondora no gusobanura ingeri z'ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda.*<br>– *Ubushobozi bwo gukina bigana imisango y'ubukwe.* |

Ifashishe ibibazo biri mu gitabo cy'umunyeshuri hanyuma utegurire abanyeshuri isuzuma. Saba abanyeshuri kwitegura gukora isuzuma risoza umutwe wa mbere buri wese ku giti ke.

**Urugero rw'ibibazo by'isuzuma:**

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko**

1. Matama uvugwa muri uyu mwandiko yari muntu ki?
2. Ni iki cyabaye intandaro yo kurira kwa Matama ya Bigega?
3. Tanga ingero z'amakabyankuru agaragara muri uyu mwandiko.
4. Ni iki ushima umwami Mibambwe n'umugaragu we Mugunga?
5. Ni iki unenga muri uyu mwandiko ku ngingo yo gufata neza ibidukikije?
6. Ushingiye ku ndangagaciro za Mibambwe, umwami w'u Rwanda, ni izihe ndangagaciro zikwiye kuranga abayobozi?

**II. Ibibazo by'inyunguramagambo**

1. Sobanura amagambo cyangwa amatsinda y'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko
   a) Kugishisha inka
   b) Mu gikumba k'inka
   c) Guhirahira
   d) Kurambagira
2. Koresha amagambo akurikira mu nteruro zigaragaza ko wumva ibisobanuro byayo.
   a) Kunyurwa
   b) Kumena ijoro
   c) Guhagatira

3. Uzurisha interuro zikurikira amwe muri aya magambo wubahiriza isanisha rikwiye: abararizi, mu nkoko, guhirahira, kuvumbuka, kurambagira.

a) Yaraye adasinziriye bigeze………………arabyuka aragenda.

b) Mu ishyamba ……………. ingeragere maze abahigi barayica.

c) Abajura ……………….. kujya kumwiba ariko bagasanga ………. ku gipangu ke.

d) Ku mugoroba umwami yajyaga ………………igihugu ke.

**III. Ibibazo ku buvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda**

1. Rondora ingeri eshanu z'ubuvanganzo bwo muri rubanda.

2. Usanga ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda butumariye iki muri iki gihe?

3. Ni irihe tandukaniro riri hagati y'umugani muremure n'insigamigani?

4. Ica ibisakuzo bikurikira:

a) Icyo nagutuma ntiwakizana.

b) Aho nagendaniye nawe wambwiye iki?

c) Nkubise urushyi rurumira.

d) Nagutega icyo utazi utabonye.

e) Abakobwa b'iwacu bicaye ku ntebe imwe.

5. Soma interuro zikurikira, ushake umugani w'umugenurano wahuza n'ibivugwamo.

a) Iminsi uyiteganyiriza hakiri kare, ukibishoboye, ibintu wazigamye bikazagutunga utakishoboye n'inshuti washatse zikazagufasha umaze gusaza cyangwa wamugaye.

b) Ntawukwiye kwishimira ibyago by'undi naho yaba ari umwanzi we kuko na we bishobora kumugeraho.

c) Ubwuzu n'ubuntu bw'umuntu ugukunda bumugaragaraho ukimubona, ntatindiganya kukwakira neza, aguhorana ku mutima n'iyo ufite ibyago abigufashamo utabimusabye.

d) Umurimo udakora wibwira ko woroshye, ukagaya abawukora ngo nta cyo bamaze kandi ubakomereye.

e) Kwiharira ibyo utunze ntusangire n'inshuti utazi icyo iminsi iguteze.

f) Ni uwuhe mugani wacira umuntu uvugwa muri iyi nkuru:Gatari akunda gusuzugura iby'abandi basubije mu ishuri akumva ko ibye ari byo bizima ko nta wundi wagira icyo asubiza. Bikarangira nyuma yo gukosorwa ari we ubonye amanota make.

6. Uzuza imigani y'imigenurano ikurikira:

a) Imvura igwa ……………………………….

b) ……………………………. azira inarabyaye.

c) Agahwa kari ku wundi…………………….

7. Mu mibanire y'abantu urwenya na byendagusetsa bifite akahe kamaro?

8. Himba ikivugo cy'amahomvu cyawe bwite wubahiriza uturango twa bene ibyo byivugo.

9. Ni uwuhe mumaro w'umuranga mu bukwe bwa Kinyarwanda?

10. Ni ibihe bikorwa by'ingenzi, byakorwaga mu muhango wo kwita izina?

# UMUTWE WA 5 KUBAHIRIZA UBURENGANZIRA BWA MUNTU

## V.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura umwandiko uvuga ku burenganzira bwa muntu agaragaza ingingo z'ingenzi ziwukubiyemo.
- Gusesengura umuvugo uvuga ku burenganzira bwa muntu agaragaza ingingo z'ingenzi kandi atahura uturango twawo.
- Guhanga umuvugo yubahiriza uturango twawo no kuwuvuga imbere y'abandi.

## V.2.Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

- Akamaro ko kubungabunga ubuzima.
- Inyuguti n'ibihekane by'Ikinyarwanda.

## V.3 Ingingo nsanganyamasomo

| Ingingo nsanganyamasomo | Aho igaragara mu muri uyu mutwe |
|---|---|
| Uburinganire n'ubwuzuzanye | Mu bikorwa byose umwarimu yita ku banyeshuri b'ibitsina byombi.<br>Iyi ngingo iragaragarira mu mashusho ajyanye n'imyandiko agaragaza abagore n'abagabo ndetse no mu banyarubuga b'ibitsina byombi. |
| Uburezi budaheza | Mu bikorwa byose umwarimu yita ku banyeshuri bose harimo n'abafite ibyo bagenerwa byihariye. |
| Umuco w'amahoro | Uragaragarira mu gushakira uwahohotewe ubutabera. |

## V.4 Igikorwa cy'umwinjizo

Saba abanyeshuri gukora igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe wakire ibisubizo batanga.

**Urugero rw'igikorwa n'urugero rw'ibisubizo:**

*Uhereye ku bumenyi usanzwe ufite kora ubushakashatsi:*

- *Ugaragaze amahame y'ingenzi y'uburenganzira bwa muntu.*
- *Ugaragaze inshoza n'uturango by'umuvugo.*

Amahame y'ibanze y'uburenganzira bwa muntu:

- Uburenganzira bwo kubaho
- Uburenganzira bwo gutura aho ushaka
- Uburenganzira bwo kwiga
- Uburenganzira bwo gutanga ibitekerezo.

Umuvugo ni igihangano kigizwe n'imikarago gisingiza cyangwa kivuga ku kintu iki n'iki.

Bwira abanyeshuri ko bimwe mu bisubizo bazagenda babibona mu masomo baziga muri uyu mutwe.

## V.5 Amasomo ari mu mutwe wa gatanu n'igihe yagenewe

| **Umutwe wa gatanu: Kubungabunga ubuzima** | | **Umubare w'amasomo: 8** |
|---|---|---|
| **Amasomo** | **Intego rusange** | **Umubare w'amasomo** |
| **Isomo rya mbere: Gusoma no gusesengura umwandiko "Ese tubireke dutyo?"** | – Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo adasobanukiwe,<br>– Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.<br>– Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko. | **Amasomo 2** |
| **Isomo rya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko "Turyamagane twese"** | – Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo adasobanukiwe,<br>– Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.<br>– Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko. | **Amasomo 2** |

| | | |
|---|---|---|
| **Isomo rya gatatu: Umuvugo** | – Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo adasobanukiwe,<br>– Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.<br>– Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko. | **Isomo 1** |
| **Isomo rya kane: Guhanga no kuvuga umuvugo** | – Guhanga umuvugo ku nsanganyamatsiko yubahiriza imiterere yawo.<br>– Kuvugira umuvugo mu ruhame ashize amanga | **Isomo 1** |
| **Isomo rya gatanu: Isuzuma risoza umutwe wa gatanu** | | **Amasomo 2** |

## V. 5.1 Isomo rya mbere: Gusoma no gusengura umwandiko "Turyamagane twese"

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>– Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.<br>– Gusoma no gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.<br>– Gusubiza neza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi ziriwugize. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi. |

1. **Intangiriro**

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "Kwirinda biruta kwivuza" bagiye gusoma akayibabazaho ibibazo.

**Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo**

**a) Mwitegereje iyi shusho murabonaho iki?**

Abantu bicaye ku ntebe bigaragara ko bari kwa muganga n'undi mugore wicaye iruhande rwe hari isuka.

**b) Murakeka ko ari ukubera iki yicaranye isuka kwa muganga.**

Ashobora kuba yari ari mu murima akagira impanuka akitema cyangwa ari uwo bari kumwa umurembanye cyangwa se bakaba bamuhuruje hari umuntu we ugize ikibazo.

**2. Uko isomo ryigishwa**

**a) Gusoma bucece**

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwihwisa, bandika amagambo badasobanukiwe hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

**1. Umugore uvugwa muri uyu mwandiko ni ikihe kibazo yari afite?**

Yari afite ikibazo cy'umwana we wahohotewe.

**2. Umwana wahohotewe yari yahohotewe na nde?**

Yari yahohotewe na se umubyara.

**b) Gusoma baranguruye**

Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho basoma nabi kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

**c) Gusobanura amagambo no gusubiza ibibazo ku mwandiko**

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Saba abanyeshuri gukora **igikorwa 5.1** kiri mu gitabo cyabo ubahe n'igihe cyo kugikora. Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

*Soma umwandiko ukurikira, usobanure amagambo yatanzwe wifashishije inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko kandi usubize n'ibibazo byawubajijweho.*

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Itsinda rimwe rimurike ibijyanye n'inyunguramagambo irindi rimurike ibijyanye n'ibibazo byabajijwe ku mwandiko. Fatanya n'abagize andi matsinda kugorora no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe**

**Gusobanura amagambo**

**a) Kugwa mu kantu:** Kumirwa ukabura icyo uvuga

**b) Kumusindagiza:** Kumufasha kugenda umwiyegamije

**c) Kwumufasha:** kugenda umwiyegamije

**d) Kwinumira:** Kutagira icyo uvuga ukicecekera.

**Kumva no gusesengura umwandiko**

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko**

1. Umugore uvugwa mu gika cya mbere cy'umwandiko yari he? Byari byamugendekeye bite? Kubera iki?
2. Ni irihe hohoterwa rivugwa muri uyu mwandiko?
3. Ni nde wahohoteye undi? Yabitewe n'iki?
4. Ni iki kigaragaza ko uriya mugore atari yiteguye gutanga umugabo we wari wahohoteye umwana we?
5. Nk'umufasha w'abaforomo, ni iki wakora kugira ngo ihohoterwa rikorerwa abana riranduke burundu?
6. Ni iyihe nama wagira umuntu wakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina aje akugana?

**d) Umwitozo**

Saba abanyeshuri gukora umwitozo w'inyunguramagambo uri mu bitabo byabo buri wese ku giti ke. Yobora abanyeshuri bakore ikosora rusange ry'umwitozo.

**Ibibazo n'ibisubizo by'umwitozo w'inyunguramagambo**

1. **Koresha amagambo akurikira mu nteruro zigaragaza ko wumva icyo asobanura: Gusindagiza, kufira, umunyotwe, kwinumira, igitambambuga, gukorera umuntu ibya mfura mbi.**

Tanga nk'umukoro ikibazo cya kabiri "*Ni izihe ngingo waganirizaho abana kugira ngo bage bashobora gutahura abashaka kubahohotera?*" kizakosorwe mu ntangiriro y'isomo rikurikiraho.

## V.5.2. Isomo rya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko "Turyamagane twese"

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>– Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.<br>– Gusoma no gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.<br>– Gusubiza neza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi ziriwugize. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi. |

### 1. Intangiriro

Yobora abanyeshuri bakosore umukoro batahanye. Baza bamwe mu banyeshuri batange ibisubizo, abandi babigorore byandikwe ku kibaho hanyuma abanyeshuri babyandike mu makayi yabo.

**Umukoro n'urugero rw'ibisubizo**

*Ni izihe ngingo waganirizaho abana kugira ngo bage bashobora gutahura abashaka kubahohotera?*

- Abantu babaha impano: amaterefoni, imitako bambara, imyambaro
- Abantu baha iribwa n'ibinyobwa: amandazi, bombo, fanta, inzoga...
- Abantu babasaba kubasura.
- Abantu babasaba kubakorakora ku bice by'umubiri
- Abantu babasaba ku basoma....

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "***Turyamagane twese***" bagiye gusoma akayibabazaho ibibazo.

**Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo**

**a) Mwitegereje iyi shusho murabonaho iki?**

Ishusho iragaragaraho abagabo babiri, imodoka yabo iparitse mu ishyamba n'abana b'abakobwa bambaye impuzankano bigaragara ko ari abanyeshuri.

**b) Murakeka ko bariya bagabo bari gukorana iki na bariya bana?**

Biragaragara ko bariya bagabo bashaka guhohotera bariya bana kuku umwe bari kumwinjiza mu modoka abandi undi ari kubirukaho, bigaragara ko bari guhunga.

2. **Uko isomo ryigishwa**

**a) Gusoma bucece**

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwihwisa, bandika amagambo badasobanukiwe hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

1. **Uyu mwandiko aravuga kuki?**

Uyu mwandiko uravuga ku ihohoterwa.

2. **Ni hehe umwanditsi w'uyu mwandiko agaragaza ko ihohoterwa rigaragara?**

Umwanditsi w'uyu mwandiko agaragaza ko ihohoterwa rigaragara mu ngo hagati y'abashakanye no ku bo babyara, mu itangwa ry'akazi, mu micungire y'abakozi no bucuruzi bw'abantu

**b) Gusoma baranguruye**

Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho basoma nabi kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

**c) Gusobanura amagambo no gusubiza ibibazo ku mwandiko**

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Saba abanyeshuri gukora **igikorwa 5.2** kiri mu gitabo cyabo ubahe n'igihe cyo kugikora. Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

*Soma umwandiko ukurikira, ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko, usubize n'ibibazo byawubajijweho.*

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Itsinda rimwe rimurike ibijyanye n'inyunguramagambo irindi rimurike ibijyanye n'ibibazo byabajijwe ku mwandiko. Fatanya n'abagize andi matsinda kugorora no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe**

**Gusobanura amagambo**

a) Twakondewe: Twahangiwe, twateguriwe.

b) Uharaze: ufite byinshi bikuranga.

c) Iduhundagazaho: Iduha ku bwinshi. d) Iyo riterwa inkingi: Kure cyane.

d) Riravuza ubuhuha: Rikabije gutuma abantu bamererwa nabi.

e) Rirabacuza: Ribatwara ibyabo.

f) Hahanda: Hababaza, hagirira abantu mabi.

g) Umusubizo: Mu buryo bwihuta, ari nyinshi.

h) Mutindi: Mubi, ugira nabi.

i) Igicibwa: Uwo bose baha akato.

**Kumva no gusesengura umwandiko**

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko**

1. Ni hehe hagaragara ihohoterwa havuzwe mu mwandiko?
2. Ihohoterwa ryo mu muryango rigira izihe ngaruka?
3. Abantu bacuruzwa, babajyana babashukisha iki?
4. Ni nde ufite inshingano zo guhashya ihohoterwa?
5. Kubangamira uburenganzira bwa muntu bigira izihe ngaruka mu mibanire y'abantu?
6. Ni iki cyakorwa kugira ngo uburenganzira bwa muntu bwimakazwe hose?

**d) Umwitozo**

Saba abanyeshuri gukora umwitozo w'inyunguramagambo uri mu bitabo byabo buri wese ku giti ke. Yobora abanyeshuri bakore ikosora rusange ry'umwitozo.

**Ibibazo n'ibisubizo by'umwitozo w'inyunguramagambo**

1. Uzurisha interuro zikurikira aya magambo yakuwe mu mwandiko: **umwaga, icyubahiro, umunani, ihohoterwa**

a) Abanyarwanda bose ni bamagane **ihohoterwa** rikorerwa mu ngo.

b) Umuntu wese akwiye guhabwa **icyubahiro** gikwiye.

c) Abakobwa bari bararenganyijwe badahabwa **umunani** iwabo.

d) Kugira **umwaga** ntibikwiye.

Tanga nk'umukoro ikibazo cya kabiri "*Ni ibihe bikorwa byakwibandwaho kugira ngo ihohoterwe rirandurwe mu Rwanda.*" kizakosorwe mu ntangiriro y'isomo rikurikiraho

## V.5.3. Isomo rya gatatu: Umuvugo

| **Integozihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>– Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo adasobanukiwe,<br>– Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.<br>– Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibindi. |

**Intangiriro**

Yobora abanyeshuri bakosore umukoro batahanye. Baza bamwe mu banyeshuri batange ibisubizo, abandi babigorore byandikwe ku kibaho hanyuma abanyeshuri babyandike mu makayi yabo.

**Umukoro n'urugero rw'ibisubizo**

Ni ibihe bikorwa byakwibandwaho kugira ngo ihohoterwa rirandurwe mu Rwanda.

- Gushishikariza ababyeyi kuganiriza abana babo.
- Gukangurira abana mu mashuri kwirinda ihohoterwa no kugaragaza ku gihe igohoterwa ribakorwa
- Guhana by'intangarugero abahohotera abandi...

**5. Uko isomo ritangwa**

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora **igikorwa 5.3** kiri mu bitabo byabo. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

Ongera usome umwandiko "Turyamagane twese?" witegereza imiterere yawo, uvuge aho ubona utandukaniye n'indi myandiko maze utahure inshoza n'uturango by'umuvugo.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Amatsinda asimburane amurika buri tsinda ingingo imwe. Yobora abagize andi matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Ibisubizo byanogejwe**

1. **Inshoza y'umuvugo**

Umuvugo ni igihangano cy'ubuvanganzo kiri mu mvugo cyangwa mu nyandiko, cyuje ubwiza bunogeye amatwi n'umutima, gifite injyana n'amajwi meza, cyubatse ku buryo bw'imikarago kandi kigakoresha amagambo y'indobanure, aberanye n'ikivugwa.

2. **Uturango tw'umuvugo**

Umuvugo urangwa no kuba wanditse mu mikarago cyangwa intondeke, uba ugabanyijemo amabango agererenywa n'ibika byo mu myandiko isanzwe. Imikarago y'umuvugo iba ifite injyana nk'iyo mu ndirimbo. Ukarangwa kandi n'injyana y'isubirajwi n'isubirajambo n'ubundi bwoko bw'iminozanganzo.

**Ikeshamvugo rikoreshwa mu mivugo**

a) **Injyana**

Mu mivugo hakoreshwamo injyanaishingiye ku ipima ry'imikarago.Uhanga umuvugo agerageza gukoresha imikarago ireshya cyangwa yenda kureshya, bigatuma kuyivuga hazamo injyana nk'iyo mu ndirimbo.

b) **Isubirajwi**

Ni ikeshamvugo rishingira ku kugenda basubira mu ijwi runaka ku buryo bunogeye amatwi. Amajwi ashobora gusubirwamo ku ntangiriro y'imikarago, kumpera zayo cyangwa se agakurikirana mu ijambo no mu mukarago.

**Urugero rwo mu muvugo"Turyamagane twese"**

Hadutse icuruzwa ry'**aba**ntu

**Baba aba**hungu ndetse n'a**ba**kobwa

**Ba**gakurwa kuri gakondo

**Ba**kabunzwa amahanga ahahanda

**Bababe**shya amaronko.

c) **Isubirajambo**

Ni ikeshamvugo rishingira kumagambo aganda agaruka bidatinze cyangwa hakagaruka ayo bihuriye ku gicumbi.

**Urugero rwo mu muvugo "Turyamagane twese"**

Umugore ntiyubahe **umugabo**

Ngo **ubugabo** nyabwo ni mu mufuka

**d) Imibangikanyo**

Imibangikanyo ni ikeshamvugo rishingiye ku gukurikiranya imikarago iteye kimwe, ifite ingingo zuzuzanya cyangwa se zivuguruzanya.

**Ingero mu muvugo "Turyamagane twese"**

**Ingingo zuzuzanya :**

Ibyo rwose bikaba intandaro

Yo **kwimwa intango y'ubuzima**

**Akimwa umunani**wo mu muryango.

**Ingingo zivuguruzanya**

Ingo **zirubababakwazigasenywa**

**e) Igereranya**

Igereranya ni ikeshamvugo rishingira ku kugereranya ibintu bifite icyo bihuriyeho ku buryo kimwe cyagufasha gusobanura ikindi ukoresheje uko bisangiye imisusire, imigenzereze, umumaro n'ibindi. Igereranya rikoresha ibyungo ngereranya: nka, na, kimwe, asa …

**Urugero rwo mu muvugo "Turyamagane twese"**

Ngo dukundane **n'uko**yadukunze

**f) Ihwanisha**

Ihwanisha ni ikeshamvugo risa no kugereranya ariko nta kigereranyisho gikoreshejwe, ku buryo ibigereranywa ubinganyisha, kimwe kikaba cyafata umwanya w'ikindi cyangwa cyagihagararira.

**Urugero rwo mu muvugo "Turyamagane twese"**

Babyara **umuhungu** ngo **ni umutabazi**

Babyara **umukobwa** ngo **ni agahinda**

**g) Iyitirira**

Iyitirira ni ikeshamvugo rishingiye ku gufata ikintu ukagisimbuza ikindi bitewe n'uko ubona isano bifitanye. Icyo gihe ijambo rifata umwanya w'irindi rikagira inyito nshya kandi n'iyo ryari risanganywe ritayitakaje. Ikintu gishobora kwitirirwa icyo gikozemo, kikitirirwa agace kamwe mu bikigize cyangwa kikitirirwa icyo kirimo.

**Urugero rwo mu muvugo "Turyamagane twese"**

Ndetse ngere n'**ibwotamasimbi**(i Burayi)

3. **Akamaro k'imivugo**

Imivugo ifasha abahanzi gutambutsa imbamutimazabobabinyujije mu bihangano.

Bifasha umuhanzi kunoza ururimi no gukungahaza inyunguramagambo akoresheje amagambo y'intoranywa. Imivugo ifasha abantu gushima, gutaka, kunenga, kwigisha, gukosora ikintu cyangwa umuntu runaka binyujijwe mu bihangano.

**Umwitozo**

Saba abanyeshuri gukorera mu matsinda umwitozo uri mu bitabo byabo. Uwo mwitozo ni uyu ukurikira:

1. **Tanga urugero rw'ingingo zishobora kubangikana zikuzuzanya n'izishobora kubangikana zikavuguruzanya.**

Umubangikanyo wuzuzanya:

- Kurya/guhaga
- Guhinga/gusarura

Umubangikanyo uvuguruzanya:

- Kumanuka/kuzamuka
- Gutanga impundu/gutanga induru

2. **Ni akahe kamaro k'ikeshamvugo rishingiye ku njyana no ku majwi.**

Ikeshamvugo rishingiye ku njyana no ku majwi rituma igihangano kiryohera amatwi, abacyumva ntibakirambirwe.

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, kuzakora umukoro uri mu gitabo cyabo maze bazawumurike mu isomo rizakurikira.

**Umukoro**

Hanga umuvugo mugufi utarengeje imikarago mirongo itatu ku nsanganyamatsiko wihitiyemo ijyanye n'uburenganzira bwa muntu hanyuma uwuvugire imbere y'abandi wubahiriza isesekaza ry'umuvugo rikwiye.

## V.5.4 Kuvuga kuvuga umuvugo

| **Integozihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>– Guhanga umuvugo ku nsanganyamatsiko yubahiriza imiterere yawo.<br>– Kuvugira umuvugo mu ruhame ashize amanga. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imivugo abanyeshuri bahanze n'ibindi. |

1. **Intangiriro**

Baza abanyeshuri ibibazo ku isomo baheruka kwiga

**Urugero rw'Ibibazo n'ibisubizo**

**a) Ni akahe kamaro ko kwia imivugo?**

– Umuvugo ufasha umuhanzi gutambutsa imbamutima ze abinyujije muri icyo gihangano.

– Bifasha umuhanzi kunoza ururimi no gukungahaza inyunguramagambo akoresheje amagambo y'intoranywa.

– Gushima, gutaka, kunenga, kwigisha, gukosora ikintu cyangwa umuntu runaka binyujijwe mu mvugo ijimije cyangwa itajimije.

– Umuvugo unezeza abawumva ukababafasha no guhinduka ari nako bafata ingamba hashingiwe ku butumwa buwukubiyemo.

**b) Ikeshamvugo rishingiye ku igereranya ukoreshwa ute ?**

Ukoreshwa bagereranya ibintu bifite icyo bihuriyeho ku buryo kimwe cyagufasha gusobanura ikindi ukoresheje uko bisangiye imisusire, imigenzereze, umumaro n'ibindi. Igereranya rigira uturango: nka, na, kimwe, asa.

2. **Uko isomo ritangwa**

Saba abanyeshuri umwumwe kuvugira mu ruhame umuvugo yahanze. Saba abandi banyeshuri kumukurikira no kwandika ibyo bashimye ku muvugo we n'ibyo bamusaba kunoza.

Gira icyo uvuga ku mivugo abanyeshuri bavuze, ushime ibyakozwe neza, ibitakozwe neza werekane uko byanozwa. Bwira abanyeshuri bose baguhe imbwirwaruhame bakoze hanyuma uzazikosore.

## V.5.5 Isuzuma rusoza umutwe wa gatanu

| **Ibigenderwaho mu isuzuma risoza umutwe wa mbere** |
|---|
| Ubushobozi bwo:<br>– *Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko agaragaza ingigo ziwugize.*<br>– *Ubushobozi bwo gusesengura umuvugo no kugaragaza uturango twawo.*<br>– *Ubushobozi bwo guhanga umuvugo no kuwuvugira mu ruhame.* |

Ifashishe ibibazo biri mu gitabo cy'umunyeshuri hanyuma utegurire abanyeshuri isuzuma. Saba abanyeshuri kwitegura gukora isuzuma risoza umutwe wa gatanu buri wese ku giti ke.

**Urugero rw'ibibazo by'isuzuma:**

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko**

1. Igihembo cy'amahoro kitiriwe Nobeli cyatanzwe bwa mbere ryari?
2. Ni bande bagomba guhabwa Igihembo cy'Amahoro Kitiriwe Nobeli?
3. Kuki abahabwa Igihembo cy'Amahoro Kitiriwe Nobeli batoranywa n'abantu bo muri Wuwedi no muri Noruveji?
4. Sobanura akamaro, Igihembo cy'Amahoro Kitiriwe Nobeli gishobora kugira mu gusigasira no guteza imbere uburenganzira bwa muntu ku isi.

**II. Ibibazo by'inyunguramagambo**

Sobanura amagambo akurikira ukurikije inyito afite mu mwandiko:

a) Inyeshyamba

b) Irage

c) Umwihariko

d) Akayabo

**III. Ibibazo ku muvugo**

1. Garagaza uturango tw'ingenzi dutandukanya umuvugo n'ubundi bwoko bw'umwandiko.
2. Ikeshamvugo rishingiye ku igereranya ritandukaniyeho n'irishingiye ku ihanisha?

**IV. Ihangamwandiko**

Hanga umuvugo mugufi utarengeje imikarago cumi n'itanu, ku nsanganyamatsiko y'uburenganzira bw'umwana.

# UMUTWE WA 6 IKORANABUHANGA N'ITUMANAHO

## VI.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura umwandiko uvuga ibijyanye n'ikoranabuhanga n'itumanaho agaragaza ingingo z'ingenzi.
- Gutahura, gukoresha neza n'izina ntera n'igisantera.
- Gukoresha neza inshinga mu bihe byayo no mu buryo bwayo.

## VI.2.Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

- Gukoresha terefoni na mudasobwa.

## VI.3 Ingingo nsanganyamasomo

| Ingingo nsanganyamasomo | Aho igaragara mu muri uyu mutwe |
|---|---|
| Uburinganire n'ubwuzuzanye | Mu bikorwa byose umwarimu yita ku banyeshuri b'ibitsina byombi.<br><br>Mu mashusho ajyanye n'umwandiko, agaragaza abantu b'ibitsina byombi. |
| Uburezi budaheza | Mu bikorwa byose umwarimu yita ku banyeshuri bose harimo n'abafite ibyo bagenerwa byihariye. |
| Umuco wo kuzigama | Iyingingo igaragarira mu mwandiko aho abantu bazigama igihe bakoresha ikoranabuhanga, igabunuka ry'impapuro zakoreshaga mu byangombwa. |
| Kurengera ibidukikije | Igabanuka ryiimpapuro zifasha kurengera ibidukikije. |

## VI.4 Igikorwa cy'umwinjizo

Saba abanyeshuri gukora igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

**Urugero rw'igikorwa n'urugero rw'ibisubizo**

*Uhereye ku bumenyi usanzwe ufite kora ubushakashatsi:*

- *Ugaragaze akamaro k'ikoranabuhanga n'itumanaho mu iterambere;*
- *Utandukanye ntera, izina ntera n'igisantera;*

- *Utahure inshoza, ubwoko, ibihe n'uburyo by'inshinga.*

Ikoranabuhanga ryihutisha iterambere mu Gihugu cyacu kuko rituma abantu bashyikirana mu buryo bworoshye kandi bakabona amakuru ku buryo bwihuse.

Rituma bantu bakora ubushakashatsi, rikaborohereza gukora ibintu bifite ubuziranenge kandi birambye bijyanye n'igihe tugezemo ndetse bikanaborohereza kwamamaza no kuranga ibyo bakora.

Inshinga n'ijambo rwerekana igikorwa, imico cyangwa imimerere y'ikivugwa. Isnhinga zigira amako abiri ari yo inshinga nkene n'inshinga isanzwe. Ibihe bikuru byayo ni indagihe, impitagihe n'inzagihe, ikajya mu buryo butandukanye nk'ikirango, inyifuzo, ikigombero, inziganyo, integeko, inyungo...

Bwira abanyeshuri ko bazarushaho gusobanukirwa ibijyanye n'izi ngingo uko bazagenda biga amasomo atandukanye ari muri uyu mutwe.

## VI.5. Amasomo ari mu mutwe wa gatanu n'igihe yagenewe

| **Umutwe wa gatanu: Kubungabunga ubuzima** | | **Umubare w'amasomo: 8** |
|---|---|---|
| **Amasomo** | **Intego rusange** | **Umubare w'amasomo** |
| **Isomo rya mbere:** Gusoma no gusesengura umwandiko "Ikoranabuhanga ryaragikemuye" | – Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo adasobanukiwe,<br>– Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.<br>– Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko. | **Amasomo 2** |
| **Isomo rya kabiri:** Ntera, izina ntera n'igisantera | – Gutanga inshoza ya ntera, izina ntera n'iy'igisantera.<br>– Gutahura ntera, izina ntera n'igisantera mu mwandiko.<br>– Kugereranya ntera, izina ntera n'igisantera. | **Amasomo 2** |

| | | |
|---|---|---|
| **Isomo rya gatatu:** Inshinga | – Gutanga inshoza y'inshinga no gutandukanya amoko y'inshinga.<br>– Gusobanura ibihe n'uburyo by'inshinga.<br>– Gukoresha inshinga yubahiriza ibihe n'uburyo byayo mu mvugo no mu nyandiko. | **Amasomo 2** |
| **Isomo rya gatanu: Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu** | | **Amasomo 2** |

## VI. 5.1 Isomo rya mbere: Gusoma no gusengura umwandiko "Ikoranabuhanga ryaragikemuye"

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>– Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.<br>– Gusoma no gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.<br>– Gusubiza neza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi ziriwugize. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi. |

**1. Intangiriro**

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "Kwirinda biruta kwivuza" bagiye gusoma akayibabazaho ibibazo.

**Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo**

**a) Mwitegereje iyi shusho murabonaho iki?**

Ishusho iragaragaraho abaganga barikuvura umurwayi bigaragara ko bagiye kumubaga. Haragaragara na mudasobwa.

**b) Murakeka ko iriya mudasobwa imaze iki mu cyumba babagiramo?**

Iriya mudasobwa ishobora kwifashishwa bareba uko igikorwa cyo kubaga kiri kugenda no mu gukurikirana ubuzima bw'umurwayi bari kuvura.

2. **Uko isomo ryigishwa**

a) **Gusoma bucece**

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwihwisa, bandika amagambo badasobanukiwe hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

1. **Vuga ahantu hatandukanye ikoranabuhanga ryifashishwa.**

Mu mashuri, mu buvuzi, mu bucuruzi, mu buyobozi n'ahandi.

2. **Utudege twavuzwe mu mwandiko twifashishwa mu yihe mirimo mu Rwanda?**

Twifashishwa mu gushyira amaraso abarwayi bayakeneye hirya no hino mu bitaro.

b) **Gusoma baranguruye**

Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho basoma nabi kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

c) **Gusobanura amagambo no gusubiza ibibazo ku mwandiko**

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Saba abanyeshuri gukora **igikorwa 6.1** kiri mu gitabo cyabo ubahe n'igihe cyo kugikora. Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

*Soma umwandiko ukurikira, usobanure amagambo wahawe wifashishije inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko kandi usubize n'ibibazo byawubajijweho.*

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Itsinda rimwe rimurike ibijyanye n'inyunguramagambo irindi rimurike ibijyanye n'ibibazo byabajijwe ku mwandiko. Fatanya n'abagize andi matsinda kugorora no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe**

**Gusobanura amagambo**

- **Kubona izuba:** kuvuka
- **Guhamura umuti:** gushaka umuti wa kinyarwanda.
- **Uruhando mpuzamahanga:** ihuriro ry'ibihugu byinshi

- **Murandasi:** inzira cyangwa umuyoboro w'ikoranabuhanga amakuru anyuramo ava ku bantu bamwe ajya ku bandi.
- **Bwimbitse:** busesenguye cyangwa bucukumbuye
- **Abasheshe akanguhe:** abakuze, abasaza
- **Gukendera:** gucika
- **Kunoza:** gutunganya

**Kumva no gusesengura umwandiko**

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko**

1. **Iterambere ritaraza Abanyarwanda bakoreshaga ubuhe buryo?**

Abanyarwanda bo hambere bari bafite ubumenyi bwo kwirwanaho ngo babone ibyo bakeneye nk'umuriro, ibikoresho binyuranye, kwivura indwara n'ibindi. Bashoboraga no gutumanaho bakoresheje uburyo bunyuranye burimo gutuma intumwa, umurishyo w'ingoma cyangwa ihembe.

2. **Ni hehe hakoreshwa ikoranabuhanga mu buvuzi havuzwe mu mwandiko?**

Mu kubaga abantu, kwivuza kuri terefoni, kugeza amaraso ku bayakeneye hakoreshejwe utudege tutagira abapirote, gupima ibizami muri raboratwari mu gihe.

3. **Ukurikije ibivugwa mu mwandiko sobanura uko ikoranabuhanga rishobora kwihutisha iterambere.**

Ikoranabuhanga rifite akamaro ko kunoza no kwihutisha serivisi mu nzego zitandukanye z'umurimo no guhanga udushya kandi byose bigakorwa mu gihe gito.

4. **Garagaza igihombo Igihugu kigira iyo kidafite ikoranabuhanga.**

Igihugu kidakoresha ikoranabuhanga n'itumanaho ntigishobora gutera imbere kuko abagituye batamenya ibikorerwa ahandi cyangwa ngo bashobore kumenyekanisha ibyo bakora n'ibyiza bigitatse mu ruhando mpuzamahanga.

5. **Vuga ahandi ikoranabuhanga rikoreshwa mu Rwanda hatavuzwe mu mwandiko.**

Mu kumenya amakuru mu kanya gato asohotse.

Mu gukoresha akamashini mu bucuruzi.

Mu gushyira umuriro muri mubazi

(...)

6. **Garagaza ingingo z'ingenzi zikubiye muri uyu mwandiko.**

Ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko:

- Ikoranabuhanga n'itumanaho mu Rwanda rwa kera.
- Akamaro k'ikoranabuhanga muri iki gihe.
- Ikoranabuhanga mu buvuzi
- Ikoranabuhanga mu burezi
- Ikoranabuhanga mu bucuruzi
- Ikoranabuhanga mu bwikorezi
- Ikoranabuhanga mu buyobozi

**d) Umwitozo**

Saba abanyeshuri gukora babiribabiri umwitozo w'inyunguramagambo uri mu bitabo byabo. Yobora abanyeshuri bakore ikosora rusange ry'umwitozo.

### Ibibazo n'ibisubizo by'umwitozo w'inyunguramagambo

1. Simbuza amagambo atsindagiye impuzanyito zayo zakoreshejwe mu mwandiko kandi wubahirize isanisha rikwiye.

**a)** **Abasaza** ba kera bari bafite ikoranabuhanga n'itumanaho bakoreshaga.

**Abakambwe** ba kera bari bafite ikoranabuhanga n'itumanaho bakoreshaga.

b) Abanyarwanda bakoreshaga uburyo **butandukanye** mu buvuzi.

Abanyarwanda bakoreshaga uburyo **bunyuranye** mu buvuzi.

c) Abantu b'**ibyiciro** binyuranye bakoresha ikoranabuhanga.

Abantu b'**ingeri** zinyuranye bakoresha ikoranabuhanga.

2. Shaka muri iki kinyatuzu, mu merekezo yacyo yose, amagambo ikenda afitanye isano n'ikoranabuhanga n'itumanaho yakoreshejwe mu mwandiko "Ikoranabuhanga ryaragikemuye" hanyuma uyandukure.

| | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| T | E | R | E | F | O | N | E | A | I |
| A | E | C | F | I | R | I | M | I | B |
| W | I | R | A | D | I | Y | O | R | A |
| B | N | I | E | B | M | E | H | I | R |
| O | P | M | N | V | M | W | I | O | U |
| S | U | A | B | G | I | A | K | B | W |
| A | W | Z | A | K | O | Z | U | I | A |
| D | A | O | V | E | J | M | I | E | T |
| U | I | H | E | M | B | E | A | Y | N |
| M | U | R | A | N | D | A | S | I | O |

**Terefoni, mudasobwa, murandasi, iradiyo, tereviziyo, firimi, ibaruwa, ingoma, ihembe.**

Tanga nk'umukoro ikibazo cya gatatu "*Ikoranabuhanga n'itumanaho ni inkingi ikomeye mu kwihutisha iterambere. Nyamara iyo rikoreshejwe nabi risenya aho kubaka. Uhereye ku bumenyi bwawe, sobanura uko ikoranabuhanga n'itumanaho rikoreshejwe nabi rigasenya aho kubaka.*" kizakosorwe mu ntangiriro y'isomo rikurikiraho.

## VI.5.2. Isomo rya kabiri: Ntera, izina ntera n'igisantera

| **Integozihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>– Gutanga inshoza ya ntera, izina ntera n'iy'igisantera.<br>– Gutahura ntera, izina ntera n'igisantera mu mwandiko.<br>– -Kugereranya ntera, izina ntera n'igisantera. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibindi. |

### 1. Intangiriro

Yobora abanyeshuri bakosore umukoro batahanye. Baza bamwe mu banyeshuri batange ibisubizo, abandi babigorore byandikwe ku kibaho hanyuma abanyeshuri babyandike mu makayi yabo.

**Umukoro n'urugero rw'ibisubizo**

Ikoranabuhanga n'itumanaho ni inkingi ikomeye mu kwihutisha iterambere. Nyamara iyo rikoreshejwe nabi risenya aho kubaka. Uhereye ku bumenyi bwawe, sobanura uko ikoranabuhanga n'itumanaho rikoreshejwe nabi ryasenya aho kubaka.

Ikoranabuhanga rishobora gukoreshwa ibibi byinshi:

– Rikorerwaho ubujura bwiba mu mabanki n'amakonti y'abantu;
– Rikoreshwa mu gukwirakwiza no kwigisha ibikorwa by'urukozasoni;
– Ikoranabuhanga rifasha imitwe y'iterabwoba gutumanaho no gukwirakwiza icengezamatwara ryabo.

### 2. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora **igikorwa 6.2** kiri mu bitabo byabo. Amatsinda amwe akore kuri ntera, andi akore ku mazina ntera n'andi ku bisantera. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

*Uhereye ku bumenyi usanzwe ufite, wifashishije ingero, tanga inshoza kandi utandukanye ntera, izina ntera n'igisantera.*

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Kuri buri ngingo hamurike itsinda rimwe. Fatanya n'abagize andi matsinda kugorora no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Ibisubizo byanogejwe**

**Ntera, izina ntera n'igisantera**

1. **Ntera**

**a) Inshoza ya ntera n'uturango twayo**

Ntera ni ijambo rigaragira izina rigasobanura imiterere, imimerere n'ingano by'ibyo iryo zina rivuga. Ntera yegerana n'izina ifutura cyangwa bigahuzwa n'inshinga "ni", "si", ri", "kuba"n'izindi zivuga imimerere. Ntera yisanisha mu nteko zose z'amazina. Ntera yifashishwa mu kugaragaza indanganteko y'izina igaragiye iyo indanganteko yaryo itigaragaza. Ntera ishobora gusimbura izina igaragiye igafata indomo yaryo, bityo ikitwara nk'izina.

**Ingero:**

– Uyu mwana **muremure** ni mwiza.
– Ihohoterwa si ryiza mu muryango nyarwanda.
– Wa mukobwa wari **muto** yabaye **munini** aho amariye gushaka.
– Kamanzi ni u**mu**sore **mu**nini kandi **mu**remure.
– Uru **ru**kweto ni **ru**shyashya.
– Uyu mukobwa yiga mu ishuri **ri**kuru.
– **Abakuru** n'**abato** bunganirane.
– Imana ivubira imvura **ababi** n'**abeza**.

**b) Urutonde rwa ntera z'Ikinyarwanda**

– nini: umwana **munini**
– inshi: ibishyimbo **byinshi**
– bi: ibirayi **bibi**
– tindi: agapfunyika **gatindi**
– gari:inzu **ngari**
– iza: umunsi **mwiza**
– sa/sa-sa:ibijumba **bisa**/ amazi **masamasa**

- zima: urukwavu **ruzima**
- to/-to-to/-toya: amasaka **mato**, umuhungu **mutomuto**, ishyamba **ritoya**
- toto: igiti **gitoto**
- ke/keya/ke-ke: ibiryo **bike,** amazi **makeya**, umuti **mukemuke**
- kuru: inka **nkuru**
- bisi: ibishyimbo **bibisi**
- shya/shyashya: amakanzu **mashya**, igitambaro **gishyashya**
- gufi/gufiya: insina **ngufi,** urugo **rugufiya**
- re-re: umusozi **muremure**
- tagatifu: ahantu **hatagatifu**
- hire: urugo **ruhire**
- taraga: umukecuru **mutaraga**
- nzinya, nzunyu, nuya, niniya, nzuzunya, nunuya, niniriya, nziginya, nzugurunyu: uburo **bunzinya**, uturayi **tunziginya**

**2. Izina ntera**

Izina ntera ni izinarifite umumaro wo gusobanura irindi zina riherekeje cyangwa risimbura. Izina ntera rigaragaza ubwoko, akarere, ibara cyangwa inkomoko y'ikivugwa.Amazina ntera yisanisha mu nteko nyinshi ugereranyije n'amazina asanzwe. Izina ntera n'izina risobanura bihuzwa n'ikinyazina ngenera, inshinga **ni,si, -ri** cyangwa **kuba**. Ntera yafashe indomo na yo ihinduka izina ntera kuko rigumana umumaro wo gusobanura izina risimbura.

**Ingero:**

- Abagabo b'**abarera**bakunda guhiga amasaka.
- Amasuka y'**amaberuka** ntakiboneka.
- Yaguze inkweto z'**umutuku**.
- Umwenda w'**umutirano** ntumara imbeho.
- Uyu muceri si **umushinwa.**
- Wa mukobwa wange yashatswe n'umusore w'**umurundi** biganye.
- Indagara z'**intanzaniya**.
- Umushyitsi abaye **umuzungu** yahagerera ku gihe.
- Iyi shati ari **umutuku** ni ho nayigura.
- Inka z'**inzungu** zirakamwa: **Inzungu** zirakamwa.
- Uyu mwarimu ni **umunyarwanda**
- Umunyeshuri mwiza agira ishyaka. **Umwiza** agira ishyaka.

### 3. Igisantera n'uturango

Igisantera ni ijambo rifite umumaro nk'uwa ntera wo kugaragira izina no kurisobanura ariko ku rwego rw'intego ntirimere nka ntera kuko ritisanisha mu nteko kimwe na yo.

**Ingero:**

- Umusaza **rukukuri** /abasaza **rukukuri**
- Umugore **gito**
- Umuco **gakondo**
- Inama **mpuzamahanga.**
- Ishuri **nderabarezi**
- Itegeko **teka**

**Ikitonderwa**

Hari ibisantera bimwe bijyana n'amagambo yagenwe ku buryo ayo magambo yitwara nk'inyumane.

**Ingero :**

- Umuhoro **muhanya** utema ibizarama.
- Umurimo **mwitumo** ukiza nyirawo.
- Inyoni **nyoro** ntitora mu ruhuri.
- Umwana **murizi** ntakurwa urutozi.
- Nta wutagira marayika **murinzi.**
- Amazi **masabanonta** mara inyota.
- Umutima **muhanano** ntiwuzura igituza.
- Inyandiko **mvugo**

**Umwitozo**

Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo buri wese ku giti ke . Yobora abanyeshuri bakore ikosora rusange ry'umwitozo.

**Ibibazo n'ibisubizo by'umwitozo**

1. Garagaza ntera, amazina ntera n'ibisantera biri mu nteruro zikurikira:

a) Nasuye inzu ndangamurage y'u Rwanda.

b) Amazi menshi cyane yangiza imyaka.

c) Amatama masa ntasabira inka igisigati.

d) Amagi y'amazungu agura make.

e) Umwenda w'umukara urashyuha.

f) Imikino mpuzamahanga irahimbaza.

g) Abana bato bakenera kwitabwaho.

h) Nkunda imbyino gakondo.

2. Tanga ingero ebyirebyiri z'interuro zirimo zirimo: ntera, izina ntera n'igisantera.

3. Gereranya igisantera, ntera n'izina ntera ugaragaze icyo bihuriyeho n'itandukaniro ryabyo.

## VI.5.3 Inshinga

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>– Gutanga inshoza y'inshinga no gutandukanya amoko y'inshinga.<br>– Gusobanura ibihe n'uburyo by'inshinga.<br>– Gukoresha inshinga mu mvugo no mu nyandiko yubahiriza ibihe n'uburyo byayo. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibindi. |

**Intangiriro**

Baza ibibazo ku isomo riheruka.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

**Garagaza ntera, amazina ntera n'ibisantera biri mu nteruro zikurikira:**

a) Umwiza nari naguhitiyemo bawujyanye.

b) Umuryango wa Rutabingwa na Kabanyana ni umuryango ntangarugero aho batuye.

c) Umuhungu wa Rutabikangwa yari yambaye ishati y'umutuku.

d) Hashize igihe kirekire tutabonana na we.

**Amazina ntera:** umwiza, umutuku

**Ntera:** kirekire

**Ibisantera:** ntangarugero,

**2. Uko isomo ritangwa**

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora **igikorwa 6.3** kiri mu bitabo byabo. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

*Ushingiye ku bumenyi ufite, kora ubushakashatsi ugaragaze*

- *Inshoza y'inshinga,*
- *Ubwoko bw'inshinga,*
- *Ibihe bikuru by'inshinga*
- *Uburyo by'inshinga.*

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Amatsinda asimburane amurika buri tsinda ingingo imwe. Yobora abagize andi matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Ibisubizo byanogejwe**

1. **Inshoza**

Inshinga ni ijambo ryumvikanisha igikorwa, imiterere/ imimerere n'imico bya ruhamwa mu nteruro. Muri make, inshinga ni yo itanga ubutumwa bw'ibanze mu nteruro.

**Ingero:**

- Minani **arahinga** mu gishanga.
- Mukamusoni **aritonda.**
- Uyu musore **arabyibushye.**

2. **Ubwoko bw'inshinga**

Inshinga z'Ikinyarwanda ziri mu matsinda abiri. Inshinga isanzwe n'inshinga idasanzwe. Inshinga isanzwe ni inshinga ijya mu buryo bw'imbundo kandi igatondagurwa mu bihe bitandukanye naho inshinga idasanzwe ni inshinga itajya mu buryo bw'imbundo ntinatondagurwe mu bihe byose. Inshinga idasanzwe isimbuzwa izindi nshinga bihuje inyizo mu bihe idatondagurwamo. Inshinga idasanzwe initwa kandi inshinga nkene cyangwa mburabuzi.

a) **Inshinga idasanzwe**

Inshinga zidasanzwe, inshinga nkene cyangwa inshinga mburabuzi mu Kinyarwanda ni esheshatu gusa ari zo: **ni, si, -ri, -fite, -ruzi, -zi.** Mu bihe zidatondagurwamo, "**ni**" isimburwa no "**kuba**", "**si**" isimburwa no "kutaba", "**-ri**" isimburwa no "**kuba**", "**-fite**" isimburwa no "**kugira**", "**-ruzi**" isimburwa no "**kubona**" cyangwa "**kureba**" naho "**-zi**" igasimburwa no "**kumenya**".

**Ingero:**

- Amasaka **si** amasunzu.

– Mahoro **ni** umuganga.
– Gasore **afite** imyaka itanu.
– **Ndamuruzi** nguriya.
– **Muzi** ubwenge.

**b) Inshinga isanzwe**

Inshinga isanzwe iyo idatondaguwe iba iri mu mbundo kuko iba itagaragaza ngenga irimo cyangwa ikerekezwaho igikorwa, imimerere cyangwa imico bivugwa n'inshinga. Inshinga isanzwe iyo itondaguwe iba igaragaza ngenga itondaguwemo, ngenga irimo n'igihe itondaguwemo.

**Ingero:**

– **Nzakora** ikizami ejo.
– **Kwigabirashimisha.**
– **Oga** vuba tugende.
– **Twaratsinze** twese.

**3. Ibihe by'inshinga**

Inshinga ishobora kuvuga ibirikuba aka kanya, ibiba ubusanzwe, ibigiye kuba, ibizaba bitinze, ibyabaye uyu munsi cyangwa ibyabaye kera. Ibi byose bikubirwa mu bihe bitatu by'ingenzi ari byo indagihe, impitagihe n'inzagihe.

**a) Indagihe**

Indagihe ivuga ibiba muri aka kanya, ibiba ubusanzwe n'ibyabaye kera bivugwa mu nkuru. bityo ikagabanywamo indagihe y'ubu, indagihe y'ubusanzwe, indagihe y'imbarankuru.

– **Indagihe y'ubu**

Indagihe y'ubu cyangwa indagihe y'aka kanya yumvikanisha ikirimo gukorwa ubu mu kanya ko kuvuga.

**Ingero**

**Ndahinga** mu rutoki.

**Turarya** ibishyimbo.

**Baratetse.**

– **Indagihe y'ubusanzwe**

Indagihe y'ubusanzwe yumvikanisha igikorwa gisanzwe gikorwa, gihora kiba. Ntawamenya intangiriro n'iherezo ryacyo.

**Ingero**

Izuba **rirasa** mu gitondo.

**Nkunda** gusoma ibitabo.

Uyu muti **uvura** inzoka.

- **Indagihe y'imbarankuru**

Indagihe y'imbarankuru ikoreshwa havugwa ibyabaye kera nk'aho ari iby'ubu.

**Ingero**

Umwarimu **arahaguruka, arababwira** ati: "Mwigane umwete bizabafasha".

**b) Impitagihe**

Impitagihe ivuga ibintu byahise kare cyangwa ibyabaye kera.Igabanyijemo impitakare n'impitakera.

- **Impitakare**

Impitakare yumvisha igikorwa kirangiye cyangwa icyakozwe uyumunsi.

**Ingero**

Uyu munsi nateye urubingo.

Mu gitondo baharuraga umuhanda.

- **Impitakera**

Impitakera yumvisha igikorwa cyarangiye mu gihe cyahise uhereye ejo hashize.

**Ingero**

**Nabyinaga** mu itorero Indangamuco.

Umwaka ushize **nasomye** ibitabo byinshi.

**Yize** Bibiliya akiri muto.

**Twarakoraga** tugataha.

**c) Inzagihe**

Inzagihe ivuga ibiza kuba cyangwa ibizaba nyuma y'igihe cyo kuvuga. Igabanyijemo inzahato n'inzakera.

- **Inzahato**

Inzahato ivuga ibiri bube nyuma yo kuvuga ariko ntibifatire undi munsi.

**Ingero**

Ku gicamunsi **uratera** umupira.

Mu kanya **uramperekeza** ku isoko.

**Araza** kukubwira igikenewe.

- **Inzakera**

Inzakera ivuga ibizaba ejo cyangwa mu bihe bizakurikiraho.

**Ingero**

**Tuzaririmba** indirimbo z'agakiza.

**Muzadusura** ryari?

**Muzagera** ku iterambere mu itumanaho.

4. **Uburyo bw'inshinga**

Uburyo ni imigendekere y'inshinga igaragaza imiterere y'ubwumvane iri hagati y'uvuga n'ubwirwa kimwe n'uko uvuga yitwara mu magambo ye. Uburyo bw'inshinga mu Kinyarwanda ni ubu bukurikira: ikirango, imbundo, integeko, inyugo, ikigombero, inyifurizo, inziganyo n' insano.

**a) Ikirango**

Inshinga iri mu uburyo bw'ikirango iyo igaragaza igikorwa cyangwa imimerere by'ihame, mu buryo budashidikanya.

**Ingero :**

- **Turiga** isomo ryo kubungabunga ibidukikije.
- **Ntibatema** ibiti bikiri bitoto.
- Ejo **wasomaga** inkuru isekeje.
- Kanyana **yagiye** i Kigali gusura mubyara we Kayitesi.

**b) Integeko**

Integeko ni uburyo bw'inshinga butanga itegeko.

**Ingero:**

- **Vuga** inshamake y'inkuru wasomye
- **Mwandike** inkuru ndende ku nsanganyamatsiko mwihitiyemo.
- **Bivuge** neza uko byagenze.
- **Wivuga** inkuru utahagazeho.

c) **Inyungo**

Inshinga iba itondaguye mu buryo bw'inyungo iyo ikoreshejwe nk'icyuzuzo k'indi nshinga itondaguye maze ibikorwa cyangwa imimerere bikaza biherekeje ibindi.

**Ingero:**

- Amusanga mu nzira **ahagaze**.
- Yagiye **atamuhaye** ibyo guteka.
- Mwatashye **bwije**.
- Baje **banyerera**.
- Uryama **witambitse**.

d) **Imbundo**

Imbundo ni uburyo inshinga ibamo ikavuga igikorwa cyangwa imimerere bitagize uwo bicirirwaho cyangwa icyo byerekezaho.

**Ingero:**

- Ngiye **kuvoma**.
- **Kurya** cyane si ko **kubyibuha**.

e) **Ikigombero**

Ikigombero ni uburyo inshinga ibamo ikavuga igikorwa gishingiye ku kindi kikagaragaza ikifuzo cyangwa inkurikizi. Ikigombero kivuga igikorwa ngombwa kuko kifujwe.

**Ingero:**

- Namubwiye ngo **avuge** amakuru yakuye mu itorero.
- Nagende **yihane** kujya ashuka abana bato.
- Ndagira ngo **utahe.**
- Muzasya **mvome**.
- Nimuze **mbatume.**
- Murekure **agende**.

f) **Inziganyo**

Inziganyo ni uburyo buvuga igikorwa buteganya ko cyabaho ari uko habaye ikindi. Ni ukuvuga igikorwa gishingira ku kindi kugira ngo kibeho.

**Ingero:**

- Mukoranye umwete **mwakira** vuba.
- Mbonye ubushobozi **nakwiga**.
- Ubonye umwanya **wazadusura**.

– Mukurikije inama z’ababyeyi **ntimwahura** n’ingorane.

**g) Inyifurizo**

Inyifurizo ni uburyo buvuga icyo umuntu yiyifuriza cyangwa yifuriza nyakubwirwa cyangwa nyakuvugwa. Hashobora kwifuzwa ibyiza cyangwa ibibi. Kwifuza ibibi ni ugutukana.

**Ingero**

– **Kabyare** hungu na kobwa!
– **Muragakira!**
– **Muragwira!**
– **Mwogahirwa** mwe!

**h) Insano**

Insano cyangwa insobanuzi ni uburyo inshinga itondagurwamo igasobanura izina cyangwa irindi jambo ririsimbura.

**Ingero:**

– Umurimo **dushinzwe** tuwukorane umwete.
– Imirima **bahinga** ni iyabo.
– Urusaku **numva** ni urw’iki?
– Ibyo **naguhaye** uzabimuhe.

**Umwitozo**

Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo buri wese ku giti ke. Nibarangiza ubayobore bakore ikosora rusange.

**Imyitozo**

1. Tanga urugero rw’interuro irimo inshinga itondagye:

a) mu ndagihe y’ubusanzwe

b) mu mpitagihe y’impitakera

c) mu nzagihe y’inzavuba

2. Vuga uburyo bw’inshinga ziri mu ibara ry’umukara.

a) Mbonye imbuto **natera**.

b) Igihe nari mu ishuri **wansakurizaga.**

c) Ibyo **yakoze** bizamukoraho.

d) Bateka ***bicaye***.

3. Koresha izi nshinga mburabuzi mu nteruro wishakiye:

a) -ruzi

b) -ri

c) -fite

## VI.5.4 Isuzuma rusoza umutwe wa gatandatu

| **Ibigenderwaho mu isuzuma risoza umutwe wa mbere** |
|---|
| Ubushobozi bwo:<br>– Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko uvuga ibijyanye n'ikoranabuhanga n'itumanaho agaragaza ingingo zingenzi.<br>– Ubushobozi bwo gutahura no gukoresha ntera, izina ntera n'igisantera.<br>– Ubushobozi bwo gukoresha neza inshinga mu bihe byayo no mu buryo bwayo. |

Ifashishe ibibazo biri mu gitabo cy'umunyeshuri hanyuma utegurire abanyeshuri isuzuma. Saba abanyeshuri kwitegura gukora isuzuma risoza umutwe wa gatandatu buri wese ku giti ke.

**Urugero rw'ibibazo by'isuzuma:**

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko**

1. Umunyarubuga mukuru muri iyi nkuru afite iyihe ntego?
2. Garagaza uruhare rw'ababyeyi mu gufasha uwineza kugera ku nzozi ze.
3. Wifashishije umwandiko sobanura ubutwari bwa Uwineza.
4. Garagaza ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko.
5. Ukeka ko ikoranabuhanga ryaba ryarafashije iki Uwineza mu rugendo rwo kugera ku nzozi ze.

**II. Ibibazo by'inyunguramagambo**

1. Sobanura amagambo akurikira ukurikije inyito afite mu mwandiko:

a) Inyamibwa

b) Arakihanangiriza

c) Umuherwe

d) Abiva imuzingo

**2. Ubaka interuro iboneye ukoresheje buri jambo muri aya akurikira:**

a) Nk'unywa amazi

b) Kubicukumbura

c) Indashyikirwa

d) Agahebuzo

**III. Ibibazo ku kibonezamvugo**

1. Tandukanya ntera, izina ntera n'igisantera wifashishije ingero.

2. Koresha mu nteruro inshinga zikurikira mu bihe byasabwe

a) -ruzi (inzagihe)

b) kubiba (impitagihey'impitakera)

c) kudoda (indagihe y'ubusanzwe)

d) gukoresha (inzagihe y'inzavuba)

3. Koresha inshinga "**gutsinda**":

a) mu nyifuzo

b) Mu ntegeko

c) mu nziganyo

d) mu nyungo

# UMUTWE WA 7
# KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE

## VII.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura umwandiko uvuga ku kubungabunnga ibidukikije hagaragazwa ingingo z'ingenzi ziwugize.
- Gusesengura amazina akomoka ku yandi n'amazina akomoka ku nshinga.

## VII.2.Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

- Akamaro ko kubungabunga ubuzima.
- Inyuguti n'ibihekane by'Ikinyarwanda.

## VII.3 Ingingo nsanganyamasomo

| Ingingo nsanganyamasomo | Aho igaragara mu muri uyu mutwe |
|---|---|
| Uburinganire n'ubwuzuzanye | Mu bikorwa byose umwarimu yita ku banyeshuri b'ibitsina byombi.<br><br>Mu ifoto ijyanye n'inkuru no mu banyarubuga b'ibitsina byombi bigaragara mu mwandiko. |
| Uburezi budaheza | Mu bikorwa byose umwarimu yita ku banyeshuri bose harimo n'abafite ibyo bagenerwa byihariye. |
| Kubungabunga ibidukikije | Iyi ngingo igaragarira mu mwandiko no mu bibazo byo kungurana ibitekerezo. |

## VII.4 Igikorwa cy'umwinjizo

Saba abanyeshuri gukora igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

**Urugero rw'igikorwa n'urugero rw'ibisubizo**

*Uhereye ku bumenyi usanzwe ufite kora ubushakashatsi:*

- *Ugaragaze uruhare rw'ibidukikije ku mibereho myiza ya muntu*
- *Ugaragaze amazina y'Ikinyarwanda akomoka ku yandi moko y'amagambo.*

Ibidukikije bifite uruhare mu mibereho myiza y'umuntu kuko ibimutunga byose biva mu bidukikije, byaba ibiribwa, byaba ibinyobwa, waba umwuka duhumeka ndetse n'ibyo kambara n'aho kuba biva byose mu bikikije umuntu.

Ingero z’amazina y’Ikinyarwanda akomoka ku yandi magambo: umunyamakuru, ikegeranshinga, inkundwakazi, nyirabukwe...

## VII.5. Amasomo ari mu mutwe wa gatanu n’igihe yagenewe

| **Umutwe wa gatanu: Kubungabunga ubuzima** | | **Umubare w’amasomo:8** |
|---|---|---|
| **Amasomo** | **Intego rusange** | **Umubare w’amasomo** |
| **Gusoma no gusesengura umwandiko “Kariza mu butayu”** | – Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo adasobanukiwe,<br>– Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.<br>– Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko. | **Amasomo 2** |
| **Isomo rya kabiri:** Kungurana ibitekerezo “Umuntu n’ibimukikije ni magirirane” | – Gusesengura insanganyamatsiko yatanzwe no kuyunguranaho ibitekerezo mu bwubahane.<br>– Kuvugira mu ruhame ashize amanga, atanga ibitekerezo bye. | **Amasomo 2** |
| **Isomo rya gatatu:** Ikomorazina | – Gutahura inshoza y’ikomorazina.<br>– Gutahura mu nteruro amazina yaturutse ku ikomorazina.<br>– Gutanga ingero z’amazina akomoka ku yandi moko y’amagambo | **Amasomo 2** |
| **Isomo rya gatanu: Isuzuma risoza umutwe wa karindwi** | | **Amasomo 2** |

## VII. 5.1 Isomo rya mbere: Gusoma no gusengura umwandiko "Kariza mu butayu"

| **Intego zihariye** |
| --- |
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>– Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.<br>– Gusoma no gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.<br>– Gusubiza neza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi ziriwugize. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi. |

### 1. Intangiriro

Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "**Kariza mu butayu**" bagiye gusoma akayibabazaho ibibazo.

**Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo**

**a) Mwitegereje iyi shusho murabonaho iki?**

Turabonaho abantu bafite ibikapu ku nyengero y'inyanja cyangwa ikiyaga, bamwe bararyamye bigaragara ko bananiwe.

**b) Murakeka ko bariya bantu bari gukora iki hariya cyangwa bari kujya he?**

Bashobora kuba bari mu bukerarugendo cyangwa se bari guhunga.

### 2. Uko isomo ryigishwa

**a) Gusoma bucece**

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwihwisa, bandika amagambo badasobanukiwe hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

**a) Ni ubuhe butayu abimukira bambukaga buri mu majyaruguru ya Afurika?**

Ubutayu abimuka bambuka buri mu majyaruguru y'Afurika ni ubutayubwa Sahara.

**b) Ni akahe kamaro k'amazi kagaragara mu mwandiko?**

Amazi aranyobwa, amazi acumbikiye udukoko n'inyamaswa zaremewe kuba mu mazi, amazi atuma imyaka duhinga yera.

**b) Gusoma baranguruye**

Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho basoma nabi kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

**c) Gusobanura amagambo no gusubiza ibibazo ku mwandiko**

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Saba abanyeshuri gukora **igikorwa 7.1** kiri mu gitabo cyabo ubahe n'igihe cyo kugikora. Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

*Soma umwandiko ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko kandi usubize n'ibibazo byawubajijweho.*

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Itsinda rimwe rimurike ibijyanye n'inyunguramagambo irindi rimurike ibijyanye n'ibibazo byabajijwe ku mwandiko. Fatanya n'abagize andi matsinda kugorora no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe**

**Gusobanura amagambo**

a) **Amapfa:** Icana cyane ry'izuba rituma ibimera byuma, amazi agakama mu bishanga, mu migezi n'inzuzi.

b) **Ubutayu:**

– Ahantu hataba amashyamba cyangwa ibindi bimera ngo bihakingirize; hagizwe n'amabuye n'umucanga.

– Ahantu hadatuwe kuko ubuzima buba budashoboka.

c) **Akaga:** Ibibazo bikomeye bishobora no gutera urupfu.

d) **Gusuhukira:** Kwimukira ahandi hantu uhunga inzara.

e) **Utwangushye:** Ibintu bike ariko by'ingirakamaro

f) **Impamba:** Ibyo kurya umuntu yitwaza kugira ngo bimutunge ku rugendo.

g) **Kugotomera:** Kunywa n'ingoga amazi menshi cyangwa ikindi kinyobwa bitewe n'inyota nyinshi cyangwa umururumba umuntu afite.

h) **Kurorongotana:** Kugenda utazi iyo ujya.

i) **Kuzibiranya:** Kubuza guhumeka.

j) **Inzogera irirenga:** Gupfa k'umuntu cyangwa ikintu.

k) **Kwisunga abandi:** kwegera abandi ngo mugire igikorwa mufatanya gukora.

l) **Inyanja:** Amazi magari

m) **Ibikingi:**

- Isambu nini cyane y'umuntu ahinga akayibyaza umusaruro.
- Ibiti bibiri biba bishinze ku marembo aho umuntu yinjirira ajya cyangwa ava mu rugo.

n) **Gufatira runini:** Kugirira umuntu cyangwa ikintu akamaro.

o) **Umwuma:** Inyota y'ikirenga imarwa no kunywa amazi afutse.

p) **Pariki:** Agace k'igihugu karimo amashyamba kahariwe inyamaswa zo mu gasozi kugira ngo zidacika burundu.

r) **Amarebe:** Ubwoko bw'ibimera biba mu mazi adatemba cyangwa se atemba buhoro.

**Kumva no gusesengura umwandiko**

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko**

1. **Ni ubuhe butayu abimukira bambukaga buri mu majyaruguru ya Afurika?**

Ubutayu abimukira bambuka buri mu majyaruguru ya Afurika ni Ubutayu bwa Sahara.

2. **Aba bimukira bafashe umwanzuro wo gusuhuka, berekera i Burayi. Ni iyi he nyanja bambutse mbere yo kugerayo?**

Bambutse inyanja ya Mediterane

3. **Ni iki cyatumye Kariza ahitamo kwiga ibijyanye no kurengera ibidukikije?**

Kariza yahisemo kwiga ibijyanye no kurengera ibidukikije kuko yababajwe n'urupfu rw'abantu baguye mu butayu harimo n'abo mu muryango we biturutse ku ngaruka zo kwangiza ibidukikije.

4. **Sobanura akamaro k'ibidukikije ku buzima bwa mu ntu?**

Ibidukikije bifite akamaro kanini ku buzima bwa muntu. Ibikikije muntu ni byo akuramo ibimutunga, byaba ibiribwa cyangwa ibinyobwa. Ibitunga umuntu bikomoka ku bimera cyangwa ku nyamaswa. Ibikikije umuntu ni byo yifashisha ngo abone aho aba cgwa atura nk'ubutaka n'ibimera. Ikindi kandi ibikikije umuntu ni byo akuramo ibyo yambara nk'ibimera n'inyamaswa.

5. **Garagaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.**

Ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko ni izi zikurikira:

- Itera ry'amapfa.
- Isuhuka ry'abaturage bo muri Afurika y'amajyaruguru.
- Urugendo rurerure rwo mu butayu
- Urupfu rutewe n'umwuma rwa bamwe mu bari basuhutse.
- Kuramirwa n'amazi kuri bamwe bari bagifite akuka.
- Impamvu tugomba kubungabunga amazi n'amashyamba
- Impamvu tugomba kubungabunga ibidukikije muri rusange.

**6. Iyo bavuze ngo "Nutema kimwe uge utera bibiri" baba bashatse kuvuga iki?**

Iyi mvugo isaba abantu kurengera ibiti. Igihe cyose umuntu atemye igiti agomba gutekereza uburyo bwo gusimbuza ibiti byatemwe cyangwa byarimbuwe.

**d) Umwitozo**

Saba abanyeshuri gukora babiribabiri umwitozo w'inyunguramagambo uri mu bitabo byabo. Yobora abanyeshuri bakore ikosora rusange ry'umwitozo.

**Ibibazo n'ibisubizo by'umwitozo w'inyunguramagambo**

1. Simbuza amagambo yanditse atsindagiye andi bivuga kimwe dusanga mu mwandiko wubahiriza isanisha.

a) **Ukuva kw'izuba ryinshi kandi rikabije** byateye ikama ry'ibiyaga n'ibishanga.

**Amapfa** yateye ikama ry'ibiyaga n'ibishanga.

b) Amage arisha umugabo ikivuza, inzara se ntiyatumye **duhunga** tukerekeza i Bushi!

Amage arisha umugabo ikivuza, inzara se ntiyatumye **dusuhuka** tukerekeza i Bushi!

c) Amazi yarabuze mu mudugudu wacu **icyaka gikabije** gituma benshi batakaza ubuzima.

Amazi yarabuze mu mudugudu wacu **umwuma** utuma benshi batakaza ubuzima.

d) Gahigi na Mpwerazikamwa bamaze iminsi **bijajaye** basubiye mu kibuga.

Gahigi na Mpwerazikamwa bamaze iminsi **bazanzamutse** basubiye mu kibuga.

e) Amazi n'amashyamba **bidufitiye akamaro kanini**, ntawarota yangiza ibyo bidukikije.

Ni byiza kuvana **amarebe** mu mazi mu rwego rwo kuyabungabunga no kuyarinda umwanda.

2. Koresha amagambo akurikira mu nteruro wihimbiye ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko.

– **Gusuhuka**

Mu bihe bya kera amapfa yarateraga maze abantu **bagasuhuka** bashaka uburyo bakomeza kubaho.

– **Ubutayu**

Abanyarwanda batitonze ngo babungabunge ibidukikije, bazatuma Igihugu cyacu gihinduka **ubutayu.**

– **Amapfa**

Nta cyatuma duhura n'**amapfa**, mu gihe buri wese yahaye agaciro ibidukikije.

– **Igikingi**

Uyu mugabo amaze kwigurira imodoka bitewe no kubyaza umusaruro **igikingi** ke.

Saba abanyeshuri kuzakora umukoro uri mu gitabo cyabo bazaze mu isomo rikurikiraho biteguye gutanga ibitekerezo.

**Umukoro:**

*Sobanura wifashishije ingero, ukuntu umuntu n'ibimukikije ari magirirane.*

## VII.5.2. Isomo rya kabiri: Kungurana ibitekerezo "Umuntu n'ibimukikije ni magirirane"

| **Integozihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>– Gusesengura insanganyamatsiko yatanzwe no kuyunguranaho ibitekerezo mu bwubahane.<br>– Kuvugira mu ruhame ashize amanga, atanga ibitekerezo bye. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibindi. |

1. **Intangiriro**

Baza abanyeshuri ibibazo by'isubiramo ku mwandiko "Kariza mu butayu".

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

a) **Umwandiko "Kariza mu butayu" uvuga ku yihe nsanganyamatsiko?**

Uvuga ku nsanganyamatsiko yo kubungabunga ibidukikije.

b) **Utekereza ko ari iki cyatumye ibyo kurya n'ibyo kunywa bishira bataragera iyo bajya kandi barahagurutse biteguye uko bashoboye?**

Bageze mu butayu, bahura n'abandi bimukira, bagenda basangira ibyo babaga bafite cyane ko burya ubushobozi bw'abantu buba butangana. Urugendo rwabaye rurerure nuko ababaga babimaze, basangiraga n'ababaga bakibifite.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gusoma umwitozo wo kungurana ibitekerezo ugaragara mu gitabo cyabo. Basabe kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro nyungurana bitekerezo, urabayobora mu gutanga ibitekerezo byabo kandi aze no kumurika ibitekerezo byavuye mu itsinda rye.

**Insanganyamatsiko**

*Sobanura wifashishije ingero, ukuntu umuntu n'ibimukikije ari magirirane.*

Mu gihe bungurana ibitekerezo, gendagenda mu ishuri ugenzura ko abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo kugira ngo abatabyitabira ubibashishikarize n'abakeneye ubufasha abubahe.

Igihe wabahaye kirangiye saba abahagarariye amatsinda kumurika ibitekerezo byo mu matsinda yabo uze kubafasha gukora umwanzuro ku byo bunguranyeho ibitekerezo wandikwe ku kibaho.

**Urugero rw' ibitekerezo:**

Kuvuga ko umuntu n'ibimukikije ari magirirane ni ukuvuga ko umuntu akeneye ibimukikije ariko ni ibidukikije bikeneye umuntu.

**Ingero :**

Umuntu akeneye ibimera kugira ngo abone ibimutunga, abone ibyo yambara, abone ibyo yubakisha, abone umwuka mwiza…

Nyamara ibimera na byo bikeneye umuntu kugira ngo abashe kubibungabunga, ibiri munzira yo kuzimira abikome, abitubure, abikorere bibashe kororoka…

Umuntu akenera ubutaka ngo abuhingemo ibimutunga, abwubakishe aho kuba ariko ntabwo buramukenera ngo aburengere arwanya isuri ngo itabutwara.

Umuntu akenera inyamaswa n'amatungo ngo abone ibyo kurya nk'inyama, amata ndetse n'ibyo yambara nk'inkweto, imikandara, amakote n'ibindi bikorwa mu mpu ariko inyamaswa (amatungo) nazo ziramukenera, ngo azibungabunge, azirinde ibyonnyi, azivure zarwaye…

## VII.5.3. Isomo rya gatatu: Ikomorazina

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>– Gutahura inshoza y'ikomorazina.<br>– Gutahura mu nteruro amazina yaturutse ku ikomorazina.<br>– Gutanga ingero z'amazina akomoka ku yandi moko y'amagambo. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo n'ibindi. |

### 1. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo ku mazina.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

**a) Tandukanya izina gakondo n'izina ry'iritirano**

Izina gakondo ni izina ry'umwimerere mu rurimi naho izina ry'iritirano ni izina rikomoka mu rundi rurimi.

**b) Tanga ingero ebyiri z'amazina gakondo n'ebyiri z'amazina y'amatirano.**

Amazina gakondo: umuti, uburo

Amazina y'amatirano: ishuri, isabuni

### 2. Uko isomo ritangwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora **igikorwa 7.2** kiri mu bitabo byabo. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

*Uhereye ku nkomoko y'amagambo ari mu ibara ry'umukara tsiri, tahura inshoza n'amoko y'ikomorazina hanyuma utange n'ingero z'amazina akomoka ku yandi moko y'amagambo.*

– ***Umukozi*** *mwiza ashimisha* ***umukoresha*** *we.*
– ***Umunyarwanda*** *mwiza atungira* ***agatoki*** *abashinzwe* ***umutekano*** *aho abonye ibiyobyabwenge.*
– ***Amashusho*** *akoreshwa mu* ***biganiro*** *ku bubi bw' ibiyobyabwenge afasha ababiteze amatwi gusobanukirwa.*
– ***Ibigorigori*** *babigaburira amatungo.*

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Amatsinda

asimburane amurika buri tsinda ingingo imwe. Yobora abagize andi matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Ibisubizo byanogejwe**

**1. Inshoza y'ikomorazina**

Ni uburyo bwo kubaka amazina mashya uhereye ku bundi bwoko bw'amagambo cyangwa se ku yandi mazina. Amazina menshi y'Ikinyarwanda usanga akomoka ku yandi mazina no kunshinga.

**2. Ikomorazina mvazina**

Ikomorazina mvazina ni uburyo bwo kurema amazina mashya uhereye ku yandi mazina.

**Ingero :**

- Rwanda → Abanyarwanda
- Intobo → Umutobotobo
- Umwami → Umwamikazi
- Izuba → Ikizubazuba
- Intama → Amatamatama
- Igiti → uduti
- Imana → Nyiramana
- Amahoro → Mahoro
- Ururimi → Uburimi
- Inyamaswa → Ubunyamaswa

**3. Ikomorazina mvanshinga**

Ikomorazina mvanshinga ni uburyo bwo guhimba amazina mashya afatiye ku mizi y'inshinga.

**Ingero**

- Gutaha → Itaha, itahe, intaho
- Guhinga → umuhinzi, ihinga, ubuhinge
- Gukira → ubukire, umukiro
- Gutete → ubutesi, umutesi, gatesi
- Gukina → abakinnyi, umukino
- Kudoda → umudozi, ubudozi, undodo
- Kubaza → ububaji, ababaji, imbazo

- Gusya → urusyo, umusyi
- Kurera → uburere umurezi
- Kuneka → umuneke
- Gukora → umukozi, umukoro
- Guhaha → umuhashyi, ihaho
- Guhemuka → igihemu
- Kwandura → ubwandu
- Kwererana → urwererane
- Kugenda → ukugenda, urugendo, abagenzi

**Ikitonderwa**

Rimwe na rimwe n'ubundi bwoko bw'amagambo bushobora gukomorwaho amazina.

**Ingero :**

Ntera : Umwiza, umubi, ibyinshi

Imigereka: Ineza, umunabi

**Umwitozo**

Saba abanyeshuri gukoreraa mu matsinda ya babiribabiri umwitozo uri mu bitabo byabo.

**Imyitozo n'ibisubizo byayo**

1. Tahura amazina ashingiye ku ikomorazina mu nteruro zikurikira:

**a)** **Cyuzuzo, Gatete na Cyurinyana** ni bitangiye kurengera **ibidukikije.**

b) Bamwe mu **rubyiruko** bagira **imyumvire** mibi ku bijyanye n'**akamaro** k'**ibidukikije.**

2. Garagaza amagambo amazina akurikira akomokaho:

a) Abanyarwanda: **u Rwanda**

b) Abanywi: **kunywa**

c) Imyumvire: **Kumva**

d) Umunaniro: **kunanirwa**

e) Amatamatama: **intama**

3. Tanga ingero eshatu z'amazina akomoka ku ikomorazina mvazina n'ingero eshatu z'amazina akomoka ku ikomorazina mvanshinga.

**Ikomorazina mvazina:**

**Ingero:**

Mukamana, sebishihe, umwamikazi

**Ikomorazina mvanshinga:**

**Ingero:**

Imirasire, inkundwakazi, umupfu

## VII.5.4 Isuzuma rusoza umutwe wa karindwi

| **Ibigenderwaho mu isuzuma risoza umutwe wa mbere** |
|---|
| Ubushobozi bwo:<br>– *Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko uvuga ku kubungabunga ibidukikije hagaragazwa ingingo z'ingenzi ziwugize.*<br>– *Ubushobozi bwo gukoresha amazina akomoka ku yandi n'amazina akomoka ku bundi bwoko bw'amagambo.* |

Ifashishe ibibazo biri mu gitabo cy'umunyeshuri hanyuma utegurire abanyeshuri isuzuma. Saba abanyeshuri kwitegura gukora isuzuma risoza umutwe wa karindwi buri wese ku giti ke.

**Urugero rw'ibibazo by'isuzuma:**

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko**

1. Garagaza akamaro k'ibimera kavuzwe mumwandiko.
2. Andika ibintu byangiza ikirere byavuzwe mu mwandiko.
3. Ni gute imyanda itawe mu nzuzi, ibiyaga n'inyanja igarukira mwene muntu?
4. Ni izihe ngingo z'ingenzi zavuzweho muri uyu mwandiko?
5. Uretse ingamba zavuzwe mu mwandiko, ni izihe ngamba zindi wumva zafatwa kugira ngo isi ikangukire kubungabungaibidukikije uko bikwiye?

**II. Ibibazo by'inyunguramagambo**

1. Sobanura amagambo cyangwa amatsinda y'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko

a) Umutungo kamere

b) Ubumara

c) Isanzure

d) Kwibuka ibitereko washeshe

e) Kubundarara

2. Huza amagambo yo mu ruhushya A n'ibisobanuro byayo biri mu ruhushya B

| A | B |
|---|---|
| 1. Guhumanya | a) ibibazo bikomeye. |
| 2. Akaga | B) ibyemezo bifatika kandi bihamye |
| 3. Ingamba | c) gutera indwara, kwanduza indwara |

**III. Ibibazo ku ikomorazina**

1. Tanga amazina abarabiri akomoka ku magambo akurikira:

a) Kugura

b) Imana

c) Neza

d) Amahoro

2. Tahura amazina akomoka ku yandi magambo mu nteruro ikurikira, ugaragaze n'amagambo yakomotseho.

"Mukahirwa yatubwiye ko abanyenganda bahagurukiye kugabanya ibyuka byinjira mu isanzure."

# IBITABO N'INYANDIKO BYIFASHISHIJWE


1. IKIGÔ CY'ÛBUSHAAKASHAATSI MU BY'ÛBUHAÂNGA N'ÎIKÔRANABÛHAÂNGA (n.d), Inkoranya y'Îkinyarwaanda mu Kinyarwaanda, IRST Butare, Igitabo cya 1

2. IKIGO K'IGIHUGU GISHINZWE INTEGANYANYIGISHO NCDC (2008). Imyandiko mfashanyigisho, Umwaka wa gatanu w'amashuri yisumbuye.
3. IKIGO K'IGIHUGU GISHINZWE INTEGANYANYIGISHO NCDC (2008), Imyandiko mfashanyigisho, Umwaka wa gatandatu w'amashuri yisumbuye.
4. INTEKO NYARWANDA Y'URURIMI N'UMUCO (2014). Amabwiriza ya Minisitiri no 001/2014 yo ku wa 08/10/2014 agenga imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda, Kigali.
5. NSANZABERA, J.D. (2013) Ikeshamvugo mu Kinyarwanda: imvugo isukuye, ikeshamvugo ry'amagambo akwiye n'inshoberamahanga zisobanuye. Kigali
6. JACOB I. (1983). Dictionnaire Rwandais-Français en 3 volumes, Tome premier, Kigali.
7. JACOB I. (1985). Dictionnaire Rwandais-Français en 3 volumes, Tome troisième, I.N.R.S,Butare.
8. Mgr BIGIRUMWAMI, A. (1984). Imihango n'Imigenzo n'Imiziririzo mu Rwanda, Nyundo, Troisième édition.
9. MINISTRY OF EDUCTION-RWANDA EDUCATION BOARD (2019), Ikinyarwanda, Amashuri y'isumbuye, umwaka wa 4, Amashami yiga ikinyarwanda nk'isomo rusange.
10. MINISTRY OF EDUCTION-RWANDA EDUCATION BOARD (2019), Ikinyarwanda, Amashuri y'isumbuye, umwaka wa 5, Amashami yiga ikinyarwanda nk'isomo rusange.
11. RWANDA EDUCATION BOARD (2015) Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda mu mashuri nderabarezi (TTC) umwaka 1, amashami ya siyansi n'imbonezamubano.
12. COUPEZ, A. 1980. Abrégé de Grammaire Rwanda, Tome 1,2. Butare : INRS.
13. BIZIMANA, S., 1998, Imiteêrere y'îkinyarwaanda I, IRST, Butare.
14. BIZIMANA, S., 2002, Imiteêrere y'îkinyarwaanda II, IRST, Butare.
15. MINISITERI Y'AMASHURI ABANZA N'AYISUMBUYE: Ikinyarwanda: umwaka wa munani Gashyantare 1988.
16. RWANDA EDUCATION BOARD . (2019). Iteganyanyigisho y'Ikinyarwanda mu mashuri nderabarezi (TTC) uwamaka wa 1,2&3 Ishami ry'indimi. Kigali, REB.
17. RWANDA EDUCATION BOARD . (2017). Ikinyarwanda-Amashuri yisumbuye, umwaka wa 6, Igitabo cy'umunyeshuri. Kigali-Rwanda.
18. RWANDA EDUCATION BOARD . (2017). Ikinyarwanda - Amashuri yisumbuye, umwaka wa gatatu, igitabo cy'umunyeshuri. Kigali-Rwanda.

19. RWANDA EDUCATION BOARD, 2017. Ikinyarwanda - Amashuri yisumbuye, umwaka wa gatanu, Twumve Tuvuge Dusome, Igitabo cy'umunyeshuri. Kigali-Rwanda.

20. MUTAKE, T., 1990, Ikibonezamvugo k' Ikinyarwanda: Iyigamajwi n'iyigamvugo les Editions de la Regie de l'Imprimerie scolaire.

21. RUGAMBA, C., 1985. Chansons Rwandaises ; INRS/BUTARE

22. RWANDA EDUCATION BOARD, 2018. Ikinyarwanda-Amashuri yisumbuye umwaka wa kane, igitabo cy'umunyeshuri. Kigali- Rwanda.

23. MBONIMANA G. Na NKEJABAHIZI J.C, 2011. Amateka y'ubuvanganzo nyarwanda, kuva mu kinyejana cya XVII kugeza magingo aya, Editions de l'Université Nationale du Rwanda.

**Imbuga nkoranyambaga zifashishijwe**

1. www.irembo.gov.rw

2. www.imirasire.com